<p><u>Ingingo ya 167:</u> Gukoresha ikinyabiziga gitwara ibintu mu buryo bwa rusange</p>	<p><u>Article 167:</u> Use of a vehicle for public transport of goods without authorisation</p>	<p><u>Article 167 :</u> Utilisation d’un véhicule pour transport public de biens sans autorisation</p>

<p>nta ruhushya</p> <p><u>Ingingo ya 168:</u> Kutanyuza ikinyabiziga ku munzani</p> <p><u>Akicro ka 2:</u> Amakosa n’ibihano byerekeye gutwara abantu n’ibintu mu buryo bwa rusange mu nzira ya gariyamoshi</p> <p><u>Ingingo ya 169:</u> Gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi nta cyemezo</p> <p><u>Ingingo ya 170:</u> Gukora umurimo wo gusana gariyamoshi nta cyemezo</p> <p><u>Ingingo ya 171:</u> Gukora imirimo muri gariyamoshi wakoresheje ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikoresheya nka byo n’ibindi bibujijwe</p> <p><u>Ingingo ya 172:</u> Kutamenyekanisha inkomyi cyangwa impanuka</p> <p><u>Ingingo ya 173:</u> Gukoresha gariyamoshi idafite ubwishingizi</p> <p><u>Ingingo ya 174:</u> Kutubahiriza ibiteganywa n’ubwishingizi bwa</p>	<p><u>Article 168:</u> Circumvention of a weighbridge</p> <p><u>Sub-section 2:</u> Faults and sanctions relating to public rail transport</p> <p><u>Article 169:</u> Carrying out an operation of public rail transport without a license</p> <p><u>Article 170:</u> Carrying out train repair or maintenance without a license</p> <p><u>Article 171:</u> Performing duties on board a train while under influence of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances</p> <p><u>Article 172:</u> Failure to notify an incident or an accident</p> <p><u>Article 173:</u> Operating a train without an insurance</p> <p><u>Article 174 :</u> Non-compliance with train insurance provisions</p>	<p><u>Article 168 :</u> Contournement d’un pont-bascule</p> <p><u>Sous- section 2 :</u> Fautes et sanctions relatives au transport public ferroviaire</p> <p><u>Article 169 :</u> Réalisation d’une opération de transport public ferroviaire sans licence</p> <p><u>Article 170 :</u> Effectuer la réparation ou l’entretien d’un train sans licence</p> <p><u>Article 171 :</u> Exécution des tâches à bord d’un train sous l’influence de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d’autres substances interdites</p> <p><u>Article 172 :</u> Défaut de notification d’un incident ou d’un accident</p> <p><u>Article 173 :</u> Exploitation d’un train sans assurance</p> <p><u>Article 174 :</u> Non-respect des dispositions de l’assurance pour train</p>
---	--	--

<p>gariyamoshi</p> <p><u>Akicro ka 3:</u> Amakosa n’ibihano byerekeye gutwara abantu n’ibintu mu mazi</p> <p><u>Ingingo ya 175:</u> Gukoresha ubwato butanditswe</p> <p><u>Ingingo ya 176:</u> Gukoresha ubwato butakorewe isuzuma ry’imiterere n’imikorere</p> <p><u>Ingingo ya 177:</u> Gutwara ubwato buri mu itsinda mu mazi nyabagendwa nta ruhushya</p> <p><u>Ingingo ya 178:</u> Gukorera ibikorwa mu mazi nyabagendwa cyangwa imbibi zayo utabifitiye uruhushya</p> <p><u>Ingingo ya 179:</u> Gukora umurimo wo gucunga icyambu, kubaka no gusana ubwato nta cyemezo</p> <p><u>Ingingo ya 180:</u> Kutagaragaza inyandiko z’ubwato igihe uzisabwe</p> <p><u>Ingingo ya 181:</u> Kutubahiriza amabwiriza ajyanye no gupakira</p> <p><u>Ingingo ya 182:</u> Kutubahiriza</p>	<p><u>Subsection 3:</u> Faults and sanctions relating to waterways transport</p> <p><u>Article 175:</u> Operating a non-registered vessel</p> <p><u>Article 176:</u> Use of a vessel which has not been subjected to seaworthiness inspection</p> <p><u>Article 177:</u> Navigating convoyed vessels in waterways without a permission</p> <p><u>Article 178:</u> Carrying out activities on waterways or on their right-of way without permission</p> <p><u>Article 179:</u> Carrying out port operation, vessel manufacturing, repair or maintenance without a license</p> <p><u>Article 180:</u> Deliberate failure to present vessel documents on request</p> <p><u>Article 181:</u> Non-compliance with loading requirements</p> <p><u>Article 182 :</u> Non-compliance with vessel</p>	<p><u>Sous- section 3 :</u> Fautes et sanctions relatives au transport par voies navigables</p> <p><u>Article 175 :</u> Exploitation d’un bateau non immatriculé</p> <p><u>Article 176 :</u> Utilisation d’un bateau n’ayant pas fait l’objet de contrôle technique</p> <p><u>Article 177 :</u> Naviguer un convoi de bateaux dans les voies navigables sans permission</p> <p><u>Article 178 :</u> Réaliser des activités sur des voies navigables ou dans leurs emprises sans permission</p> <p><u>Article 179 :</u> Réaliser l’exploitation d’un port, fabrication, réparation ou entretien d’un bateau sans licence</p> <p><u>Article 180 :</u> Défaut de présenter les documents d’un bateau sur demande</p> <p><u>Article 181 :</u> Non-respect des exigences en matière de chargement</p> <p><u>Article 182 :</u> Non-respect des dispositions de</p>
--	---	---

<p>ibiteganywa n’ubwishingizi bw’ubwato</p> <p><u>Ingingo ya 183:</u> Gutwara ubwato inanga itazamuye</p> <p><u>Ingingo ya 184:</u> Kutagira ibikoresho byifashishwa mu kuyobora ubwato</p> <p><u>Ingingo ya 185:</u> Kutagira ibikoresho by’umutekano byo mu bwato</p> <p><u>Ingingo ya 186:</u> Kutavana ubwato cyangwa igikoresho kireremba byagize ikibazo mu nzira nyabagendwa yo mu mazi</p> <p><u>Ingingo ya 187:</u> Kutagaragaza umurongo w’ubwikorezi n’ibimenyetso by’indiba y’ubwato</p> <p><u>Ingingo ya 188:</u> Gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu mazi mu buryo bwa rusange nta cyemezo</p> <p><u>Ingingo ya 189:</u> Gukoresha ubwato butwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange nta ruhushya</p> <p><u>Ingingo ya 190:</u> Gukora umurimo mu bwato wakoresheje ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikoreshwa nka byo n’ibindi bibujijwe</p>	<p>insurance provisions</p> <p><u>Article 183:</u> Sailing a vessel without the anchor being in fully raised position</p> <p><u>Article 184:</u> Lack of navigation equipment</p> <p><u>Article 185:</u> Lack of safety equipment on board a vessel</p> <p><u>Article 186:</u> Failure to clear grounded vessel or floating equipment off the fairway</p> <p><u>Article 187:</u> Failure to mark the load line and the vessel draft</p> <p><u>Article 188:</u> Carrying out public transport on waterways without authorization</p> <p><u>Article 189:</u> Use of a vessel for public transport on waterways without authorization</p> <p><u>Article 190:</u> Performance of duties on board a vessel while under influence of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances</p>	<p>l’assurance pour bateau</p> <p><u>Article 183 :</u> Mouvement d’un bateau sans que l’ancre soit complètement relevée</p> <p><u>Article 184 :</u> Absence d’équipement de navigation</p> <p><u>Article 185 :</u> Absence d’équipement de sécurité à bord d’un bateau</p> <p><u>Article 186 :</u> Défaut de dégager du fairway un bateau ou d’un engin flottant échoué</p> <p><u>Article 187 :</u> Défaut de faire le marquage de la ligne de charge et du tirant d’eau du bateau</p> <p><u>Article 188 :</u> Effectuer le transport public par voies navigables sans autorisation</p> <p><u>Article 189 :</u> Utilisation d’un bateau pour le transport public par voies navigables sans autorisation</p> <p><u>Article 190 :</u> Exécution des tâches à bord du bateau sous l’influence de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d’autres substances interdites</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 191:</u> Gutwara imizigo mu bwato yateza ibyago nta ruhushya</p>	<p><u>Article 191:</u> Transport of dangerous cargoes on board a vessel without permission</p>	<p><u>Article 191</u> : Transport de cargaisons dangereuses à bord d'un bateau sans permission</p>
<p><u>Ingingo ya 192:</u> Kutamenyekanisha inkomyi cyangwa impanuka</p>	<p><u>Article 192:</u> Failure to notify incident or accident</p>	<p><u>Article 192</u> : Défaut de notification d'un incident ou accident</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Ibyaha n'ibihano</p>	<p><u>Section 2:</u> Offences and penalties</p>	<p><u>Section 2</u> : Infractions et peines</p>
<p><u>Akicro ka mbere:</u> Ibyaha n'ibihano bijyanye no gutwara gariyamoshi</p>	<p><u>Subsection one:</u> Offences and penalties related to operating a train</p>	<p><u>Sous-section première</u> : Infractions et peines relatives à la conduite d'un train</p>
<p><u>Ingingo ya 193:</u> Gutwara gariyamoshi nta ruhushya rwo kuyitwara</p>	<p><u>Article 193:</u> Driving a train without train driver's license</p>	<p><u>Article 193</u> : Conduire un train sans permis de conducteur de train</p>
<p><u>Ingingo ya 194:</u> Gukora akazi mu nzira za gariyamoshi ufite igipimo cya alukolu mu maraso kiri hejuru y'igipimo ntarengwa</p>	<p><u>Article 194:</u> Performance of railway duties with blood alcohol level higher than alcohol concentration limit</p>	<p><u>Article 194</u> : Exécution des tâches ferroviaires avec un taux d'alcoolémie supérieur au taux limite</p>
<p><u>Akicro ka 2:</u> Ibyaha n'ibihano bijyanye no gutwara ubwato</p>	<p><u>Subsection 2:</u> Offences and penalties related to vessel navigation</p>	<p><u>Sous-section 2</u> : Infractions et peines relatives à la navigation d'un bateau</p>
<p><u>Ingingo ya 195:</u> Gutwara ubwato nta mpamyabushobozi</p>	<p><u>Article 195:</u> Navigating a vessel without a certificate of competency</p>	<p><u>Article 195</u> : Navigation d'un bateau sans certificat de compétence</p>
<p><u>Ingingo ya 196:</u> Gukora umurimo mu bwato ufite igipimo cya alukolo mu maraso kiri hejuru y'igipimo ntarengwa</p>	<p><u>Article 196:</u> Performance of duties on board a vessel with blood alcohol level higher than alcohol concentration limit</p>	<p><u>Article 196</u> : Exécution des tâches à bord d'un bateau avec un taux d'alcoolémie supérieur au taux limite</p>

UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	CHAPTER VII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 197:</u> Komite ku rwego rw'Igihugu ishinzwe gutwara abantu n'ibintu	<u>Article 197:</u> National Committee for Public Transport	<u>Article 197 :</u> Comité national de transport public
<u>Ingingo ya 198:</u> Kujuririra umwanzuro urebana n'icyemezo cyangwa uruhushya byahagaritswe by'agateganyo cyangwa byateshejwe agaciro	<u>Article 198:</u> Appeal against a decision related to a suspended or revoked license or authorization	<u>Article 198 :</u> Recours contre une décision relative à une licence ou une autorisation suspendue ou révoquée
<u>Ingingo ya 199:</u> Uburyozwe ku bikorwaremezo byangijwe	<u>Article 199:</u> Liability for damage caused to infrastructure	<u>Article199 :</u> Responsabilité pour dommage causé à l'infrastructure
<u>Ingingo ya 200:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 200:</u> Language provision	<u>Article 200 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 201:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 201:</u> Repealing provision	<u>Article 201 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 202:</u> Igihe cy'inziyacyuho	<u>Article 202:</u> Transitional period	<u>Article 202 :</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 203:</u> Amateka asanzwe akurikizwa	<u>Article 203:</u> Orders currently in force	<u>Article 203 :</u> Arrêtés actuellement en vigueur
<u>Ingingo ya 204:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 204:</u> Entry into force	<u>Article 204 :</u> Entrée en vigueur

<p>ITEGEKO N° 042/2023 RYO KU WA 02/08/2023 RIGENGA GUTWARA ABANTU N’IBINTU KU BUTAKA NO MU MAZI</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y’U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Werurwe 2023;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122 n’iya 176;</p>	<p>LAW N° 042/2023 OF 02/08/2023 GOVERNING LAND AND WATERWAYS TRANSPORT</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 20 March 2023;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 and 176;</p>	<p>LOI N° 042/2023 DU 02/08/2023 RÉGISSANT LE TRANSPORT TERRESTRE ET PAR VOIES NAVIGABLES</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT :</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 20 mars 2023 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 et 176 ;</p>
--	---	---

<p>Isubiye ku Itegeko n° 55/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rigenga imihanda mu Rwanda nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p>Iri tegeko rigenga gutwara abantu n’ibintu ku butaka no mu mazi.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p> <p>Muri iri tegeko:</p> <p>(a) «amasezerano ya serivisi» bivuga amasezerano akozwe hagati y’umuntu ukora umwuga wo gutwara abagenzi n’ibintu n’urwego rufite mu nshingano serivisi zo gutwara abantu n’ibintu mu buryo bwa rusange ku cyerekezo cy’urugendo kiri muri ayo masezerano;</p> <p>(b) «amazi nyabagendwa yo ku</p>	<p>Having reviewed Law n° 55/2011 of 14/12/2011 governing roads in Rwanda as amended to date;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p>This Law governs land and waterways transport.</p> <p><u>Article 2: Interpretation</u></p> <p>In this Law:</p> <p>(a) “service contract” means a contract entered into between a transport operator and the organ in charge of public transport services for a route specified in the contract;</p> <p>(b) “District waterway” means a</p>	<p>Revu la Loi n° 55/2011 du 14/12/2011 régissant les routes au Rwanda telle que modifiée à ce jour ;</p> <p>ADOPTE :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></p> <p>La présente loi régit le transport terrestre et par voies navigables.</p> <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> <p>Dans la présente loi :</p> <p>(a) « contrat de service » signifie un contrat conclu entre un opérateur de transport et l’organe ayant les services de transport public dans ses attributions pour une ligne stipulée dans ledit contrat ;</p> <p>(b) « voie navigable de District » signifie une</p>
--	---	--

<p>rwego rw’akarere» bivuga amazi nyabagendwa atarenga imbibi z’Akarere n’Umujyi wa Kigali;</p> <p>(c) «amazi nyabagendwa yo ku rwego rw’Igihugu» bivuga amazi nyabagendwa ahuriweho n’uturere cyangwa ahuza u Rwanda n’ibindi bihugu;</p> <p>(d) «amazi nyabagendwa» bivuga amazi yemejwe ko ari nyabagendwa n’urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(e) «barije» bivuga ubwato bukoze ku buryo busunikwa cyangwa bukururwa n’ubundi;</p> <p>(f) «bisi» bivuga ikinyabiziga gikora imirimo yo gutwara abantu, gifite ubushobozi bwo gutwara abantu 25 gusubiza hejuru;</p> <p>(g) «gare» bivuga ahantu rusange ha Leta cyangwa ah’umuntu, hahuza ingendo zo gutwara abantu cyangwa ibintu hakoreshejwe ibinyabiziga cyangwa gariyamoshi;</p> <p>(h) «gufata neza imihanda yo ku</p>	<p>navigable waterway within the boundaries of a District and the City of Kigali;</p> <p>(c) “national waterway” means a waterway shared between Districts or between Rwanda and other countries;</p> <p>(d) “waterway” means a body of water that is declared navigable by the competent entity ;</p> <p>(e) “barge” means a vessel designed to be pushed or towed by another;</p> <p>(f) “bus” means a vehicle used for the transport of people and whose carrying capacity is at least 25 people;</p> <p>(g) “station” means a publicly- or privately-owned public place that serves as a connecting structure between lines of transport by means of vehicles or trains;</p> <p>(h) “national road maintenance” means</p>	<p>voie navigable à l’intérieur des limites d’un District et de la Ville de Kigali ;</p> <p>(c) « voie navigable nationale » signifie une voie navigable qui se partage entre Districts ou entre le Rwanda et d’autres pays ;</p> <p>(d) « voie navigable » signifie un plan d’eau déclaré navigable par l’entité compétente ;</p> <p>(e) « barge » signifie un bateau construit pour être poussé ou remorqué par un autre ;</p> <p>(f) « bus » signifie un véhicule affecté au transport de personnes d’une capacité de chargement d’au moins 25 personnes ;</p> <p>(g) « gare » signifie un lieu public de propriété publique ou privée qui sert de structure de liaison entre des lignes de transport au moyen de véhicules ou de trains ;</p> <p>(h) « entretien des routes nationales » signifie</p>
--	---	---

<p>rwego rw'Igihugu» bivuga gukora imirimo yose ikorwa mu itunganya rya buri munsu harimo gusukura imiferege, gutema ibihuru, gukuraho inkangu ku muhanda no gusiba ibinogo;</p> <p>(i) «gusana umuhanda» bivuga imirimo yose ituma umuhanda urindwa kononekara, uba mwiza ku buryo ugendwamo neza. Iyo mirimo irebana n'imiterere y'umuhanda, ibiraro, imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwaremezo;</p> <p>(j) «gushakisha» bivuga igikorwa kigamije kugaragaza aho abantu cyangwa ibintu biri mu kaga biherereye;</p> <p>(k) «gutwara abantu n'ibintu ku butaka» bivuga gutwara abantu n'ibintu mu mihanda no mu nzira za gariyamoshi;</p> <p>(l) «gutwara abantu n'ibintu mu buryo bwa rusange» bivuga igikorwa cyo gutwara abagenzi n'ibintu hakoreshejwe ikinyabiziga, gariyamoshi cyangwa ubwato byagenewe gutwara abantu n'ibintu muri rusange ku mpamvu z'ubucuruzi;</p>	<p>the performance of any day-to-day maintenance works, including the cleaning of drainage channels, vegetation control, landslide clearing on road and fixing of potholes;</p> <p>(i) “road maintenance” means any works that allow for preserving the road from damage or improving the ride quality. Such works focus on the road shape, bridges, drainage systems and other forms of infrastructure;</p> <p>(j) “search” means an operation aimed at locating people and goods in distress;</p> <p>(k) “land transport” means the road and railway transport of people and goods;</p> <p>(l) “public transport” means an activity of transporting passengers and goods by means of a public transport vehicle, train or vessel for commercial purposes;</p>	<p>la réalisation de tous travaux quotidiens de maintenance, y compris le nettoyage de caniveaux, le contrôle de la végétation, le dégagement d'éboulements sur la route et la réparation de nids-de-poule ;</p> <p>(i) « entretien routier » signifie tous travaux permettant de protéger la route contre des dommages ou d'améliorer sa qualité de roulement. Ces travaux portent sur la forme de la route, les ponts, les systèmes de drainage des eaux et d'autres formes d'infrastructures ;</p> <p>(j) « recherche » signifie une opération visant la localisation de personnes et de biens en détresse ;</p> <p>(k) « transport terrestre » signifie le transport routier et ferroviaire de personnes et de biens ;</p> <p>(l) « transport public » signifie une activité de transport de passagers et de biens au moyen d'un véhicule, d'un train ou d'un bateau de transport public à des fins commerciales ;</p>
--	---	--

<p>(m) «ibikoresho bireremba» bivuga ibikoresho bitwara imashini zikoreshwa mu kazi mu mazi cyangwa ku byambu;</p> <p>(n) «ibikoresho bitimuka» bivuga ibikoresho bireremba bishyirwa mu mazi ariko biguma hamwe;</p> <p>(o) «ibikorwaremezo byunganira umuhanda» bivuga ibikorwa byose by'inyongera bishyirwa ku muhanda bifasha mu gutuma umuhanda uba nyabagendwa;</p> <p>(p) «icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato» bivuga icyangombwa gitangwa n'umwanditsi, kigaragaza ko ubwato bwanditswe;</p> <p>(q) «icyemezo» bivuga icyangombwa cyemewe n'amategeko gitangwa n'urwego ngenzuramikorere cyerekana ko umuntu afite ubushobozi bwo gukora umurimo ugaragara kuri icyo cyangombwa;</p> <p>(r) «icyerekezo cy'urugendo» bivuga icyerekezo gifite intangiriro n'iherezo, utwara abantu n'ibintu akoreramo;</p>	<p>(m) «floating equipment» means a floating structure carrying machinery used for work on waterways or in ports;</p> <p>(n) «floating establishment» means any floating installation not normally intended to be moved;</p> <p>(o) «road facilities» means all additional accessories on the road that facilitate proper traffic movement on the road;</p> <p>(p) «certificate of vessel registration» means a document issued by the registrar, attesting the registration of a vessel;</p> <p>(q) «license» means a legal document issued by the entity in charge of regulation showing that a person has the capacity to carry out the activity specified in such a document;</p> <p>(r) «route» means a line of travel, with well-defined origin and destination that is operated by a transport operator;</p>	<p>(m) « engin flottant » signifie une construction flottante portant des installations mécaniques et destinée à travailler sur les voies navigables ou dans les ports ;</p> <p>(n) « établissement flottant » signifie toute installation flottante qui n'est pas normalement destinée à être déplacée ;</p> <p>(o) « installations routières » signifie tous les accessoires supplémentaires disponibles sur la route qui facilitent une circulation appropriée sur la route ;</p> <p>(p) « certificat d'immatriculation d'un bateau » signifie un certificat délivré par le registraire attestant l'immatriculation d'un bateau ;</p> <p>(q) « licence » signifie un document légal délivré par l'entité ayant la régulation dans ses attributions qui prouve qu'une personne est capable d'effectuer l'activité précisée dans ce document ;</p> <p>(r) « ligne » signifie un itinéraire de voyage ayant l'origine et la destination et qui est exploité par un opérateur de transport ;</p>
---	---	---

<p>(s) «icyumba cy’umuyobozi w’ubwato» bivuga icyumba kirimo ibikoresho byose bikoreshwa mu gutwara no kuyobora ubwato;</p> <p>(t) «igenzura ry’imiterere n’imikorere y’ubwato» bivuga isuzuma rikorwa n’ikigo gifite mu nshingano kugenzura imiterere n’imikorere by’ubwato rigaragaza imiterere n’imikorere y’ubwato kugira ngo bwemererwe kugenda ku mazi nyabagendwa;</p> <p>(u) «igitabo cy’ubwato» bivuga igitabo cyandikwamo amakuru yerekeye urugendo, imirimo yo kwita ku bwato n’ibikoresho byo mu bwato;</p> <p>(v) «imfashanyigisho y’intereko y’ubwato» bivuga inyandiko irimo amakuru yerekeye intereko y’ubwato;</p> <p>(w) «imihanda y’igihugu» bivuga urusobe rw’imihanda rugizwe n’imihanda yo ku rwego rw’Igihugu, iy’uturere n’iy’Umujyi wa Kigali, imihanda y’imigenderano n’imihanda yihariye;</p>	<p>(s) “wheelhouse” means the area which houses all the control and monitoring instruments necessary for manoeuvring the vessel;</p> <p>(t) “vessel seaworthiness inspection” means a diagnostic carried out by the organ in charge of seaworthiness survey of vessels to identify the condition and operating state of the vessel before its being authorized to navigate on waterways;</p> <p>(u) “vessel’s logbook” means a book in which information on the vessel journey and maintenance activities for the vessel and for vessel equipment is recorded;</p> <p>(v) “guide to vessel stability” means a document containing information regarding the stability of the vessel;</p> <p>(w) “public road network” means a road network comprising national roads, District roads and Kigali City roads, local roads and specific roads;</p>	<p>(s) « timonerie » signifie un local où sont rassemblés tous les instruments de commande et de contrôle nécessaires à la conduite du bateau ;</p> <p>(t) « contrôle technique du bateau » signifie un diagnostic effectué par l’organe ayant le contrôle technique de bateaux dans ses attributions pour identifier l’état et le fonctionnement du bateau avant son admission à la circulation sur les voies navigables ;</p> <p>(u) « carnet de bord du bateau » signifie un livre dans lequel l’information sur le voyage du bateau, les activités d’entretien du bateau et d’équipement du bateau est enregistrée ;</p> <p>(v) « guide sur la stabilité du bateau » signifie un document contenant des informations sur la stabilité du bateau ;</p> <p>(w) « réseau routier public » signifie un réseau routier comprenant les routes nationales, les routes de District et de la Ville Kigali, les routes locales et les routes spécifiques ;</p>
---	--	---

<p>(x) «imizigo yihariye» bivuga imizigo, kubera imiterere yayo, ikenera umwihariko mu kuyipakira, mu kuyitwara no mu kuyipakurura;</p> <p>(y) «imodoka nto» bivuga ikinyabiziga kitari igare, ipikipiki n'ikinyamitende itatu, gikodeshwa, gitwara kuva ku mugenzi umwe kugera ku bagenzi batarenga 14 hamwe n'umuyobozi wacyo;</p> <p>(z) «impamyabushobozi» bivuga icyemezo urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu mazi nyabagendwa ruha umuntu ushaka gukora akazi kihariye ku bwato;</p> <p>(aa) «impanuka» bivuga ibyago bifitanye isano no gutwara abantu n'ibintu ku butaka cyangwa mu mazi nyabagendwa bigateza umuntu urupfu cyangwa gukomereka bikabije, kwangirika gukomeye kw'ibintu n'ikibitwaye cyangwa ibidukikije;</p> <p>(bb) «inanga y'ubwato» bivuga igikoresho akenshi gikoze mu cyuma kiziritse ku mugozi ufashe ku bwato kimanurwa mu mazi hasi</p>	<p>(x) “special loads” means items of cargo which, due to their nature, require special treatment during the loading, transport and unloading;</p> <p>(y) “car” means a vehicle except for a bicycle, a motorcycle and a tricycle for lease with a carrying capacity of one to 14 passengers, including the driver;</p> <p>(z) “certificate of competency” means a document issued by the entity in charge of waterways safety to a person who intends to perform a specific work on a vessel;</p> <p>(aa) “accident” means an unfortunate occurrence associated with land or waterways transport which results in death, serious injury to a person, major damage to property and to the means of transport thereof or to the environment;</p> <p>(bb) “anchor” means a device, normally made of metal and attached to a vessel by a rope, that is moved down to the bed of a body of water to hold the vessel in</p>	<p>(x) « charges spéciales » signifie des articles de fret qui, en raison de leur nature, nécessitent un traitement spécial pendant le chargement, le transport et le déchargement;</p> <p>(y) « voiture » signifie un véhicule, à l'exception d'une bicyclette, d'une motocyclette et d'une tri-cyclette à louer, d'une capacité de chargement d'un à 14 passagers, le conducteur y compris ;</p> <p>(z) « certificat de compétence » signifie un certificat délivré par l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions à une personne qui entend effectuer un travail spécifique sur un bateau ;</p> <p>(aa) « accident » signifie un événement malheureux lié au transport par voie terrestre ou par voies navigables, qui entraîne la mort, des blessures graves à une personne, des dommages graves d'ordre matériel et ceux affectant le moyen de transport ou l'environnement ;</p> <p>(bb) « ancre » signifie un dispositif, généralement en métal et attaché à un bateau par une corde, que l'on fait descendre jusqu'au fond d'un plan d'eau pour</p>
---	---	---

<p>ku butaka kugira ngo ubwato bugume aho buri;</p> <p>(cc) «indiba y’ubwato» bivuga igice cy’ubwato cyibiye mu mazi gipimwa igihe ubwato buteretse neza;</p> <p>(dd) «inkomyi» ibyago bikomoka ku gutwara abantu ku butaka cyangwa mu mazi nyabagendwa, bigateza umuntu gukomereka, kwangirika kw’ibintu cyangwa kw’ibidukikije mu buryo bworoheje;</p> <p>(ee) «intereko y’ubwato» bivuga imiterere y’ubwato iturutse ku buryo bwubatswe, bupakiwe kandi butwawe ituma buba butekanye igihe buhagaze cyangwa bugenda mu mazi;</p> <p>(ff) «inyuma h’ubwato» bivuga inyuma cyangwa ahagana inyuma ku murongo ugabanyamo ubwato kabiri;</p> <p>(gg) «inzira nyabagendwa yo mu mazi» bivuga igice cy’amazi kirombereje kiri imbere mu mbibi zitukura ku ruhande rumwe</p>	<p>place;</p> <p>(cc) “vessel draft” means a part of the vessel that is submerged in water measured when the boat is stable;</p> <p>(dd) “incident” means a hazard related to the land or waterways transport that causes slight injury or damage to property or the environment;</p> <p>(ee) “vessel stability” means a condition in which a vessel is found due to the way it is built, loaded and while under way, and as a result of which it remains in stable state, whether the vessel is moving or not;</p> <p>(ff) “astern” means behind or to the rear of a vessel in the axis of its centre line;</p> <p>(gg) “fairway” means a part of a body of water containing the navigable channel whose limits are identified by red and green marks;</p>	<p>immobiliser un bateau ;</p> <p>(cc) « tirant d’eau du bateau » signifie une partie immergée du bateau mesurée lorsque le bateau est stable ;</p> <p>(dd) « incident » signifie un danger lié au transport par voie terrestre ou par voies navigables et qui entraîne des blessures ou des dommages matériels ou environnementaux légers ;</p> <p>(ee) « stabilité du bateau » signifie un état dans lequel se trouve un bateau en raison de la manière dont il est construit, chargé et en marche, et grâce auquel il reste dans un état stable, qu’il soit en mouvement ou non ;</p> <p>(ff) « poupe » signifie derrière ou vers l’arrière d’un bateau dans l’axe de sa ligne centrale ;</p> <p>(gg) « fairway » signifie une partie d’un plan d’eau contenant le chenal navigable limité par des marquages rouges et verts ;</p>
---	--	--

<p>n'iz'icyatsi ku rundi;</p> <p>(hh) «inzira nyabagendwa» bivuga inzira inyuze ku butaka harimo, imihanda minini, imihanda mito, aho abantu benshi baturira, aho ibinyabiziga bihagarara, inzira n'utuyira two ku muhanda n'ibiraro;</p> <p>(ii) «inzira y'umuhanda» bivuga igice cy'umuhanda cyahariwe kugendwaho n'ibinyabiziga;</p> <p>(jj) «itsinda ry'ubwato» bivuga ubwato bugendera hamwe mu guterana imbaraga no mu gushaka ubwirinzi;</p> <p>(kk) «itumanaho rikoresha ikoranabuhanga mu mazi» bivuga uburyo bw'ikoranabuhanga bugezweho bwo gucunga, gutwara abantu n'ibintu mu mazi bworoshya guhererekanya amakuru ku gihe hagati y'ubwato bugenda mu mazi n'izindi nzego;</p> <p>(ll) «kapiteni wa gariyamoshi» bivuga umuyobozi mukuru w'imirimu ikorerwa muri gariyamoshi iri mu rugendo;</p>	<p>(hh) “public road” means a road through land, including highways, narrow roads, public places, terminals, roadways and sidewalks and bridges;</p> <p>(ii) “roadway” means a part of the road reserved for vehicular traffic;</p> <p>(jj) “convoy of vessels” means a group of vessels, traveling together for mutual support and protection;</p> <p>(kk) “river information system” means a modern traffic management system enhancing a swift electronic data transfer between vessels in water and other organs through in-advance and real-time exchange of information;</p> <p>(ll) “train captain” means the highest-ranking officer responsible for operations on board a moving train;</p>	<p>(hh) « route publique » signifie une voie terrestre, y compris les autoroutes, routes de petite largeur, lieux publics, terminaux, voies de circulation et trottoirs et ponts ;</p> <p>(ii) « chaussée » signifie une partie de la route réservée à la circulation de véhicules ;</p> <p>(jj) « convoi de bateaux » signifie un groupe de bateaux voyageant ensemble pour s'assurer soutien et protection ;</p> <p>(kk) « système d'information fluviale » signifie un système moderne de gestion du trafic améliorant le transfert rapide de données électroniques entre les bateaux dans l'eau et d'autres organes grâce à l'échange d'informations à l'avance et en temps réel;</p> <p>(ll) « capitaine de train » signifie un officier le plus haut gradé responsable des opérations à bord d'un train en marche ;</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special Ter of 03/08/2023

<p>(mm) «minibisi» bivuga ikinyabiziga gikoreshwa muri serivisi yo gutwara abantu, gifite ubushobozi bwo gutwara abantu kuva kuri 15 kugeza kuri 24;</p>	<p>(mm)“minibus” means a vehicle used for the transport of people and capable of transporting 15 to 24 people;</p>	<p>(mm) « minibus » signifie un véhicule utilisé dans le service de transport de personnes, capable de transporter de 15 à 24 personnes ;</p>
<p>(nn) «Minisitiri» bivuga Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano;</p>	<p>(nn) “Minister” means the Minister in charge of transport;</p>	<p>(nn) « Ministre » signifie le Ministre ayant le transport dans ses attributions ;</p>
<p>(oo) «ubutabazi» bivuga igikorwa kigamije gukura abantu mu kaga, kubaha ubuvuzi bw’ibanze cyangwa ibindi bakeneye no kubageza aho bafite umutekano;</p>	<p>(oo) “rescue” means an operation to retrieve people in distress, provide for their initial medical or other needs, and deliver them to a place of safety;</p>	<p>(oo) « sauvetage » signifie une opération destinée à récupérer des personnes en détresse, à leur donner les soins médicaux initiaux ou autres et à les mettre en un lieu sûr ;</p>
<p>(pp) «ubutaka bugenewe imihanda» bivuga ubuso bw’ubutaka bugizwe n’umuhanda ndetse n’ahagenewe kwagurirwa umuhanda;</p>	<p>(pp) “road reserve” means the surface of the ground occupied by the carriageway as well as the space reserved for future road widening;</p>	<p>(pp) « emprise routière » signifie une surface du terrain occupé par une route ainsi que l’espace destiné à l’élargissement ultérieur de cette route ;</p>
<p>(qq) «ubutaka bugenewe inzira ya gariyamoshi» bivuga ubuso bw’ubutaka bugizwe n’inzira ya gariyamoshi ndetse n’ahagenewe kwagurirwa inzira ya gariyamoshi;</p>	<p>(qq) “rail right-of-way” means a land surface occupied by the railway as well as the space intended for future widening of the railway;</p>	<p>(qq) « emprise de chemin de fer » signifie une surface du terrain occupé par le chemin de fer ainsi que l’espace destiné à l’élargissement ultérieur du chemin de fer ;</p>
<p>(rr) «ubwato butwara abagenzi» bivuga ubwato bwagenewe</p>	<p>(rr)“passenger vessel” means a vessel designed to carry out public passenger</p>	<p>(rr) « bateau à passagers » signifie un bateau destiné au transport public de passagers par</p>

<p>gutwara abantu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa;</p> <p>(ss)«ubwato butwara imizigo» ubwato butwara ibicuruzwa n’ibindi bikoresho;</p> <p>(tt) «ubwato bw’ubunyamahanga» bivuga ubwato bwanditswe mu gihugu cy’amahanga;</p> <p>(uu) «ubwato bwigengwaho» bivuga ubwato bukoreshwa ubukerarugendo, imyidagaduro, ubushakashatsi, ubutabazi, ubukoreshwa n’inzego z’umutekano cyangwa inzego za Leta hatagamijwe ubucuruzi;</p> <p>(vv) «ubwato bwihuta» bivuga ubwato, bushobora kugenda ku muvuduko urenze ibirometero 40 ku isaha (40 km/h);</p> <p>(ww) «ubwikorezi bw’ibintu» bivuga gutwara ibintu, aho igiciro cy’ubwikorezi n’izindi serivisi z’ubwikorezi hagati y’umuntu ukora umwuga wo gutwara ibintu n’uhabwa serivisi bishingira ku masezerano;</p>	<p>transport on waterways;</p> <p>(ss)“cargo vessel” means a vessel that carries goods and other materials;</p> <p>(tt) “foreign vessel” means a vessel that is registered in a foreign country;</p> <p>(uu) “private vessel” means a vessel used for tourism, leisure, research and rescue purposes, a vessel used by security organs or public entities for non-commercial purposes;</p> <p>(vv) “high-speed vessel” means a vessel capable of sailing at a speed greater than 40 kilometres per hour (40 km/h);</p> <p>(ww)“cargo transport” means the transport of goods, whereby the cost of transport and other transport services between the transporter and the service consumer are arranged on the basis of a contract;</p>	<p>voies navigables ;</p> <p>(ss)« bateau de cargaison » signifie un bateau qui transporte des marchandises et autres matériaux ;</p> <p>(tt) « bateau étranger » signifie un bateau immatriculé dans un pays étranger ;</p> <p>(uu) « bateau privé » signifie un bateau utilisé à des fins touristiques, de plaisance, de recherche et de sauvetage, bateau utilisé, à des fins non commerciales, par des organes de sécurité ou des entités publiques ;</p> <p>(vv) « bateau à grande vitesse » signifie un bateau pouvant atteindre une vitesse supérieure à 40 kilomètres par heure (40km/h) ;</p> <p>(ww)« transport de cargaison » signifie le transport de biens pour lequel le coût du transport et autres services de transport entre le transporteur et le consommateur du service sont établis sur la base d’un contrat ;</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special Ter of 03/08/2023

<p>(xx) «umugenzi» bivuga umuntu ugenda mu kinyabiziga, gariyamoshi cyangwa mu bwato bitwara abantu mu buryo bwa rusange;</p>	<p>(xx) “passenger” means a person carried on board a public passenger transport vehicle, train or vessel;</p>	<p>(xx) « passager » signifie une personne transportée à bord d’un véhicule, d’un train ou d’un bateau de transport public de passagers ;</p>
<p>(yy) «umugenzuzi wa gariyamoshi mu nzira yayo» umuntu ushinzwe imigendere n’imikorere ya gariyamoshi mu nzira zayo;</p>	<p>(yy) “train running controller” means a person in charge of train traffic and operation on railways;</p>	<p>(yy) « contrôleur de circulation ferroviaire » signifie une personne chargée de la circulation et du fonctionnement du train sur des chemins de fer ;</p>
<p>(zz) «umuhanda» bivuga igikorwaremezo gifasha mu gutwara abantu n’ibintu ku butaka, kigizwe n’ibice bigendwamo n’ibinyabiziga, abanyamaguru n’ibindi bikorwaremezo bicyunganira bituma gikoreshwa neza;</p>	<p>(zz) “road” means an infrastructure component that facilitates ground transport and comprises carriageways, sidewalks and other associated facilities allowing for proper use thereof;</p>	<p>(zz) « route » signifie un élément d’infrastructure qui facilite le transport terrestre et composé de chaussées, de trottoirs et d’autres installations qui y sont connexes permettant son usage approprié ;</p>
<p>(aaa) «umukozi ubifitiye ububasha» bivuga umukozi w’urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu muhanda, uwo mu nzira za gariyamoshi n’uwo mu mazi nyabagendwa;</p>	<p>(aaa) “authorised officer” means an officer of the entity in charge of road safety, railways safety and waterways safety;</p>	<p>(aaa) « agent autorisé » signifie un agent de l’entité ayant la sécurité routière, la sécurité des voies ferroviaires et la sécurité des voies navigables dans ses attributions ;</p>
<p>(bbb) «umukozi ukora ahaparikwa gariyamoshi» umuntu ufasha mu bikorwa byo kwinjiza cyangwa kuvana</p>	<p>(bbb) “shunter” means a person who assists with the movement of the train into or out of the depot;</p>	<p>(bbb) « agent de manœuvre » signifie une personne qui aide à faire entrer le train dans le dépôt ou à l’en faire sortir ;</p>

Official Gazette n° Special Ter of 03/08/2023

<p>gariyamoshi aho iparikwa;</p> <p>(ccc) «umukozi w’ikipe» bivuga umuntu ukora ku bwato utari umuyobozi mukuru w’ubwato;</p> <p>(ddd) «umuntu ukora umwuga wo gutwara abantu cyangwa ibintu» bivuga umuntu wemerewe gukora imirimo yo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mihanda, mu nzira za gariyamoshi cyangwa mu mazi nyabagendwa cyangwa gukora imirimo irebana na gare n’ibyambu;</p> <p>(eee) «umuntu» bivuga umuntu ku giti cye, isosiyete y’ubucuruzi, umuryango, amakoperative, ikigo cyangwa urwego bifite ubuzima gatozi;</p> <p>(fff) «umurongo w’ubwikorezi» bivuga umurongo ugomba guhora ugaragara ushyirwa ku mpande z’ubwato ugaragaza aho indiba igarukira iyo ubwato bupakiye kugeza ku buremere ntarengwa;</p> <p>(ggg) «umuyobozi mukuru</p>	<p>(ccc) “crew member” means an officer, other than a boatmaster, who works on a vessel;</p> <p>(ddd) “transport operator” means a natural or legal person who is licensed to operate public transport by road, railways or waterways or to operate stations or ports;</p> <p>(eee) “person” means an individual, company, organization, cooperative, enterprise or organ with legal personality;</p> <p>(fff) “load line” means a permanent line marked on the sides of a vessel which depicts the maximum permitted load it can carry;</p> <p>(ggg) “boatmaster” means a person in</p>	<p>(ccc) « membre d’équipage » signifié un agent qui, autre qu’un capitaine, travaille sur un bateau ;</p> <p>(ddd) « opérateur de transport » signifie une personne physique ou morale titulaire d’une licence de transport public par route, chemin de fer ou voies navigables ou d’exploitation de gares ou de ports ;</p> <p>(eee) « personne » signifie un individu, société commerciale, organisation, coopérative, entreprise ou organe dotés de la personnalité juridique ;</p> <p>(fff) « ligne de charge » signifie une ligne permanente marquée sur les côtés d’un bateau qui représente la charge maximale autorisée qu’il peut transporter ;</p> <p>(ggg) « capitaine » signifie une personne au</p>
---	---	--

<p>w'ubwato» bivuga umuntu ushinzwe ubwato n'ibikorwa bikoreshwa ubwo bwato mu mazi;</p> <p>(hhh) «umuyobozi wa gariyamoshi» bivuga umuntu utwara gariyamoshi;</p> <p>(iii)«umuyobozi wungirije wa gariyamoshi» bivuga umuntu ufasha umuyobozi wa gariyamoshi mu gihe cyo kuyitwara, gukurikirana umuvuduko wayo no kureba ibimenyetso kugira ngo abimenyeshe mu gihe gikwiye abayobozi ba gariyamoshi;</p> <p>(jjj)«umuzigo wateza ibyago» bivuga ikintu cyangwa ibintu bishobora guteza ingaruka ku buzima, ku mutekano, ku bintu cyangwa ku bidukikije mu gihe bitwawe;</p> <p>(kkk) «umwanditsi» bivuga umukozi w'urwego rufite mu nshigano iyandikwa ry'ubwato ushinzwe iyandikwa, ihererekanya n'iyandukurwa by'ubwato;</p> <p>(lll)«uruhushya rw'ikinyabiziga» bivuga icyangombwa gitangwa</p>	<p>command of a vessel and its operations on waterways;</p> <p>(hhh)« train driver » means a person who drives a train;</p> <p>(iii)“assistant train driver” means a person assisting the train driver during the process of driving the train, monitoring train speed and observing signals in order to timely inform train drivers;</p> <p>(jjj)“dangerous cargo” means a substance or material that may pose a risk to health and safety, property or the environment when transported;</p> <p>(kkk)“registrar” means an officer of the entity in charge of vessels registration who is responsible for vessel registration, transfer and de-registration;</p> <p>(lll)“vehicle authorisation” means a document issued by the entity in charge</p>	<p>commandement d'un bateau et de ses opérations sur des voies navigables ;</p> <p>(hhh)« conducteur de train » signifie une personne qui conduit un train ;</p> <p>(iii)« conducteur assistant de train » signifie une personne qui assiste le conducteur de train pendant le processus de conduite d'un train, en surveillant la vitesse du train et en observant les signaux pour informer les conducteurs de train en temps opportun;</p> <p>(jjj)« cargaison dangereuse » signifie une substance ou matériel susceptible de présenter un risque pour la santé et la sécurité, pour les biens ou pour l'environnement lorsqu'elle est transportée ;</p> <p>(kkk) « registraire » signifie un agent de l'entité ayant l'enregistrement des bateaux dans ses attributions qui est chargé de l'immatriculation, du transfert et du désenregistrement de bateaux ;</p> <p>(lll) « autorisation de véhicule » signifie un document délivré par l'entité ayant la</p>
---	--	--

<p>n’urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere cyemerera ikinyabiziga gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange;</p> <p>(mmm) «urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere» bivuga urwego rufite mu nshingano kugenzura serivisi zo gutwara abantu n’ibintu mu buryo bwa rusange mu mihanda, mu nzira za gariyamoshi no mu mazi nyabagendwa.</p>	<p>of regulation and under which a vehicle is licensed for public transport;</p> <p>(mmm) “entity in charge of regulation” means the organ in charge of regulation of public transport on roads, railways and waterways.</p>	<p>régulation dans ses attributions en vertu duquel un véhicule est agréé pour le transport public;</p> <p>(mmm) « entité ayant la régulation dans ses attributions » signifie l’organe ayant dans ses attributions la régulation du transport public sur les routes, chemins de fer et sur les voies navigables.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri tegeko</u></p> <p>(1) Iri tegeko rireba -</p> <p>(a) gutwara abantu n’ibintu ku butaka;</p> <p>(b) gutwara abantu n’ibintu mu mazi nyabagendwa;</p> <p>(c) iyubakwa, icungwa n’ isanwariy’ibikorwaremezo n’ibindi bikorwa bifitanye isano no gutwara abantu n’ibintu.</p> <p>(2) icyakora, ibyerekeye umutekano wo</p>	<p><u>Article 3: Scope of this Law</u></p> <p>(1) This Law applies to -</p> <p>(a) land transport;</p> <p>(b) waterways transport;</p> <p>(c) the construction, management and maintenance of infrastructure and other transport-related facilities.</p> <p>(2) However, matters related to road</p>	<p><u>Article 3 : Champ d’application de la présente loi</u></p> <p>(1) La présente loi s’applique -</p> <p>(a) au transport terrestre ;</p> <p>(b) au transport par voies navigables ;</p> <p>(c) à la construction, à la gestion et à l’entretien des infrastructures et autres installations liées au transport.</p> <p>(2) Toutefois, les questions relatives à la</p>

<p>mu muhanda muri rusange bigengwa n'itegeko rigenga ikoreshwa ry'umuhanda.</p> <p><u>UMUTWE WA II: IMIHANDA</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Ibyiciro n'amazina y'imihanda</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Ibyiciro by'imihanda</u></p> <p>Ibyiciro by' imihanda ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(b) umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere;</p> <p>(c) umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa 2;</p> <p>(d) umuhanda wihariye;</p> <p>(e) umuhanda w'umugenderano.</p>	<p>safety in general are governed by the Law governing road traffic.</p> <p><u>CHAPTER II: ROADS</u></p> <p><u>Section One: Categories and naming of roads</u></p> <p><u>Article 4: Categories of roads</u></p> <p>Roads falls into the following categories:</p> <p>(a) a national road;</p> <p>(b) District and City of Kigali road of Class 1;</p> <p>(c) District and City of Kigali road of Class 2;</p> <p>(d) a specific road;</p> <p>(e) a local road.</p>	<p>sécurité routière en général sont régies par la loi régissant la circulation routière.</p> <p><u>CHAPITRE II : ROUTES</u></p> <p><u>Section première : Catégories et dénomination des routes</u></p> <p><u>Article 4 : Catégories de routes</u></p> <p>Les routes sont réparties dans les catégories suivantes :</p> <p>(a) route nationale ;</p> <p>(b) route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1 ;</p> <p>(c) route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 2 ;</p> <p>(d) route spécifique ;</p> <p>(e) route locale.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 5: Umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu</u></p> <p>Umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu ni-</p> <p>(a) umuhanda mpuzamahanga uhuza u Rwanda n'ibihugu bituranye;</p> <p>(b) umuhanda uhuza Uturere cyangwa Akarere n'Umujyi wa Kigali;</p> <p>(c) umuhanda ufasha kugera ahantu hari ibikorwa by'ubukerarugendo n'ibindi bikorwa by'ingenzi byo ku rwego rw'Igihugu cyangwa ku rwego mpuzamahanga.</p>	<p><u>Article 5: National road</u></p> <p>A national road is any -</p> <p>(a) international road that connects Rwanda with neighbouring countries;</p> <p>(b) road that connects Districts with one another or that connects a District with the City of Kigali;</p> <p>(c) road that provides access to an area of touristic significance and to other facilities of national or international significance.</p>	<p><u>Article 5 : Route nationale</u></p> <p>Une route nationale est toute -</p> <p>(a) route internationale reliant le Rwanda aux pays limitrophes ;</p> <p>(b) route reliant les Districts entre eux ou un District à la Ville Kigali;</p> <p>(c) route permettant l'accès à un lieu d'importance touristique et à d'autres installations d'envergure nationale ou internationale.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere</u></p> <p>Umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere ni umuhanda uhuza ahantu hari ubuyobozi bw'Imirenge iri mu Karere kamwe cyangwa ukoreshwa mu Murenge umwe.</p>	<p><u>Article 6: District and City of Kigali road of Class 1</u></p> <p>A District and City of Kigali road of Class 1 is a road connecting different Sectors head offices within the same District or a road that is used within the same Sector.</p>	<p><u>Article 6 : Route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1</u></p> <p>Une route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1 est une route qui relie différents chefs – lieux de Secteurs à l'intérieur d'un même District ou qui est utilisée à l'intérieur d'un même Secteur.</p>

<p><u>Ingingo ya 7: Umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa kabiri</u></p> <p>Umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa kabiri ni umuhanda ugana ahantu hari urusisiro cyangwa ahandi hari ibikorwa by'inyungu rusange ushamikiye-</p> <p>(a) ku muhanda wo ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(b) ku muhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere.</p>	<p><u>Article 7: District and City of Kigali road of Class 2</u></p> <p>A District and City of Kigali road of Class 2 is a road leading to an agglomeration or any other place of location of a facility of public interest and which branches off from -</p> <p>(a) a national road;</p> <p>(b) a District and City of Kigali road of Class 1.</p>	<p><u>Article 7 : Route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 2</u></p> <p>Une route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 2 est une route qui conduit à une agglomération ou à tout autre lieu de situation d'une installation d'utilité publique et qui s'embranche sur -</p> <p>(a) une route nationale ;</p> <p>(b) une route de District et la Ville de Kigali de catégorie 1.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Umuhanda wihariye</u></p> <p>Umuhanda wihariye ni umuhanda ugana ahantu hari ibikorwa byihariye ushamikiye:</p> <p>(a) ku muhanda wo ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(b) ku muhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali n'ahantu hakorerwa ibikorwa byihariye by'iterambere.</p>	<p><u>Article 8: Specific road</u></p> <p>A specific road is a road leading to a specific facility and which branches off from:</p> <p>(a) a national road;</p> <p>(b) a District and City of Kigali road and a location where specific development activities are carried out.</p>	<p><u>Article 8 : Route spécifique</u></p> <p>Une route spécifique est une route qui conduit au lieu de situation d'une installation spécifique et qui s'embranche sur :</p> <p>(a) une route nationale ;</p> <p>(b) une route de District et de la Ville de Kigali et un lieu de réalisation des activités spécifiques de développement.</p>

<p><u>Ingingo ya 9: Umuhanda w’umugenderano</u></p> <p>Umuhanda w’umugenderano ni umuhanda usigaye utavuzwe mu ngingo ya 5, iya 6, iya 7 n’iya 8 z’iri tegeko yo mu muji cyangwa mu cyaro uhuza ibice bituwemo abantu cyangwa ughuza ibyo bice n’ibikorwa by’inyungu rusange cyangwa iby’umuntu.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Kwita amazina imihanda no kuyishyira mu byiciro</u></p> <p>(1) Buri muhanda ugira icyiciro ubarizwamo.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena amazina y’imihanda rikanagaragaza ibyiciro iherereyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Aho batangirira kubara uburebure bw’umuhanda</u></p> <p>(1) Uburebure bw’umuhanda wo ku rwego rw’Igihugu bubarwa uhereye mu Muji wa Kigali ku isangano rikuru ry’imihanda ya Kigali. Hagaragazwa n’ibipimo by’aho batangirira kubara uburebure bw’umuhanda bikurikira:</p>	<p><u>Article 9: Local road</u></p> <p>A local road is a road other than the one referred to in Articles 5, 6, 7 and 8 of this Law that is found in a rural or urban area and connects inhabited areas or connects those areas with a facility of public interest or owned by an individual.</p> <p><u>Article 10: Naming and categorising roads</u></p> <p>(1) Each road falls into a specific category.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines the names of the roads and classifies them into their respective categories.</p> <p><u>Article 11: Zero kilometre point for a road</u></p> <p>(1) The length of a national road is calculated from the City of Kigali at the Kigali central roundabout. The coordinates of zero kilometre point are as follows:</p>	<p><u>Article 9 : Route locale</u></p> <p>Une route locale est une route autre que celle visée aux articles 5, 6, 7 et 8 de la présente loi, située en milieu urbain ou rural et qui relie les zones habitées ou relie les zones aux installations d’utilité publique ou à celles d’un particulier.</p> <p><u>Article 10 : Dénomination et catégorisation de routes</u></p> <p>(1) Chaque route relève d’une catégorie spécifique.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les noms des routes et les classe dans leurs catégories respectives.</p> <p><u>Article 11 : Point kilométrique zéro d’une route</u></p> <p>(1) La longueur d’une route nationale se calcule à partir de la Ville de Kigali au rond-point central de Kigali. Les coordonnées du point kilométrique zéro sont les suivantes :</p>
--	---	--

<p>(a) umurongo mbariro w'amajyepfo: 01° 56' 10";</p> <p>(b) umuromgo nkingi w'iburasirazuba: 30° 03' 11";</p> <p>(c) ubutumburuke: 1.509,38 m.</p> <p>(2) Uburebure bw'umuhanda wo mu bindi byiciro bubarwa uherye aho ushamikiye.</p>	<p>(a) south latitude: 01° 56' 10";</p> <p>(b) east longitude: 30° 03' 11";</p> <p>(c) altitude: 1,509.38 m.</p> <p>(2) The length of a road falling into other categories is calculated from its branching point.</p>	<p>(a) latitude sud : 01° 56' 10" ;</p> <p>(b) longitude est : 30° 03' 11" ;</p> <p>(c) altitude : 1.509,38 m.</p> <p>(2) La longueur d'une route relevant d'autres catégories est calculée à partir de son point d'embranchement.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Kubaka no gucunga imihanda</u></p>	<p><u>Section 2: Construction and management of roads</u></p>	<p><u>Section 2 : Construction et gestion de routes</u></p>
<p><u>Ingingo ya 12: Imyubakire n'imicungire by'imihanda yo ku rwego rw'Igihugu</u></p>	<p><u>Article 12: Construction and management of national roads</u></p>	<p><u>Article 12 : Construction et gestion des routes nationales</u></p>
<p>(1) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rufite inshingano yo kubaka, gucunga, gusana no gufata neza imihanda yo ku rwego rw'Igihugu.</p> <p>(2) Leta itanga amafaranga y'imirimo yo gufata neza no guteza imbere imihanda yo ku rwego rw'Igihugu.</p> <p>(3) Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bifite inshingano zirebana no gufata neza ku buryo busanzwe</p>	<p>(1) The public entity in charge of transport development is responsible for the construction, management, rehabilitation and maintenance of the national roads.</p> <p>(2) The Government provides funding for works for the maintenance and development of national roads.</p> <p>(3) The District or the City of Kigali is responsible for the routine maintenance of the part of a national</p>	<p>(1) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions est responsable de la construction, de la gestion, de la réhabilitation et de l'entretien des routes nationales.</p> <p>(2) L'État finance les travaux d'entretien et d'aménagement des routes nationales.</p> <p>(3) Le District ou la Ville de Kigali est responsable de l'entretien de routine de la partie d'une route nationale qui les traverse</p>

<p>umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu uhanyura n'inkengero zawo.</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Imicungire n'iyubakwa by'imihanda yo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali</p> <p>(1) Imihanda yo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali yo ku rwego rwa mbere n'iyoye ku rwego rwa kabiri irebererwa n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bitewe n'aho iherereye.</p> <p>(2) Imicungire, isanwa, kubaka no gufata neza imihanda yo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali yo ku rwego rwa mbere yishingirwa n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bitewe n'aho iherereye. Ingingo y'imari igenewe gusana iyo imihanda itangwa n'Ikigega gishinzwe gusana imihanda. Amafaranga yo kubaka iyo mihanda atangwa na Leta.</p> <p>(3) Imicungire, isanwa, kubaka no gufata neza imihanda yo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali yo ku rwego rwa kabiri kimwe n'ingingo y'imari ibigendaho</p>	<p>road crossing it and its surroundings.</p> <p><u>Article 13:</u> Management and construction of District and City of Kigali roads</p> <p>(1) District and City of Kigali roads of Class 1 and Class 2 are respectively under the supervision of the District and the City of Kigali.</p> <p>(2) The management, rehabilitation, construction and maintenance of District and City of Kigali roads of Class 1 fall respectively under the responsibility of the District and the City of Kigali. The budget for the rehabilitation of such roads is provided by the Road Maintenance Fund. The Government provides funding for the construction of such roads.</p> <p>(3) The management, rehabilitation, construction and maintenance of District and City of Kigali roads of Class 2 as well as related budget fall respectively under the responsibility</p>	<p>et de ses abords.</p> <p><u>Article 13 :</u> Gestion et construction des routes de District et de la Ville de Kigali</p> <p>(1) Les routes de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1 et de catégorie 2 sont, selon le cas, sous la supervision du District et de la Ville de Kigali.</p> <p>(2) La gestion, la réhabilitation, la construction et l'entretien des routes de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1 relèvent respectivement de la responsabilité du District et de la Ville de Kigali. Le budget consacré à la réhabilitation de ces routes est fourni par le Fond d'Entretien routier. La construction de ces routes est financée par l'État.</p> <p>(3) La gestion, la réhabilitation, la construction et l'entretien des routes de District et de la Ville de Kigali de la catégorie 2 ainsi que le budget y afférent sont, selon le cas, assumés par le District et la Ville de Kigali.</p>
---	--	--

<p>byinshingirwa n’ako Karere cyangwa Umujyi wa Kigali.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Iyubakwa n’imicungire y’umuhanda wihariye</u></p> <p>(1) Iyubakwa, imicungire, isanwa, n’ifatwa neza by’umuhanda wihariye ndetse n’ingengo y’imari ibigendaho bigengwa n’amasezerano y’ubwumvikane hagati ya Leta na nyiri igikorwa uwo muhanda uganaho.</p> <p>(2) Ucuha umuhanda wihariye ashobora kugirana amasezerano yihariye n’ikigo cyihariye gishinzwe gucuha uwo muhanda wose cyangwa igice cyawo.</p>	<p>of the District and the City of Kigali.</p> <p><u>Article 14: Construction and management of specific road</u></p> <p>(1) The construction, management, rehabilitation and maintenance of a specific road as well as related budget are governed by an agreement between the Government and the owner of a facility to which such a road leads.</p> <p>(2) A person in charge of the management of a specific road may enter into a specific agreement with a specific company responsible for the maintenance of all or part of such a road.</p>	<p><u>Article 14 : Construction et gestion d’une route spécifique</u></p> <p>(1) La construction, la gestion, la réhabilitation et l’entretien d’une route spécifique ainsi que le budget y afférent sont régis par un accord entre le gouvernement et le propriétaire d’une installation à laquelle conduit cette route.</p> <p>(2) Une personne chargée de la gestion d’une route spécifique peut conclure un contrat spécifique avec une société spécifique chargée de la gestion de tout ou partie de cette route.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Imicungire n’iyubakwa by’imihanda y’imigenderano</u></p> <p>(1) Imihanda y’imigenderano yubakwa, icungwa, isanwa kandi igafatwa neza n’Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bitewe n’aho iherereye.</p> <p>(2) Ingingo y’imari yo kubaka, gusana no gufata neza imihanda ivugwa</p>	<p><u>Article 15: Management and construction of local roads</u></p> <p>(1) The construction, rehabilitation and maintenance of local roads falls under the responsibility of the City of Kigali or the District, as the case may be.</p> <p>(2) The budget for the construction, rehabilitation and maintenance of the</p>	<p><u>Article 15 : Gestion et construction des routes locales</u></p> <p>(1) La construction, la gestion, la réhabilitation et l’entretien des routes locales sont, selon le cas, assumés par la Ville de Kigali ou le District.</p> <p>(2) Le budget de construction, de réhabilitation et d’entretien des routes</p>

<p>mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, itangwa n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bitewe n'aho iherereye.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Kwegurira abikorera kubaka no gucunga umuhanda</u></p> <p>Leta ishobora kwegurira abikorera kubaka, gucunga, gufata neza no gusana umuhanda kimwe n'ibikorwaremezo biwunganira hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Kwishyuza ikoreshwa ry'umuhanda</u></p> <p>(1) Kwishyuza ikoreshwa ry'umuhanda bishobora gukorwa gusa ku muhanda wubatswe hakurikijwe amasezerano yo kwegurira abikorera iyubakwa n'icungwa ry'umuhanda.</p> <p>(2) Kwishyuza ikoreshwa ry'umuhanda uvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bigenwa n'iteka rya Minisitiri.</p>	<p>roads referred to in Paragraph (1) of this Article is provided by the City of Kigali or the District, as the case may be.</p> <p><u>Article 16: Award to private operators of a concession for road construction and management</u></p> <p>The Government may award to private operators a concession for the construction, management, rehabilitation and maintenance of a road and of its facilities in accordance with the relevant legislation.</p> <p><u>Article 17: Road tolling</u></p> <p>(1) The road tolling may be applicable only for a road constructed under a concession contract for road construction and management.</p> <p>(2) The road tolling applicable for the road referred to in Paragraph (1) of this Article is determined by an Order of the Minister.</p>	<p>visées au paragraphe (1) du présent article est, selon le cas, fourni par la Ville de Kigali ou le District.</p> <p><u>Article 16 : Attribution aux opérateurs privés d'une concession pour la construction et la gestion de routes</u></p> <p>L'État peut attribuer aux opérateurs privés une concession pour la construction, la gestion, la réhabilitation et l'entretien d'une route ainsi que de ses installations conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Article 17 : Péage routier</u></p> <p>(1) Le péage routier ne peut s'appliquer qu'à une route construite en vertu d'un contrat de concession pour la construction et la gestion d'une route.</p> <p>(2) Le péage routier applicable à la route visée au paragraphe (1) du présent article est déterminé par arrêté du Ministre.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 18:</u> Iyipimo ngenderwaho byo mu rwego rwa tekikini no mu rwego rwa serivisi by'imihanda</p> <p>Iteka rya Minisitiri rishyiraho ibipimo ngenderwaho byo mu rwego rwa tekini no mu rwego rwa serivisi by'imihanda.</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Ahacukurwa ibikoresho byo kubaka cyangwa gusana umuhanda</p> <p>(1) Leta igaragaza ahacukurwa ibikoresho byo kubaka cyangwa gusana umuhanda.</p> <p>(2) Uhave uruhushya rwo gucukura ibikoresho byo kubaka cyangwa gusana umuhanda, acukura ibyo bikoresho akurikije amategeko abigenga.</p> <p><u>Icyiciro cya 3 :</u> Ubugari bw'umuhanda</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Ubugari bw'umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu n'uwo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere</p> <p>(1) Umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu n'uwo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere</p>	<p><u>Article 18:</u> Technical and service standards for roads</p> <p>An Order of the Minister defines technical and service standards for roads.</p> <p><u>Article 19:</u> Sites for extraction of road construction or maintenance materials</p> <p>(1) The Government identifies sites for the extraction of road construction or maintenance materials.</p> <p>(2) The holder of a permit for extracting road construction or maintenance materials carries out the extraction of such materials in accordance with the relevant legislation.</p> <p><u>Section 3:</u> Road width</p> <p><u>Article 20:</u> Width of a national road, District and City of Kigali road of Class 1</p> <p>(1) The width of the roadway for a national road and the District and the City of Kigali road of Class 1 must be at least seven metres, excluding the</p>	<p><u>Article 18 :</u> Normes techniques et de service des routes</p> <p>Un arrêté du Ministre définit les normes techniques et de service des routes.</p> <p><u>Article 19 :</u> Sites d'extraction de matériaux pour la construction ou l'entretien de routes</p> <p>(1) L'État identifie les sites d'extraction des matériaux pour la construction ou l'entretien des routes.</p> <p>(2) Le titulaire d'un permis d'extraction des matériaux pour la construction ou l'entretien d'une route effectue l'extraction de ces matériaux conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Section 3 :</u> Largeur de la route</p> <p><u>Article 20 :</u> Largeur d'une route nationale, de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1</p> <p>(1) La chaussée d'une route nationale et de celle de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1 doit avoir une largeur d'au moins sept mètres, les systèmes de</p>
--	---	---

<p>hatabariwemo inzira z'amazi, imikingo n'ibindi bikorwaremezo byunganira umuhanda ugomba kugira inzira y'umuhanda ifite nibura metero zirindwi z'ubugari.</p> <p>(2) Igisate kimwe cy'inzira y'umuhanda uvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo kigomba kugira nibura ubugari bwa metero eshatu n'igice.</p> <p>(3) Ku bugari bwa buri gisate cy'umuhanda buvugwa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo hiyongeraho ahagenewe gushyirwa ibikorwaremezo byunganira umuhanda.</p> <p>(4) Mu nkengero z'umuji n'aho umuhanda winjirira mu muji, mu mudugudu, mu nsiro, ubugari bw'umuhanda bushobora kongerwa aho bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Ubugari bw'umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa kabiri</u></p> <p>(1) Umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa kabiri</p>	<p>drainage systems, slopes and other road facilities.</p> <p>(2) The width of the lane for the roadway referred to in Paragraph (1) of this Article must be at least three and a half metres.</p> <p>(3) To the width of the lane referred to in Paragraphs (1) and (2) of this Article is added a space for road facilities.</p> <p>(4) In suburbs and at the entrance of a town or city, of a grouped settlement or agglomeration, the road width may be increased where necessary.</p> <p><u>Article 21: Width of a District and City of Kigali road of Class 2</u></p> <p>(1) The width of the roadway for a District and City of Kigali road of Class 2 is at least six metres, excluding drainage</p>	<p>drainage, les talus et autres installations routières exclus.</p> <p>(2) Une bande de chaussée pour la route visée au paragraphe (1) du présent article doit avoir une largeur d'au moins trois mètres et demi.</p> <p>(3) À la largeur de chaque bande de la chaussée visée aux paragraphes (1) et (2) du présent article s'ajoute un espace destiné aux installations routières.</p> <p>(4) Dans les périphéries et à l'entrée d'une ville, d'un habitat regroupé ou d'une agglomération, la largeur d'une route peut être augmentée en cas de besoin.</p> <p><u>Article 21 : Largeur d'une route de District et de la Ville de Kigali de Catégorie 2</u></p> <p>(1) La largeur d'une chaussée pour une route de District ou de la Ville de Kigali de catégorie 2 est d'au moins six mètres, les</p>
--	---	--

<p>hatabariwemo inzira z'amazi n'imikingo, ugira inzira y'umuhanda ifite nibura metero esheshatu z'ubugari.</p> <p>(2) Igisate kimwe cy'inzira y'umuhanda uvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo kigira nibura ubugari bwa metero eshatu.</p> <p>(3) Ku bugari bwa buri gisate cy'umuhanda buvugwa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo hyongeraho ahagenewe gushyirwa ibikorwaremezo byunganira umuhanda.</p> <p>(4) Mu nkengero z'umujiyi n'aho umuhanda winjirira mu mujiyi, mu mudugudu, mu nsisiro, ubugari bw'umuhanda bushobora kongerwa aho bibaye ngombwa.</p>	<p>systems and slopes.</p> <p>(2) The width of the lane for the roadway referred to in Paragraph (1) of this Article is at least three metres.</p> <p>(3) To the width of the lane referred to in Paragraphs (1) et (2) of this Article is added the space for road facilities.</p> <p>(4) In suburbs and at the entrance of a town or city, a grouped settlement or agglomeration, the road width may be increased where necessary.</p>	<p>systemes de drainage des eaux et les talus exclus.</p> <p>(2) Une bande de chaussée pour la route visée au paragraphe (1) du présent article a une largeur d'au moins trois mètres.</p> <p>(3) À la largeur de chaque bande de la chaussée visée aux paragraphes (1) et (2) du présent article s'ajoute un espace destiné aux installations routières.</p> <p>(4) Dans les périphéries et à l'entrée d'une ville, d'un habitat regroupé ou d'une agglomération, la largeur d'une route peut être augmentée en cas de besoin.</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Ubugari bw'umuhanda w'umugenderano</p> <p>(1) Umuhanda w'umugenderano ugira inzira y'umuhanda ifite nibura metero esheshatu z'ubugari ku muhanda ufite ibyerekezo bibiri na metero enye n'igice ku muhanda ufite icyerekezo kimwe.</p>	<p><u>Article 22:</u> Width of a local road</p> <p>(1) The width of the roadway for a local road is at least six metres for a two-direction road and four and a half metres for a one-way road.</p>	<p><u>Article 22 :</u> Largeur d'une route locale</p> <p>(1) La largeur d'une chaussée pour une route locale est d'au moins six mètres pour une route à deux sens et de quatre mètres et demi pour une route à sens unique.</p>

<p>(2) Igisate cy'umuhanda w'umugenderano kigira inzira y'umuhanda ifite nibura ubugari bwa metero eshatu mu gihe umuhanda ufite ibyerekezo bibiri.</p> <p>(3) Ku bugari bwa buri muhanda buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo hiyongeraho ahagenewe gushyirwa ibikorwaremezo byunganira umuhanda.</p> <p>(4) Mu nkengero z'umuji n'aho umuhanda winjirira mu muji, mu mudugudu, mu nsiro, ubugari bw'umuhanda bushobora kongerwa aho bibaye ngombwa.</p>	<p>(2) The width of the lane for the roadway of a two-direction local road is at least three metres.</p> <p>(3) To the width of each road that is referred to in Paragraph (1) of this Article is added a space for road facilities.</p> <p>(4) In suburbs and at the entrance of a town or city, a grouped settlement and agglomeration, the width of a road may be increased where necessary.</p>	<p>(2) La largeur d'une bande pour une chaussée d'une route locale à deux sens est d'au moins trois mètres.</p> <p>(3) À la largeur de chaque route visée au paragraphe (1) du présent article s'ajoute un espace destiné aux installations routières.</p> <p>(4) Dans les périphéries et à l'entrée d'une ville, d'un habitat regroupé et d'une agglomération, la largeur d'une route peut être augmentée en cas de besoin.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Iyagurwa ry'imihanda</u></p> <p>Imihanda idafite ubugari buvugwa mu ngingo ya 20, iya 21 n'ya 22 z'iri tegeko nk'uko bigaragara mu byiciro byayo igenda yagurwa hakurikijwe igishushanyombonera cy'imihanda.</p>	<p><u>Article 23: Widening of roads</u></p> <p>The roads with a width other than the width referred to in Articles 20, 21 and 22 of this Law and which is determined depending on their respective categories, are gradually widened in accordance with the road network master plan.</p>	<p><u>Article 23 : Élargissement de routes</u></p> <p>Les routes d'une largeur autre que celle visée aux articles 20, 21 et 22 de la présente loi et qui est déterminée suivant leurs catégories respectives sont progressivement élargies conformément au plan directeur du réseau routier.</p>
<p><u>Iyiciro cya 4: Ubutaka bweguriwe umuhanda n'ibipimo byabwo</u></p>	<p><u>Section 4: Road reserve and its measurements</u></p>	<p><u>Section 4 : Emprise routière et ses dimensions</u></p>

<p><u>Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'imbugo z'ubutaka bugenewe umuhanda</u></p> <p>(1) Imbugo z'ubutaka bugenewe umuhanda zishyirwa ku mbibi zombi z'ubwo butaka.</p> <p>(2) Urwego rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushyiraho imbugo z'ubutaka bugenewe umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu n'uwo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(3) Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bishyiraho imbugo z'ubutaka bweguriwe umuhanda w'umugenderano n'umuhanda wihariye bitewe n'aho uherereye.</p>	<p><u>Article 24: Demarcation of road reserve</u></p> <p>(1) Road reserve markers are placed on both sides of such a reserve.</p> <p>(2) The entity in charge of road transport carries out the demarcation of road reserve for a national road, District and City of Kigali road of Class 1 and Class 2 in accordance with the relevant legislation.</p> <p>(3) The District or the City of Kigali carries out the demarcation of road reserve for a local road and specific road, as the case may be.</p>	<p><u>Article 24 : Bornage de l'emprise routière</u></p> <p>(1) Les bornes de l'emprise routière sont placées des deux côtés de cette emprise.</p> <p>(2) L'entité ayant le développement du transport dans ses attributions effectue le bornage de l'emprise routière pour une route nationale, de District et de la Ville de Kigali de catégorie 1 et de catégorie 2 conformément à la législation en la matière.</p> <p>(3) Le District ou la Ville de Kigali effectue le bornage de l'emprise routière pour une route locale et une route spécifique, selon le cas.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Iyipimo by'ubutaka bugenewe umuhanda</u></p> <p>(1) Iyipimo by'ubutaka bugenewe umuhanda biteye ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) ubutaka bugenewe umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu n'uwo ku</p>	<p><u>Article 25: Dimensions of road reserve</u></p> <p>(1) The dimensions of road reserve are as follows:</p> <p>(a) the road reserve for a national road as well as for District and City of Kigali</p>	<p><u>Article 25 : Dimensions de l'emprise routière</u></p> <p>(1) Les dimensions de l'emprise routière sont les suivantes :</p> <p>(a) l'emprise routière pour une route nationale ainsi que pour une route de District et de la</p>

<p>rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa mbere, bugaragazwa n'imirongo ibiri iteganye kuri metero 22 ku mpande zombi z'umuhanda uherye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri;</p> <p>(b) ubutaka bugenewe umuhanda wo ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali wo ku rwego rwa kabiri bugaragazwa n'imirongo ibiri iteganye kuri metero 12 ku mpande zombi z'umuhanda uherye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri.</p> <p>(c) ubutaka bugenewe umuhanda w'umugenderano bugaragazwa n'imirongo ibiri iteganye kuri metero eshanu ku mpande zombi z'umuhanda uherye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri.</p> <p>(2) icyakora, ibipimo by'ubutaka bugenewe imihanda mu Mujyi wa Kigali no mu yindi mijyi n'ibipimo by'ubutaka bugenewe imihanda yihariye bigenwa hakurikijwe ibiteganywa n'igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali cyangwa</p>	<p>road of Class 1 is demarcated by two parallel lines at 22 metres on both sides of the road from the median line;</p> <p>(b) the road reserve for District and City of Kigali road of Class 2, is demarcated by two parallel lines at 12 metres on both sides of the road from the median line.</p> <p>(c) the road reserve for a local road is demarcated by two parallel lines at five metres on both sides of the road from the median line.</p> <p>(2) However, dimensions of the road reserve for roads in the City of Kigali and other cities as well as for specific roads are determined in accordance with the master plan of the City of Kigali or of other cities or depending on the intended use of the specific</p>	<p>Ville de Kigali de catégorie 1 est délimitée par deux lignes parallèles à 22 mètres sur les deux côtés de la route à partir de la ligne médiane;</p> <p>(b) l'emprise routière pour une route de District et de la Ville de Kigali de catégorie 2 est délimitée par deux lignes parallèles à 12 mètres sur les deux côtés de la route à partir de la ligne médiane.</p> <p>(c) l'emprise routière pour une route locale est délimitée par deux lignes parallèles à cinq mètres sur les deux côtés de la route à partir de la ligne médiane.</p> <p>(2) Toutefois, les dimensions de l'emprise routière pour les routes dans la Ville de Kigali et dans d'autres villes ainsi que pour les routes spécifiques sont déterminées conformément au plan directeur de la Ville de Kigali ou d'autres villes ou selon l'usage auquel la route spécifique est</p>
--	---	--

<p>cy'iyindi mijyi cyangwa icyo umuhanda wihariye uzakoreshwa.</p> <p><u>Ingingo ya 26:</u> Uburyo bwo kwimura abantu kubera ibikorwa by'umuhanda</p> <p>Iyo guhanga, kwagura cyangwa gusana umuhanda bisaba kwimura abantu ku butaka bwubatseho cyangwa butubatseho, bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Icyiciro cya 5:</u> Uburyo bwo kubungabunga umuhanda</p> <p><u>Ingingo ya 27:</u> Ibibujijwe ku butaka bugenewe umuhanda</p> <p>(1) Gushyira inyubako cyangwa ikindi gikorwaremezo ku butaka bugenewe umuhanda ntibyemewe.</p> <p>(2) Icyakora umuntu ushaka gushyira igikoresho cy'itumanaho, icyapa cyamamaza, umuyoboro w'amazi, kubaka umuhanda ufasha kugera ahantu, akayira kegereye umuhanda cyangwa ikindi gikorwaremezo abisabira uruhushya ku buyobozi bushinzwe uwo muhanda.</p>	<p>road.</p> <p><u>Article 26:</u> Procedure for expropriation for road works purposes</p> <p>If the construction, widening or maintenance of a road requires the expropriation of a built-up or non-built-up land, expropriation is done in accordance with the relevant legislation.</p> <p><u>Section 5:</u> Procedure for road preservation</p> <p><u>Article 27:</u> Restrictions within road reserve</p> <p>(1) It is prohibited to construct a building or any other structure on the road reserve.</p> <p>(2) However, a person wishing to carry out installation of telecommunications equipment, a billboard, water supply system, construction of access road, sidewalk or other structure, requests authorisation to do so from the entity responsible for the road concerned.</p>	<p>destinée.</p> <p><u>Article 26 :</u> Procédure d'expropriation pour cause de travaux routiers</p> <p>Si la construction, l'élargissement ou l'entretien d'une route nécessite l'expropriation d'un terrain bâti ou non bâti, l'expropriation se fait conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Section 5 :</u> Procédure de conservation des routes</p> <p><u>Article 27 :</u> Restrictions dans l'emprise routière</p> <p>(1) Il est interdit d'ériger un bâtiment ou toute autre structure sur l'emprise routière.</p> <p>(2) Toutefois, une personne qui désire procéder à l'installation d'un équipement de télécommunications, d'un panneau publicitaire, d'un système d'alimentation en eau, à la construction d'une route d'accès, d'un trottoir ou autre structure en demande l'autorisation auprès de l'entité responsable de la route concernée.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 28: Inyigo no kubaka inzira y'amazi</u></p> <p>(1) Inzira y'amazi ijyanye no kubaka umuhanda ikorerwa inyigo kandi ikubakwa neza kugira ngo hatabaho iyangizwa ry'umuhanda, inyubako, imitungo n'ibindi bikorwaremezo cyangwa ibidukikije.</p> <p>(2) Ushinzwe kubaka inzira z'amazi mu gihe cyo kubaka umuhanda yishyura ibintu byose byangiritse kubera amazi atayoboye mu buryo bukwiye.</p>	<p><u>Article 28: Design and construction of water drainage system</u></p> <p>(1) A water drainage system related to the construction of a road is subject to a design and constructed properly to prevent damage to the road, buildings, properties and other structures or to the environment.</p> <p>(2) A person responsible for the construction of water drainage systems during road construction is held liable for all damages arising from inappropriate water drainage.</p>	<p><u>Article 28 : Conception et construction du système de drainage des eaux</u></p> <p>(1) Un système de drainage des eaux lié à la construction d'une route fait l'objet d'une conception et est construit de façon appropriée pour éviter des dommages à la route, à des bâtiments, à des propriétés et à d'autres structures ou à l'environnement.</p> <p>(2) Une personne responsable de la construction des systèmes de drainage des eaux lors de la construction d'une route est tenue responsable de tous dommages survenus en raison d'un drainage inapproprié.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Kubungabunga inzira y'amazi atemba anyura ku muhanda</u></p> <p>(1) Amazi atemba anyura ku muhanda ayoborwa mu miyoboro yubatswe neza ku buryo atangiza umuhanda n'ibindi bikorwaremezo, ibidukikije cyangwa imitungo.</p> <p>(2) Kubaka no gusana imiyoboro biri mu nshingano z'ushinzwe gucunga uwo muhanda. icyakora, mu gihe</p>	<p><u>Article 29: Conservation of drainage system for runoff water from road</u></p> <p>(1) Runoff water from the road is conveyed into well-built water conduits which enable to prevent it from causing damage to the road, and other forms of infrastructure, the environment or properties.</p> <p>(2) The construction and rehabilitation works for conduits are the responsibility of the person</p>	<p><u>Article 29 : Conservation des systèmes de drainage des eaux de ruissellement provenant de la route</u></p> <p>(1) Les eaux de ruissellement provenant de la route sont acheminées vers l'intérieur des canalisations bien construites permettant de les empêcher d'endommager la route et d'autres formes d'infrastructures, l'environnement ou propriétés.</p> <p>(2) Les travaux de construction et de réhabilitation des canalisations relèvent de la responsabilité de la personne chargée de</p>

<p>cyo kubaka umuhanda, izo nshingano ziba ari iz'uwubaka.</p> <p>(3) Kuyobora amazi ava mu ngo, mu bigo, mu nganda cyangwa aturutse ku bindi bikorwa mu nzira z'amazi zo ku muhanda bitangirwa uburenganzira n'ikigo cyangwa n'urwego rushinzwe uwo muhanda.</p> <p>(4) Kuziba cyangwa kwangiza imigende ifata amazi cyangwa inzira z'amazi zo ku mihanda birabujijwe.</p>	<p>responsible for the management of the road concerned. However, when the road is under construction, such responsibility lies with the person performing such works.</p> <p>(3) Water from households, establishments, factories or other facilities is conveyed into a road water drainage system subject to authorization by the entity in charge of the road concerned.</p> <p>(4) It is prohibited to block or cause damage to ditches designed to catch water or road water drainage systems.</p>	<p>la gestion de la route concernée. Toutefois, cette responsabilité relève, lors des travaux de construction routière, de la personne qui réalise ces travaux.</p> <p>(3) L'acheminement des eaux provenant des ménages, des établissements, des usines ou d'autres installations vers un système de drainage de la route est assujéti à l'autorisation de l'entité ou de l'organe chargés de la route concernée.</p> <p>(4) Il est interdit de bloquer ou d'endommager les rigoles destinées à capter les eaux ou les systèmes de drainage des eaux provenant des routes.</p>
<p>UMUTWE WA III: GUTWARA ABANTU N'IBINTU MU NZIRA NYABAGENDWA MU BURYO BWA RUSANGE</p>	<p>CHAPTER III: PUBLIC TRANSPORT ON PUBLIC ROADS</p>	<p>CHAPITRE III : TRANSPORT PUBLIC SUR DES ROUTES PUBLIQUES</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo zihuriweho ku gutwara abantu n'ibintu mu nzira nyabagendwa mu buryo bwa rusange</p>	<p><u>Section One:</u> Common provisions for public transport on public roads</p>	<p><u>Section première :</u> Dispositions communes au transport public sur des routes publiques</p>
<p><u>Ingingo ya 30:</u> Umutekano w'abantu n'ibintu mu nzira nyabagendwa</p>	<p><u>Article 30:</u> Safety of people and goods on public road</p>	<p><u>Article 30 :</u> Sécurité des personnes et des biens sur la route publique</p>
<p>Umutekano w'abantu n'ibintu mu nzira</p>	<p>The safety of people and goods on public road</p>	<p>La sécurité des personnes et des biens sur la route</p>

<p>nyabagendwa ushinzwe urwego rufite mu nshingano umutekano w'abantu n'ibintu.</p> <p><u>Ingingo ya 31: Ubwishingizi bw'ikinyabiziga</u></p> <p>Umuntu ukora umwuga wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu nzira nyabagendwa akoresha ikinyabiziga gifite ubwishingizi kandi akubahiriza ibibukubiyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 32: Impamyabushobozi y'umwuga mu gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu</u></p> <p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga wifuzaga gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu agomba kuba abifitiye impamyabushobozi y'umwuga.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa kugira ngo hatangwe impamyabushobozi y'umwuga ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p>falls under the responsibility of the organ in charge of the safety of people and property.</p> <p><u>Article 31: Vehicle insurance</u></p> <p>The operator of transport of people or goods on public road uses a vehicle covered by insurance and complies with the terms and conditions stated in such insurance.</p> <p><u>Article 32: Professional certificate for public transport</u></p> <p>(1) A driver who wishes to carry out public transport must hold a professional certificate issued to that effect.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines procedures and conditions for the issuance of the professional certificate referred to in Paragraph (1) of this Article.</p>	<p>publique relève de la responsabilité de l'organe ayant la sécurité des personnes et des biens dans ses attributions.</p> <p><u>Article 31 : Assurance pour véhicule</u></p> <p>Un opérateur de transport de personnes ou de biens sur la route publique utilise un véhicule couvert par une assurance et se conforme aux termes et conditions stipulés dans cette assurance.</p> <p><u>Article 32 : Certificat professionnel pour le transport public</u></p> <p>(1) Un conducteur qui désire effectuer le transport public doit être titulaire d'un certificat professionnel délivré à cet effet.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités et les conditions de délivrance du certificat professionnel visé au paragraphe (1) du présent article.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 33: Kubahiriza igipimo ntarengwa cy'alukolu mu maraso</u></p> <p>Umuyobozi w'ikinyabiziga gitwara abantu cyangwa ibintu mu nzira nyabagendwa mu buryo bwa rusange yubahiriza igipimo ntarengwa cy'alukolu mu maraso giteganywa n'amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 33: Compliance with blood alcohol concentration limit</u></p> <p>The driver of a vehicle used for public transport on public road complies with the blood alcohol concentration limit provided for by the relevant legislation.</p>	<p><u>Article 33 : Respect du taux limite d'alcoolémie</u></p> <p>Le conducteur d'un véhicule affecté au transport public sur une route publique respecte le taux limite d'alcoolémie prévu par la législation en la matière.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa</u></p>	<p><u>Section 2: Passenger transport on public road</u></p>	<p><u>Section 2 : Transport de passagers sur une route publique</u></p>
<p><u>Ingingo ya 34: Ibyiciro by'ibinyabiziga bitwara abagenzi mu nzira nyabagendwa</u></p>	<p><u>Article 34: Categories of vehicles for passenger transport on public road</u></p>	<p><u>Article 34 : Catégories de véhicules de transport de passagers sur une route publique</u></p>
<p>(1) Ibyiciro by'ibinyabiziga bitwara abagenzi mu nzira nyabagendwa ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) bisi;</p> <p>(b) minibisi;</p> <p>(c) imodoka nto;</p> <p>(d) ipikipiki;</p> <p>(e) igare.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena imikorere n'imikoreshereze y'igare mu</p>	<p>(1) The categories of vehicles for passenger transport on public road are the following:</p> <p>(a) a bus;</p> <p>(b) a minibus;</p> <p>(c) a car;</p> <p>(d) a motorcycle;</p> <p>(e) a bicycle.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines the operation and use of a bicycle for</p>	<p>(1) Les catégories de véhicules de passagers de transport sur une route publique sont les suivantes :</p> <p>(a) un bus;</p> <p>(b) un minibus;</p> <p>(c) une voiture;</p> <p>(d) un moto;</p> <p>(e) un vélo.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine l'exploitation et l'utilisation d'un vélo dans</p>

<p>gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa; rishobora kandi kugena ibindi byiciro by'ibinyabiziga bikoresha mu gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa n'ibisabwa bijyanye na byo.</p> <p><u>Ingingo ya 35: Inzego zishinzwe ibikorwa byo gutwara abagenzi</u></p> <p>Inzego zifite mu nshingano ibikorwa byo gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa ni izi zikurikira:</p> <p>(a) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu;</p> <p>(b) Umujyi wa Kigali;</p> <p>(c) izindi nzego zagenwa n'amategeko.</p>	<p>passenger transport on public road; and may also determine other categories of vehicles used for passenger transport on public road and related requirements.</p> <p><u>Article 35: Organs responsible for passenger transport operations</u></p> <p>The organs in charge of passenger transport operations on public road are the following:</p> <p>(a) the public entity in charge of transport development;</p> <p>(b) the City of Kigali;</p> <p>(c) such other organs as may be determined by the law.</p>	<p>le transport de passagers sur une route publique; et peut également déterminer d'autres catégories de véhicules de transport de passagers sur une route publique et les conditions y relatives.</p> <p><u>Article 35 : Organes chargés des opérations de transport de passagers</u></p> <p>Les organes ayant les opérations de transport de passagers sur une route publique dans leurs attributions sont les suivants :</p> <p>(a) l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions;</p> <p>(b) la Ville de Kigali;</p> <p>(c) les autres organes pouvant être déterminés par la loi.</p>
<p><u>Ingingo ya 36: Gutwara abagenzi bafite ubumuga mu kinyabiziga</u></p> <p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga gitwara abagenzi agomba gufasha no guha umwanya w'ibanze abagenzi bafite ubumuga mu gihe cyo kwinjira no gusohoka mu kinyabiziga.</p>	<p><u>Article 36: Transport of passengers with disabilities on board a vehicle</u></p> <p>(1) A driver of a passenger transport vehicle must assist and give priority to passengers with disabilities to get on and get off the vehicle.</p>	<p><u>Article 36 : Transport de passagers handicapés à bord d'un véhicule</u></p> <p>(1) Le conducteur d'un véhicule affecté au transport de passagers doit aider les passagers handicapés et leur accorder la priorité au moment de monter dans le véhicule et d'en descendre.</p>

<p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu, Umujyi wa Kigali n'izindi nzego zagenwa n'amategeko bigenzura ko ibikorwaremezo by'aho ikinyabiziga gitwara abagenzi gihagarara umwanya muto abagenzi binjira cyangwa basohoka n'ibya gare bifasha abagenzi bafite ubumuga.</p>	<p>(2) The public entity in charge of transport development, the City of Kigali and such other organs as may be determined by the Law carry out an inspection to ensure that vehicle stop and station infrastructure facilitates accessibility thereof for passengers with disabilities.</p>	<p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions, la Ville de Kigali et d'autres organes pouvant être déterminés par la loi effectuent une inspection pour s'assurer que les infrastructures des arrêts de véhicules et celles des gares facilitent leur accessibilité aux passagers handicapés.</p>
<p><u>Ingingo ya 37: Imicungire ya serivisi zo gutwara abagenzi</u></p>	<p><u>Article 37: Management of passenger transport services</u></p>	<p><u>Article 37 : Gestion des services de transport de passagers</u></p>
<p>(1) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rucunga serivisi zo gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa ihuza imijyi ndetse n'imihanda yo mu cyaro.</p>	<p>(1) The public entity in charge of transport development manages passenger transport services on a public road connecting cities and on rural roads.</p>	<p>(1) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions gère les services de transport de passagers sur une route publique reliant les villes et sur les routes rurales.</p>
<p>(2) Umujyi wa Kigali n'izindi nzego zagenwa n'amategeko bicunga serivisi zo gutwara abagenzi mu mbibi zabyo.</p>	<p>(2) The City of Kigali and such other organs as may be determined by Law manage passenger transport services within their respective boundaries.</p>	<p>(2) La Ville de Kigali et d'autres organes pouvant être déterminés par la loi gèrent le transport des passagers à l'intérieur de leurs limites respectives.</p>
<p><u>Ingingo ya 38: icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi mu kinyabiziga</u></p>	<p><u>Article 38: Licence for transport of passengers on board a vehicle</u></p>	<p><u>Article 38 : Licence de transport de passagers à bord d'un véhicule</u></p>
<p>Umuntu ushaka gukora umurimo wo gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa</p>	<p>A person wishing to carry out passenger transport operation on domestic public roads</p>	<p>Une personne qui désire effectuer l'opération de transport de passagers sur les routes publiques à</p>

<p>z'imbere mu Gihugu no mu buryo bwambukiranya imipaka agomba kubihirwa icyemezo n'urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere mbere y'uko atangira uwo murimo.</p> <p><u>Ingingo ya 39: Uruhushya rw'ikinyabiziga gitwara abagenzi</u></p> <p>Ikinyabiziga gikora umurimo wo gutwara abagenzi kigomba kuba gifite uruhushya rutangwa n'urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 40: Itangwa ry'icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi n'uruhushya rw'ikinyabiziga</u></p> <p>(1) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rutanga icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi n'uruhushya rw'ikinyabiziga rumaze gusuzuma ko usaba yujuje ibisabwa.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga.</p>	<p>and cross-border passenger transport operation must first obtain a license from the entity in charge of regulation prior to commencing such operations.</p> <p><u>Article 39: Authorization for a vehicle used for passenger transport</u></p> <p>A vehicle used for passenger transport must have an authorisation issued by the entity in charge of regulation.</p> <p><u>Article 40: Issuance of license for passenger transport and of vehicle authorisation</u></p> <p>(1) The entity in charge of regulation issues a license for passenger transport and a vehicle authorisation after checking whether the applicant meets the requirements.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines the requirements for issuing a license for passenger transport or a vehicle authorisation.</p>	<p>l'intérieur du pays et celle de transport transfrontalier de passagers doit, avant de commencer ces opérations, en obtenir une licence auprès de l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p> <p><u>Article 39 : Autorisation pour un véhicule affecté au transport de passagers</u></p> <p>Un véhicule affecté au transport de passagers doit disposer d'une autorisation délivrée par l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p> <p><u>Article 40 : Délivrance d'une licence de transport de passagers et d'une autorisation de véhicule</u></p> <p>(1) L'entité ayant la régulation dans ses attributions délivre une licence de transport de passagers et l'autorisation pour un véhicule après avoir vérifié si le demandeur remplit les conditions requises.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les conditions requises pour la délivrance d'une licence de transport de passagers ou d'une autorisation pour un véhicule.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 41:</u> Gutanga cyangwa guhererekanya icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga</p> <p>Gutanga cyangwa guhererekanya icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga bigira agaciro gusa iyo byemejwe n'urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 42:</u> Guhagarika by'agateganyo cyangwa gutwara abagenzi cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga gitwara abagenzi</p> <p>(1) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rushobora guhagarika by'agateganyo cyangwa gutwara abagenzi mu nzira nyabagendwa cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga gitwara abagenzi iyo kimwe cyangwa byinshi bisabwa ku itangwa ry'icyemezo cyangwa uruhushya bitubahirijwe.</p> <p>(2) Iyo icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abagenzi cyangwa</p>	<p><u>Article 41:</u> Assignment or transfer of passenger transport license or vehicle authorisation</p> <p>The assignment or transfer of a passenger transport license or vehicle authorisation is valid only upon approval by the entity in charge of regulation.</p> <p><u>Article 42:</u> Suspension or revocation of passenger transport license or vehicle authorisation</p> <p>(1) The entity in charge of regulation may suspend or revoke a license for passenger transport on public road or authorisation for a vehicle used for passenger transport if one or more requirements for the issuance of such a license or authorization are not complied with.</p> <p>(2) When a passenger transport license or authorisation for a vehicle used for</p>	<p><u>Article 41 :</u> Cession ou transfert d'une licence de transport de passagers ou d'une autorisation de véhicule</p> <p>La cession ou le transfert d'une licence de transport de passagers ou d'une autorisation de véhicule n'est valable que sur approbation de l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p> <p><u>Article 42 :</u> Suspension ou révocation d'une licence de transport de passagers ou d'une autorisation de véhicule</p> <p>(1) L'entité ayant la régulation dans ses attributions peut suspendre ou révoquer une licence de transport de passagers sur une route publique ou une autorisation pour un véhicule affecté au transport de passagers en cas de non-respect d'une ou de plusieurs conditions requises pour sa délivrance.</p> <p>(2) Lorsque, conformément aux dispositions du paragraphe (1) du présent article, une</p>
---	--	---

<p>uruhushya rw'ikinyabiziga gitwara abagenzi bihagaritswe by'agateganyo cyangwa biteshejwe agaciro hakurijwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rubimenyesha mu nyandiko nyiri icyemezo cyangwa nyiri uruhushya rumugaragariza impamvu zashingiweho kugira ngo bihagarikwe by'agateganyo cyangwa biteshe agaciro.</p> <p>(3) Iyo impamvu yatumye icyemezo cyangwa uruhushya bivugwa muri iyi ngingo bihagararikwa by'agateganyo itakiriho, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere ruvanaho icyemezo cyo kubihagarika by'agateganyo.</p> <p><u>Icyiciro cya 3:</u> Ubwikorezi bw'ibintu mu nzira nyabagendwa</p> <p><u>Ingingo ya 43:</u> Ibyiciro by'ibinyabiziga bikora ubwikorezi bw'ibintu mu nzira nyabagendwa</p> <p>(1) Ibyiciro by'ibinyabiziga bikora ubwikorezi bw'ibintu mu nzira nyabagendwa ni ibi bikurikira:</p>	<p>passenger transport is suspended or revoked in accordance with the provisions of Paragraph (1) of this Article, the entity in charge of regulation informs the license or authorization holder in writing thereof, giving the reasons for suspension or revocation.</p> <p>(3) When the reason for suspension of the license or authorization referred to in this Article no longer exists, the entity in charge of regulation cancels the suspension decision.</p> <p><u>Section 3:</u> Transport of goods on public road</p> <p><u>Article 43:</u> Categories of vehicles used for transport of goods on public road</p> <p>(1) The categories of vehicles used for transport of goods on public road are the following:</p>	<p>licence de transport de passagers ou une autorisation pour un véhicule affecté au transport de passagers est suspendue ou révoquée, l'entité ayant la régulation dans ses attributions en informe le titulaire par écrit en lui indiquant les motifs de suspension ou de révocation.</p> <p>(3) Lorsque le motif de suspension de la licence ou de l'autorisation visée au présent article n'existe plus, l'entité ayant la régulation dans ses attributions annule la décision de suspension.</p> <p><u>Section 3 :</u> Transport de biens sur une route publique</p> <p><u>Article 43 :</u> Catégories de véhicules affectés au transport de biens sur une route publique</p> <p>(1) Les catégories de véhicules affectés au transport de biens sur une route publique sont les suivantes :</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special Ter of 03/08/2023

<p>(a) ikinyabiziga gito gifite ubushobozi bwo gutwara imizigo ifite uburemere buri muni ya toni imwe;</p> <p>(b) ikinyabiziga kitaremeye gifite ubushobozi bwo gutwara imizigo ifite ubureme kuva kuri toni imwe kugeza kuri toni eshanu;</p> <p>(c) ikinyabiziga gifite uburemere buringaniye gifite ubushobozi bwo gutwara imizigo ifite uburemere burengeje toni eshanu ariko butarengeje toni icumi;</p> <p>(d) ikinyabiziga kiremeye gifite ubushobozi bwo gutwara imizigo ifite uburemere burengeje toni icumi ariko butarengeje toni 30;</p> <p>(e) ikinyabiziga kiremeye cyane gifite ubushobozi bwo gutwara imizigo ifite uburemere burengeje toni 30.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena imikorere n'imikoreshereze y'igare mu gutwara ibintu mu nzira nyabagendwa; rishobora kandi kugena ibindi byiciro by'ibinyabiziga bitwara ibintu mu nzira nyabagendwa.</p>	<p>(a) small vehicle whose carrying capacity is less than one ton;</p> <p>(b) light vehicle whose carrying capacity ranges from one to five tons;</p> <p>(c) medium-sized vehicle whose carrying capacity is greater than five tons but not exceeding ten tons;</p> <p>(d) heavy vehicle whose carrying capacity is greater than ten tons but not exceeding 30 tons;</p> <p>(e) very heavy vehicle whose carrying capacity is greater than 30 tons.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines modalities of using a bicycle for transport of goods on public road, and may determine other categories of vehicles used for transport of goods on public road.</p>	<p>(a) petit véhicule dont la capacité de chargement est inférieure à une tonne;</p> <p>(b) véhicule léger dont la capacité de chargement varie d'une à cinq tonnes;</p> <p>(c) véhicule de taille moyenne dont la capacité de chargement est supérieure à cinq tonnes mais ne dépassant pas dix tonnes;</p> <p>(d) véhicule lourd dont la capacité de chargement est supérieure à dix tonnes mais ne dépassant pas 30 tonnes;</p> <p>(e) véhicule très lourd dont la capacité de chargement est supérieure à 30 tonnes.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'utilisation du vélo dans le transport de biens sur une route publique et peut déterminer d'autres catégories de véhicules affectés au transport public routier de biens.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 44:</u> icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu mu nzira nyabagendwa</p> <p>Umuntu ushaka gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu mu nzira nyabagendwa z'imbere mu Gihugu cyangwa mu buryo bwambukiranya imipaka agomba kuba afite icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu gitangwa n'urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere mbere y'uko atangira iyo mirimo.</p>	<p><u>Article 44:</u> License for transport of goods on public road</p> <p>A person wishing to carry out goods transport operations on public road within the country or cross-border goods transport operations must have a license for the transport of goods issued by the entity in charge of regulation prior to commencing such operations.</p>	<p><u>Article 44 :</u> Licence pour le transport de biens sur une route publique</p> <p>Une personne qui désire effectuer les opérations de transport de biens sur une route publique à l'intérieur du pays ou celles de transport transfrontalier de biens doit, avant de commencer ces opérations, avoir une licence de transport de biens délivrée par l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 45:</u> Uruhushya rw'ikinyabiziga gikora umurimo wo gutwara ibintu</p> <p>Ikinyabiziga gikora umurimo wo gutwara ibintu kigomba kuba gifite uruhushya rutangwa n'urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere.</p>	<p><u>Article 45:</u> Authorisation for a vehicle used for the transport of goods</p> <p>A vehicle used for the transport of goods must have an authorisation issued by the entity in charge of regulation.</p>	<p><u>Article 45 :</u> Autorisation pour un véhicule affecté au transport de biens</p> <p>Un véhicule affecté au transport de biens doit disposer d'une autorisation délivrée par l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 46:</u> Itangwa ry'icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga</p> <p>(1) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rutanga icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu cyangwa uruhushya</p>	<p><u>Article 46:</u> Issuance of licence for the transport of goods or authorisation for vehicle</p> <p>(1) The entity in charge of regulation issues a licence for the transport of goods or an authorization for a vehicle used for the transport of goods after</p>	<p><u>Article 46 :</u> Délivrance d'une licence de transport de biens ou d'une autorisation de véhicule</p> <p>(1) L'entité ayant la régulation dans ses attributions délivre une licence de transport de biens ou une autorisation pour un véhicule affecté au transport de biens après</p>

<p>rw'ikinyabiziga gikora umurimo wo gutwara ibintu rumaze gusuzuma ko usaba yujuje ibisabwa.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga.</p> <p><u>Ingingo ya 47:</u> Kwegurira cyangwa guhererekanya icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga</p> <p>Kwegurira cyangwa guhererekanya icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwikorezi bw'ibintu cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga gikora umurimo wo gutwara ibintu bigira agaciro gusa iyo byemejwe n'urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 48:</u> Guhagarika by'agateganyo cyangwa gutwara ibintu</p> <p>(1) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rushobora guhagarika by'agateganyo</p>	<p>assessing if the applicant fulfils the requirements.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines the requirements for issuing a license for the transport of goods or a vehicle authorization.</p> <p><u>Article 47:</u> Assignment or transfer of license for goods transport or vehicle authorisation</p> <p>The assignment or transfer of goods transport license or of authorisation for a vehicle used for goods transport is valid only upon approval by the entity in charge of regulation.</p> <p><u>Article 48:</u> Suspension or revocation of license for goods transport or authorization for a vehicle used for goods transport</p> <p>(1) The entity in charge of regulation may suspend or revoke a licence for transport of goods on public road or</p>	<p>avoir examiné si le demandeur remplit les conditions requises.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les conditions requises pour la délivrance d'une licence de transport de biens ou d'une autorisation de véhicule.</p> <p><u>Article 47 :</u> Cession ou transfert d'une licence de transport de biens ou d'une autorisation de véhicule</p> <p>La cession ou le transfert d'une licence de transport de biens ou d'une autorisation pour un véhicule affecté au transport de biens n'est valable que sur approbation de l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p> <p><u>Article 48 :</u> Suspension ou révocation d'une licence de transport de biens ou d'une autorisation pour un véhicule affecté au transport de biens</p> <p>(1) L'entité ayant la régulation dans ses attributions peut suspendre ou révoquer une licence de transport public de biens sur</p>
---	---	---

<p>cyangwa gutesha agaciro icyemezo cyo gutwara ibintu mu buryo bwa rusange mu nzira nyabagendwa cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga gitwara ibintu mu buryo bwa rusange iyo kimwe cyangwa byinshi bisabwa ku itangwa ry'icyemezo cyangwa uruhushya bitubahirijwe.</p> <p>(2) Iyo icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara ibintu cyangwa uruhushya rw'ikinyabiziga gitwara ibintu bihagaritswe by'agateganyo cyangwa biteshejwe agaciro hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rubimenyesha mu nyandiko nyiri icyemezo cyangwa nyiri uruhushya rumugaragariza impamvu zashingiweho kugira ngo bihagarikwe by'agateganyo cyangwa biteshwe agaciro.</p> <p>(3) Iyo impamvu yatumye icyemezo cyangwa uruhushya bivugwa muri iyi ngingo bihagararikwa by'agateganyo itakiriho, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere ruvanaho icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo.</p>	<p>authorisation for a vehicle used for public transport of goods if one or more conditions required for the issuance of such a license or authorization are not complied with.</p> <p>(2) When a license for the transport of goods or authorization for a vehicle used for the transport of goods is suspended or revoked in accordance with the provisions of Paragraph (1) of this Article, the entity in charge of regulation notifies the holder of such license or authorization in writing of the reasons for such suspension or revocation.</p> <p>(3) When the reason for suspension of the license or authorization referred to in this Article no longer exists, the entity in charge of regulation cancels the suspension decision.</p>	<p>une route publique ou une autorisation pour un véhicule affecté au transport public de biens si une ou plusieurs conditions requises pour la délivrance de cette licence ou autorisation ne sont pas respectées.</p> <p>(2) Lorsque, conformément aux dispositions du paragraphe (1) du présent article, une licence de transport de biens ou une autorisation pour un véhicule affecté au transport de biens est suspendue ou révoquée, l'entité ayant la régulation dans ses attributions notifie par écrit au titulaire de la licence ou de l'autorisation les motifs de cette suspension ou révocation.</p> <p>(3) Lorsque le motif de suspension de la licence ou de l'autorisation visée au présent article n'existe plus, l'entité ayant la régulation dans ses attributions annule la décision de suspension.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 49: Gutwara imizigo yihariye</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutwara imizigo yihariye hakoreshejwe ibinyabiziga bivugwa mu ngingo ya 43 y'iri tegeko.</p> <p><u>Icyiciro cya 4: Igenzura ry'uburemere bw'ikinyabiziga</u></p> <p><u>Ingingo ya 50: Uburyo bw'igenzura ry'uburemere bw'ikinyabiziga</u></p> <p>(1) Igenzura ry'uburemere bw'ikinyabiziga rikorwa hakoreshejwe iminzani yabugenewe.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rutanga imirongo ngenderwaho ku bayobozi b'ibinyabiziga mu gukoresha neza iminzani yabugenewe ipima uburemere bw'ikinyabiziga.</p> <p><u>Ingingo ya 51: Ikinyabiziga gipimwa uburemere</u></p> <p>(1) Ikinyabiziga gifite uburemere bungana cyangwa burenze kilogarama 3.500 iyo gipakiye, gipimwa ku munzani wabugenewe.</p>	<p><u>Article 49: Transport of special loads</u></p> <p>An Order of the Minister determines modalities for the transport of special loads by the vehicles referred to in Article 43 of this Law.</p> <p><u>Section 4: Vehicle load control</u></p> <p><u>Article 50: Modalities for vehicle load control</u></p> <p>(1) Vehicle load control is performed using weighbridges intended for that purpose.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development provides drivers with guidelines concerning proper use of weighbridges used for weighing the vehicle.</p> <p><u>Article 51: Vehicle subject to weighing</u></p> <p>(1) A vehicle with a gross weight equal to or more than 3,500 kilogrammes is weighed using a weighing scale intended for that purpose.</p>	<p><u>Article 49 : Transport de charges spéciales</u></p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités de transport de charges spéciales par les véhicules visés à l'article 43 de la présente loi.</p> <p><u>Section 4 : Contrôle de la charge du véhicule</u></p> <p><u>Article 50 : Modalités de contrôle de la charge du véhicule</u></p> <p>(1) Le contrôle de la charge du véhicule se fait à l'aide de ponts bascules prévus à cet effet.</p> <p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions fournit aux conducteurs de véhicules des directives concernant l'utilisation correcte de ponts bascules servant au pesage du véhicule.</p> <p><u>Article 51 : Véhicule soumis au pesage</u></p> <p>(1) Un véhicule dont le poids brut est égal ou supérieur à 3.500 kilogrammes est soumis au pesage à l'aide d'une balance prévue à cet effet.</p>
--	---	---

<p>(2) Icyakora, umukozi ubifitiye ububasha ashobora gutegeka umuyobozi w'ikinyabiziga kitavuzwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, gupimisha uburemere bw'icyo kinyabiziga ku munzani wabugenewe.</p>	<p>(2) However, an authorized officer may require the driver of a vehicle other than that referred to in Paragraph (1) of this Article to subject it to weighing, on a weighing scale intended for that purpose.</p>	<p>(2) Toutefois, un agent autorisé peut exiger du conducteur d'un véhicule autre que celui visé au paragraphe (1) du présent article qu'il soumette ce véhicule au pesage à une balance prévue à cet effet.</p>
<p><u>Ingingo ya 52: Kubahiriza uburemere ntarengwa</u></p>	<p><u>Article 52: Compliance with weight limits</u></p>	<p><u>Article 52 : Respect des limites du poids</u></p>
<p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga yubahiriza uburemere mbumbe ntarengwa bw'ikinyabiziga n'uburemere ntarengwa ku mutambiko.</p>	<p>(1) The vehicle driver complies with gross vehicle weight limits and maximum permissible axle load.</p>	<p>(1) Le conducteur du véhicule respecte les limites du poids brut du véhicule et de la charge maximale autorisée par essieu.</p>
<p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburemere ntarengwa buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. Rigena kandi ibikurikizwa mu gihe ubwo buremere burenze n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi k'uwaburengeje.</p>	<p>(2) An Order of the Minister determines the weight limits referred to in Paragraph (1) of this Article. Such an Order also determines applicable procedures in case such weight limits are exceeded and related administrative sanctions.</p>	<p>(2) Un Arrêté du Ministre détermine les limites de poids visées au paragraphe (1) du présent article. Cet Arrêté détermine également les procédures applicables en cas de dépassement des limites de poids et les sanctions administratives y relatives.</p>
<p><u>Ingingo ya 53: Kubahiriza ibipimo by'umwuka byemewe mu mapine</u></p>	<p><u>Article 53: Compliance with permissible tyre inflation pressure levels</u></p>	<p><u>Article 53 : Respect des niveaux autorisés de pression de gonflage de pneus</u></p>
<p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga yubahiriza ibipimo by'umwuka byemewe mu mapine hakurikijwe ingero zayo mu kubahiriza</p>	<p>(1) The vehicle driver complies with the permissible tyre inflation pressure levels depending on the sizes of tyres for complying with gross weight</p>	<p>(1) Le conducteur du véhicule respecte les niveaux autorisés de pression de gonflage dans les pneus en fonction de leurs dimensions dans le cadre du respect des</p>

<p>uburemere mbumbe ntarengwa n'uburemere ntarengwa ku mutambiko.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo by'umwuka byemewe mu mapine bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo hakurikijwe ingero zayo.</p> <p><u>Ingingo ya 54: Imikoreshereze y'umunzani upima uburemere bw'ikinyabiziga</u></p> <p>(1) Gupima uburemere bw'ikinyabiziga bikorwa mu buryo bubonye, budahindagurika kandi bukurikije amabwiriza y'ubuziranenge.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushyiraho amabwiriza y'imikoreshereze y'umunzani akoreshwa mu gupima uburemere bw'ibinyabiziga.</p> <p><u>Ingingo ya 55: Kwemeza iminzani no kugenzura ibipimo ngenderwaho</u></p> <p>Kwemeza iminzani ikoreshwa mu gupima uburemere bw'ikinyabiziga no kugenzura</p>	<p>limits and maximum permissible axle load.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines the permissible tyre inflation pressure levels referred to in Paragraph (1) of this Article depending on their specifications.</p> <p><u>Article 54: Use of vehicle weighing scale</u></p> <p>(1) Vehicle weighing operations are carried out in a proper, consistent and standardised manner.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development issues guidelines on the use of vehicle weighing equipment.</p> <p><u>Article 55: Certification and calibration of weighbridges</u></p> <p>The certification calibration of weighbridges used for weighing vehicles are performed by</p>	<p>limites du poids brut et de la charge maximale autorisé par essieu.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les niveaux autorisés des pressions de gonflage de pneus visés au paragraphe (1) du présent article en fonction de leurs spécifications.</p> <p><u>Article 54 : Utilisation de la balance de pesage de véhicules</u></p> <p>(1) Les opérations de pesage de véhicules sont effectuées de manière appropriée, cohérente et standardisée.</p> <p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions édicte des directives sur l'utilisation du dispositif de pesage de véhicules.</p> <p><u>Article 55 : Certification et calibration de ponts bascules</u></p> <p>La certification et la calibration de ponts bascules pour pesage des véhicules sont effectués par</p>
---	---	---

<p>ko ibipimo ngenderwaho byayo byuhahirizwa bikorwa n’Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gutsura ubuziranenge.</p> <p><u>Icyiciro cya 5: Gare</u></p> <p><u>Ingingo ya 56: Ibyiciro bya gare</u></p> <p>(1) Gare ziri mu byiciro bikurikira:</p> <p>(a) gare yo ku rwego rw’Igihugu;</p> <p>(b) gare yo ku rwego rw’Umujyi wa Kigali;</p> <p>(c) gare yo ku rwego rw’Akarere.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena gare yo ku rwego rw’Igihugu, iyo ku rwego rw’Umujyi wa Kigali n’iyo ku rwego rw’Akarere.</p> <p><u>Ingingo ya 57: Ibyiciro bya gare hagendewe kuri ba nyirazo</u></p> <p>Ibyiciro bya gare hagendewe kuri ba nyirazo, ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) gare ya Leta;</p> <p>(b) gare Leta ifatanyije n’abikorera;</p>	<p>the public entity in charge of standards.</p> <p><u>Section 5: Vehicle stations</u></p> <p><u>Article 56: Categories of vehicle stations</u></p> <p>(1) Vehicle stations fall into the following categories:</p> <p>(a) a vehicle station at the national level;</p> <p>(b) a vehicle station at the City of Kigali level;</p> <p>(c) a vehicle station at District level.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines the vehicle station at the national level, that at the City of Kigali level and that at District level.</p> <p><u>Article 57: Categories of vehicle stations depending on their owners</u></p> <p>Depending on their owners, vehicle stations fall into the following categories:</p> <p>(a) a publicly-owned vehicle station;</p> <p>(b) a vehicle station in public-private</p>	<p>l’entité publique ayant la normalisation dans ses attributions.</p> <p><u>Section 5 : Gares routières</u></p> <p><u>Article 56 : Catégories de gares routières</u></p> <p>(1) Les gares routières relèvent des catégories suivantes :</p> <p>(a) gare routière au niveau national;</p> <p>(b) gare routière au niveau de la Ville de Kigali;</p> <p>(c) gare routière au niveau de District.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine la gare routière au niveau national, celle au niveau de la Ville de Kigali et celle au niveau de District.</p> <p><u>Article 57 : Catégories de gares routières en fonction de leurs propriétaires</u></p> <p>Les gares routières relèvent, en fonction de leurs propriétaires, des catégories suivantes :</p> <p>(a) gare routière publique ;</p> <p>(b) gare routière en partenariat public-privé ;</p>
--	---	---

<p>(c) gare y’uwikorera.</p> <p><u>Ingingo ya 58: Ibisabwa kugira ngo hubakwe gare</u></p> <p>(1) Umuntu ushaka kubaka gare yubahiriza ibisabwa mu kuyubaka.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu kubaka gare.</p> <p><u>Ingingo ya 59: Imicungire ya gare</u></p> <p>Gare zicungwa ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) gare za Leta zo ku rwego rw’Igihugu zicungwa n’Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu;</p> <p>(b) gare za Leta zo ku rwego rw’Umujyi wa Kigali zicungwa n’Umujyi wa Kigali;</p> <p>(c) gare za Leta zo ku rwego rw’Akarere zicungwa n’Akerere</p>	<p>partnership;</p> <p>(c) a vehicle station owned by a private operator.</p> <p><u>Article 58: Requirements for construction of a vehicle station</u></p> <p>(1) A person who wishes to construct a vehicle station complies with the relevant requirements.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines requirements for the construction of a vehicle station.</p> <p><u>Article 59: Management of vehicle stations</u></p> <p>Vehicle stations are managed as follows:</p> <p>(a) publicly-owned vehicle stations at the national level are managed by the public entity in charge of transport development;</p> <p>(b) publicly-owned vehicle stations at the national level of the City of Kigali are managed by the City of Kigali;</p> <p>(c) publicly-owned stations at District level are managed by the Districts in</p>	<p>(c) gare routière appartenant à un opérateur privée.</p> <p><u>Article 58 : Conditions pour la construction d’une gare routière</u></p> <p>(1) Une personne qui désire construire une gare routière respecte les conditions requises à cet effet.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les conditions pour la construction d’une gare routière.</p> <p><u>Article 59 : Gestion de gares routières</u></p> <p>Les gares routières sont gérées comme suit :</p> <p>(a) les gares routières publiques au niveau national sont gérées par l’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions;</p> <p>(b) les gares routières publiques au niveau de la Ville de Kigali sont gérées par la Ville de Kigali ;</p> <p>(c) les gares routières publiques au niveau de District sont gérées par le District dans</p>
---	--	---

<p>ziherereyemo;</p> <p>(d) gare Leta ifatanyije n’abikorera zicungwa hakurikijwe amasezerano yakozwe hagati y’impande zombi;</p> <p>(e) gare z’abikorera zicungwa na ba nyirazo.</p> <p><u>Ingingo ya 60: Imikoreshereze ya gare</u></p> <p>(1) Umuntu ushinzwe imicungire ya buri muni ya gare agomba guha abayikoresha uburenganzira bungana.</p> <p>(2) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze ya gare.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INZIRA YA GARIYAMOSHI</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Ibigize inzira ya gariyamoshi n’ibyiciro byayo</u></p>	<p>which they are located;</p> <p>(d) vehicle stations in public-private partnership are managed as per an agreement entered into between both parties;</p> <p>(e) vehicle stations owned by private operators are managed by their owners.</p> <p><u>Article 60: Usage of a vehicle station</u></p> <p>(1) A person in charge of daily management of a vehicle station must guarantee fair treatment of all users.</p> <p>(2) The entity in charge of regulation issues regulations governing the usage of vehicle stations.</p> <p><u>CHAPTER IV: RAILWAY</u></p> <p><u>Section One: Railway components and categories</u></p>	<p>lequel elles se trouvent ;</p> <p>(d) les gares routières en partenariat public-privé sont gérées conformément à un accord entre les deux parties;</p> <p>(e) les gares routières appartenant à des opérateurs privés sont gérées par leurs propriétaires.</p> <p><u>Article 60 : Usage d’une gare routière</u></p> <p>(1) Une personne qui assure la gestion quotidienne d’une gare routière doit garantir un traitement équitable à tous les usagers.</p> <p>(2) L’entité ayant la régulation dans ses attributions met en place des règlements régissant l’usage des gares routières.</p> <p><u>CHAPITRE IV : CHEMIN DE FER</u></p> <p><u>Section première : Éléments et catégories du chemin de fer</u></p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 61: Ibigize inzira ya gariyamoshi</u></p> <p>Inzira ya gariyamoshi igizwe n'inzira nyirizina ya gariyamoshi, amashami yayo, inkengero zayo, ubwihugiko, ibice byayo binyura mu butaka, ibiraro, gare n'ibindi bikorwaremezo bifitanye isano n'ikoreshwa ryayo harimo n'uburyo bw'itumanaho n'ibimenyetso by'inzira.</p>	<p><u>Article 61: Railway components</u></p> <p>The railway includes the railway itself, its branches, extensions, sidings, tunnels, railway bridges, stations and other infrastructure connected with the railway, including communications and signalling systems.</p>	<p><u>Article 61 : Éléments du chemin de fer</u></p> <p>Le chemin de fer comprend le chemin de fer lui-même, ses embranchements et prolongements, les voies de garage et d'évitement, tunnels, les ponts, les gares ainsi que toute autre infrastructure liée au chemin de fer, y compris les systèmes de communication et de signalisation.</p>
<p><u>Ingingo ya 62: Ibyiciro by'inzira za gariyamoshi</u></p> <p>(1) Ibyiciro by'inzira za gariyamoshi ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) inzira za gariyamoshi zo ku rwego w'Igihugu zikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu Gihugu no ku rwego mpuzamahanga;</p> <p>(b) inzira za gariyamoshi zo ku rwego rw'imijyi zitwara abantu n'ibintu mu mijyi no mu nkengero zayo;</p> <p>(c) inzira za gariyamoshi zihariye zitwara abantu n'ibintu by'abantu ku giti cyabo.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena inzira za gariyamoshi zo ku rwego rw'Igihugu,</p>	<p><u>Article 62: Categories of railways</u></p> <p>(1) Categories of railways are:</p> <p>(a) national railways used for transport within the country and at international level;</p> <p>(b) urban railways used for transport in and around cities;</p> <p>(c) specialised railways used for private transport.</p> <p>(2) An order of the Minister determines national railways, urban railways and</p>	<p><u>Article 62 : Catégorie de chemins de fer</u></p> <p>(1) Les catégories de chemins de fer sont les suivantes :</p> <p>(a) les chemins de fer nationaux utilisés pour le transport à l'intérieur du pays et au niveau international;</p> <p>(b) les chemins de fer urbains utilisés pour le transport dans des villes et leurs périphéries;</p> <p>(c) les chemins de fer spécialisés utilisés pour le transport privé.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les chemins de fer nationaux, les chemins de fer urbains et les</p>

<p>izo ku rwego rw'imijyi n'izihariye.</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Kubaka, gusana no guteza imbere inzira za gariyamoshi</u></p> <p><u>Ingingo ya 63: Kubaka inzira za gariyamoshi</u></p> <p>(1) Inzira za gariyamoshi zo ku rwego w'Igihugu n'izo ku rwego rw'imijyi zubakwa n'Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu.</p> <p>(2) Inzira za gariyamoshi zihariye zubakwa na banyirazo.</p> <p><u>Ingingo ya 64: Iby'ibanze byubahirizwa mu kubaka inzira ya gariyamoshi</u></p> <p>Iyubakwa ry'inzira ya gariyamoshi ryubahiriza nibura ibi bikurikira:</p> <p>(a) guhitamo ibipimo ngenderwaho byubahirije ihame ry'ihuzamikorere ry'ibikorwaremezo by'urusobe rw'inzira za gariyamoshi;</p> <p>(b) guhuza ibikorwaremezo n'ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu;</p>	<p>specialized railways.</p> <p><u>Section 2: Construction, maintenance and development of railways</u></p> <p><u>Article 63: Construction of railways</u></p> <p>(1) The national railways and urban railways are constructed by the public entity in charge of transport development.</p> <p>(2) Specialised railways are constructed by their owners.</p> <p><u>Article 64: Basic requirements for the construction of railway</u></p> <p>The construction of a railway conforms at least to the following:</p> <p>(a) selection of standards meeting the interoperability requirement for the whole national railway network;</p> <p>(b) ensuring the possible connection to other transport modes for easy transit of passengers and cargo;</p>	<p>chemins de fer spécialisés.</p> <p><u>Section 2 : Construction, entretien et développement de chemins de fer</u></p> <p><u>Article 63 : Construction de chemins de fer</u></p> <p>(1) Les chemins de fer nationaux et les chemins de fer urbains sont construits par l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions.</p> <p>(2) Les chemins de fer spécialisés sont construits par leurs propriétaires.</p> <p><u>Article 64 : Exigences de base à respecter pour la construction d'un chemin de fer</u></p> <p>La construction d'un chemin de fer se conforme au moins à ce qui suit :</p> <p>(a) sélection de normes satisfaisant à l'exigence d'interopérabilité de l'ensemble du réseau ferroviaire national ;</p> <p>(b) assurer la connexion possible à d'autres modes de transport pour faciliter le transit des passagers et des marchandises;</p>
---	---	---

<p>(c) kwita ku bipimo by'umubare w'abantu cyangwa ingano y'ibintu biteganywa kuzatwarwa mu gihe kirekire;</p> <p>(d) kutangiza imiterere y'umujiyi n'ibidukikije muri rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 65: Ubugari n'imbibi by'inziira ya gariyamoshi</u></p> <p>(1) Ubugari bw'inziira ya gariyamoshi n'imbibi zayo ni metero 60.</p> <p>(2) icyakora, ubugari bw'inziira ya gariyamoshi n'imbibi zayo mu Mujiyi wa Kigali no mu tundi duce dufatwa nk'imijyi bugenwa hakurikijwe igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali cyangwa icy'ahandi hafatwa nk'umujiyi.</p> <p>(3) Imbibi z'inziira ya gariyamoshi zigaragazwa n'ikimenyetso gishyirwaho n'urwego rufite iterambere ry'inziira za gariyamoshi mu nshingano.</p>	<p>(c) considering the demand in terms of public passenger and cargo transport in long term perspective;</p> <p>(d) not to damage urban landscape and environment in general.</p> <p><u>Article 65: Rail right-of-way width</u></p> <p>(1) The right-of-way is 60 metres in width for railways.</p> <p>(2) However, the width of right- of- way for railways crossing urban areas is determined in accordance with the master plan of the City of Kigali or other urban areas.</p> <p>(3) Rail right-of- way is demarcated by landmark placed by the entity in charge of railway development.</p>	<p>(c) prendre en compte la demande en termes de transport public de passagers et de biens à long terme ;</p> <p>(d) ne pas endommager le paysage urbain et l'environnement en général.</p> <p><u>Article 65 : Largeur de l'emprise du chemin de fer</u></p> <p>(1) La largeur de l'emprise du chemin de fer est de 60 mètres.</p> <p>(2) Toutefois, la largeur de l'emprise du chemin de fer traversant des zones urbaines est déterminée conformément au plan d'aménagement de la Ville de Kigali ou d'autres zones urbaines.</p> <p>(3) L'emprise du chemin de fer est délimitée par un point de repère placé par l'entité ayant la promotion du développement ferroviaire dans ses attributions.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 66: Kubungabunga inzira ya gariyamoshi n’ubutaka bugenewe inzira ya gariyamoshi</u></p> <p>(1) Inzira ya gariyamoshi cyangwa ubutaka bugenewe inzira ya gariyamoshi ntibibangamirwa n’uwo ari we wese.</p> <p>(2) icyakora, umuntu ushaka gushyira inyubako ku butaka bugenewe inzira ya gariyamoshi cyangwa kugira ikindi ahakorera abanza kubiharerwa uruhushya na Minisitiri.</p>	<p><u>Article 66: Preservation of railway and rail right- of -way</u></p> <p>(1) The railway or rail right-of-way should not be obstructed by any person.</p> <p>(2) However, anyone who wishes to erect a structure on the rail right-of-way or use it for other purposes requests for prior authorization from the Minister.</p>	<p><u>Article 66 : Préservation du chemin de fer et de l’emprise de chemin de fer</u></p> <p>(1) Le chemin de fer ou l’emprise du chemin de fer ne doit pas être entravé par qui que ce soit.</p> <p>(2) Toutefois, toute personne qui désire ériger un ouvrage sur l’emprise du chemin de fer ou l’exploiter à d’autres fins se fait délivrer une autorisation préalable à cet effet auprès du Ministre.</p>
<p><u>Icyiciro cya 3: Imikorere, isanwa n’icungwa by’inzira ya gariyamoshi</u></p> <p><u>Ingingo ya 67: Ikoreshwa, isanwa n’icungwa by’inzira ya gariyamoshi</u></p> <p>Ikoreshwa, isanwa n’icungwa by’inzira za gariyamoshi zo ku rwego rw’Igihugu n’izo ku rwego rw’imijyi, biri mu nshingano z’Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ry’ogutwara abantu n’ibintu.</p>	<p><u>Section 3: Operation, maintenance and management of railway network</u></p> <p><u>Article 67: Operation, maintenance and management of railway</u></p> <p>The operation, maintenance and management of the national and urban railways fall under the responsibility of the public entity in charge of transport development.</p>	<p><u>Section 3 : Exploitation, entretien et gestion du réseau ferroviaire</u></p> <p><u>Article 67 : Exploitation, entretien et gestion du chemin de fer</u></p> <p>L’exploitation, l’entretien et la gestion des chemins de fer nationaux et urbains relèvent de la responsabilité de l’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions.</p>

<p><u>Ingingo ya 68:</u> Uburyo bwo gukoresha, gucunga no gusana inzira za gariyamoshi</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gukoresha, gucunga no gusana inzira za gariyamoshi zo ku rwego rw'Igihugu n'izo ku rwego rw'imijyi.</p> <p><u>Ingingo ya 69:</u> Ibisabwa umuntu ushaka gukoresha inzira za gariyamoshi</p> <p>Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rugena ibisabwa umuntu ushaka gukoresha inzira za gariyamoshi zo ku rwego rw'igihugu n'izo ku rwego rw'imijyi.</p> <p><u>Icyiciro cya 4:</u> Umutekano wo mu nzira ya gariyamoshi</p> <p><u>Ingingo ya 70:</u> Umutekano wo mu nzira ya gariyamoshi n'uburyo bwo kuyigendamo</p> <p>(1) Umutekano wo mu nzira ya gariyamoshi ushinzwe Urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu nzira za gariyamoshi.</p>	<p><u>Article 68:</u> Modalities for operation, management and maintenance of railways</p> <p>An order of the Minister determines modalities for operation, management and maintenance of national and urban railways.</p> <p><u>Article 69:</u> Railway operation requirements</p> <p>The public entity in charge of transport development determines requirements for operation of national and urban railways.</p> <p><u>Section 4:</u> Railway safety</p> <p><u>Article 70:</u> Railways safety and traffic</p> <p>(1) The railways safety is ensured by an organ having railways safety in its responsibilities.</p>	<p><u>Article 68 :</u> Modalités d'exploitation, de gestion et d'entretien des chemins de fer</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'exploitation, de gestion et d'entretien des chemins de fer nationaux et urbains.</p> <p><u>Article 69 :</u> Exigences relatives à l'exploitation des chemins de fer</p> <p>L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions fixe les exigences relatives à l'exploitation des chemins de fer nationaux et urbains.</p> <p><u>Section 4 :</u> Sécurité ferroviaire</p> <p><u>Article 70 :</u> Sécurité et circulation ferroviaires</p> <p>(1) La sécurité ferroviaire est assurée par l'entité ayant la sécurité ferroviaire dans ses attributions.</p>
---	---	--

<p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibijyanye n'umutekano wo mu nzira ya gariyamoshi, uburyo bwo kuyigendamo n'ibimenyetso bifasha mu kuyigendamo.</p> <p><u>Ingingo ya 71: Ibikenerwa mu kubungabunga umutekano wo mu inzira za gariyamoshi</u></p> <p>Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushyiraho ibikenerwa mu kurinda no kuzimya inkongi, uburyo bwo kwinjiza umwuka wo guhumeka, ibikoresho by'ubutabazi n'uburyo bw'ubutabazi mu nzira za gariyamoshi zo munsu y'ubutaka, gare n'ahandi gariyamoshi zihagarara n'ibindi byakenerwa mu kubungabunga umutekano wo mu nzira za gariyamoshi.</p> <p><u>Ingingo ya 72: Ubwishingizi bwa gariyamoshi</u></p> <p>Gariyamoshi ikora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu igira ubwishingizi ku buryozwe bw'abantu cyangwa ibintu bishobora kwangizwa n'ikoreshwa ryayo.</p>	<p>(2) An Order of the Minister governs railway safety, traffic and signalling.</p> <p><u>Article 71: Railway safety requirements</u></p> <p>The public entity in charge of transport development ensures that railway tunnels, stations and stops are equipped with fire protection and fighting equipment, have ventilation system, emergency exists and rescue system and other means which may be required for railway safety.</p> <p><u>Article 72: Train insurance</u></p> <p>A train used for the transport of people or goods is covered by a civil liability insurance policy for damages that may be caused by its operation.</p>	<p>(2) Un Arrêté du Ministre régit la sécurité, la circulation et la signalisation ferroviaires.</p> <p><u>Article 71 : Exigences en matière de sécurité ferroviaire</u></p> <p>L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions fixe les exigences en matière de prévention de l'incendie et de lutte contre celui-ci, de système de ventilation, de dispositifs de sauvetage et veille à ce que les tunnels, gares et arrêts soient munis d'un système de ventilation, de sauvetage et autres moyens pouvant être requis pour la sécurité ferroviaire.</p> <p><u>Article 72 : Assurance pour train</u></p> <p>Un train affecté au transport de personnes ou de biens dispose d'une assurance qui couvre les dommages aux biens ou aux personnes pouvant être causés par son exploitation.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 73</u> : Ubugenzuzi bw’urusobe rw’inzira za gariyamoshi</p> <p>(1) Ibigize urusobe rw’inzira za gariyamoshi bigomba kugenzurwa buri gihe kandi bikitabwaho kugira ngo umutekano w’abantu n’ibintu ubungabungwe.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu rugenzura kandi rukabika inyandiko z’ubugenzuzi bw’urusobe rw’inzira za gariyamoshi kandi rukageza ku nzego bireba kopi y’ibyavuye mu bugenzuzi.</p>	<p><u>Article 73</u>: Inspection of railway systems</p> <p>(1) The railway systems must be regularly inspected and maintained to ensure the safety of people and goods.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development inspects railway systems and keeps records of inspection and provides a copy of its inspection results to the relevant authorities.</p>	<p><u>Article 73</u> : Inspection des systèmes ferroviaires</p> <p>(1) Les systèmes ferroviaires doivent être inspectés et entretenus régulièrement pour garantir la sécurité des personnes et des biens.</p> <p>(2) L’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions inspecte les systèmes ferroviaires et tient des registres d’inspection et transmet aux entités concernées une copie des résultats de ses inspections.</p>
<p><u>Ingingo ya 74</u>: Ibyitabwaho mu kugenzura ibigize urusobe rw’inzira za gariyamoshi</p> <p>(1) Mu gukora umurimo w’ubugenzuzi, Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu rugenzura ko ibi bikurikira byubahirije ibisabwa-</p> <p>(a) lokomoteri;</p> <p>(b) ibice bya gariyamoshi bitwara abantu;</p>	<p><u>Article 74</u>: Scope of inspection of railway systems</p> <p>(1) When carrying out inspection, the public entity in charge of transport development inspects the following systems to ascertain compliance with standards and requirements -</p> <p>(a) locomotives;</p> <p>(b) passenger coaches;</p>	<p><u>Article 74</u> : Champ d’inspection des systèmes ferroviaires</p> <p>(1) Lorsqu’elle effectue une inspection, l’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions inspecte les systèmes suivants pour vérifier leur conformité aux normes et aux exigences -</p> <p>(a) locomotives ;</p> <p>(b) voitures à passagers ;</p>

<p>(c) ibice bya gariyamoshi bitwara ibintu;</p> <p>(d) gare;</p> <p>(e) inzira ya gariyamoshi;</p> <p>(f) ibikoresho by'itumanaho n'ibimenyetso;</p> <p>(g) abakozi bo mu nzira za gariyamoshi;</p> <p>(h) ahakorerwa ibikorwa byo gusana gariyamoshi.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushobora kugena ibindi byakwitabwaho mu kugenzura ibigize urusobe rw'inzira za gariyamoshi. Rushyiraho kandi amabwiriza ajyanye n'ubugenzuzi buteganyijwe muri iyi ngingo.</p>	<p>(c) wagons;</p> <p>(d) stations;</p> <p>(e) track;</p> <p>(f) communication and signalling systems;</p> <p>(g) railway staff;</p> <p>(h) train maintenance and repair workshops.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development may determine other components which may be covered by the inspection of railway systems. It also puts in place regulations relating to the inspection provided for under this Article.</p>	<p>(c) wagons ;</p> <p>(d) stations ;</p> <p>(e) voie ferrée;</p> <p>(f) systèmes de communication et de signalisation;</p> <p>(g) personnel ferroviaire;</p> <p>(h) ateliers d'entretien et de réparation des trains.</p> <p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions peut déterminer d'autres éléments pouvant être couverts par l'inspection des systèmes ferroviaires. Elle met également en place les règlements relatifs à l'inspection prévue au présent article.</p>
<p><u>Ingingo ya 75: Igipimo ntarengwa cy'alukolu mu maraso n'uburyo bwo kuyipima</u></p> <p>(1) Igipimo cya alukolu ku mukozi ufasha mu gukoresha no kuyobora gariyamoshi ntikigomba kuba kiri</p>	<p><u>Article 75: Blood alcohol limit and testing method</u></p> <p>(1) A staff member participating in train operation and control cannot act in that capacity if he or she has a blood</p>	<p><u>Article 75 : Taux limite et méthode de contrôle d'alcoolémie</u></p> <p>(1) Un membre du personnel participant à l'opération et au contrôle du train ne doit pas agir en cette qualité avec un taux</p>

<p>hejuru ya garama zero n'ibice zero muri litiro imwe y'amaraso.</p> <p>(2) Umukozi uvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo apimwa alukolu mu maraso igihe cyose bibaye ngombwa, hagamijwe kubungabunga umutekano wo mu nzira za gariyamoshi.</p> <p>(3) Umukozi ubifitiye ububasha apima alukolu mu maraso akoresheje ibikoresho byabugenewe.</p> <p>(4) Iyo gupima alukolu mu maraso hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe bidashoboka, bikorwa na muganga wemewe na Leta kandi akabintangira icyemezo.</p>	<p>alcohol level higher than 0.0 gramme per litre of blood.</p> <p>(2) The staff member referred to in Paragraph (1) of this Article undergoes a blood alcohol test whenever necessary to safeguard the railway safety.</p> <p>(3) An authorized officer performs a blood alcohol test, using devices provided for the purpose.</p> <p>(4) When it is impossible to perform a blood alcohol test, using devices provided for the purpose, such a test is performed by a recognized medical doctor who issues a certificate to that effect.</p>	<p>d'alcoolémie supérieur à 0.0 g par litre de sang.</p> <p>(2) Le membre du personnel visé au paragraphe (1) du présent article est soumis à un contrôle d'alcoolémie chaque fois que nécessaire, pour préserver la sécurité ferroviaire.</p> <p>(3) Un agent autorisé effectue un contrôle d'alcoolémie à l'aide des appareils prévus à cet effet.</p> <p>(4) En cas d'impossibilité d'effectuer un contrôle d'alcoolémie à l'aide des appareils prévus à cet effet, ce contrôle est effectué par un médecin agréé qui délivre un certificat à cet effet.</p>
<p><u>Ingingo ya 76:</u> Gupima ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo n'ibindi bishobora kubangamira umutekano wo mu nzira ya gariyamoshi</p> <p>(1) Umukozi ubifitiye ububasha ashobora gutegeka umukozi ufasha mu gukoresha no kuyobora gariyamoshi gupimwa ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo</p>	<p><u>Article 76:</u> Screening test for narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances that may jeopardize the railway safety</p> <p>(1) An authorized officer may order that a staff participating in train operation and control be tested for narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances that may jeopardize the</p>	<p><u>Article 76 :</u> Test de dépistage de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d'autres substances interdites pouvant compromettre la sécurité ferroviaire</p> <p>(1) Un agent autorisé peut ordonner qu'un membre du personnel participant à l'opération et au contrôle d'un train soit, chaque fois que nécessaire, soumis à un test de dépistage de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et</p>

<p>n'ibindi bishobora kubangamira umutekano wo mu nzira ya gariyamoshi igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p>(2) Gupima kuvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gukorwa n'umukozi ubifitiye ububasha cyangwa na muganga wemewe na Leta akabitangira icyemezo.</p> <p><u>Ingingo ya 77: Gushakisha, ubutabazi n'iperereza ku mpanuka cyangwa ku nkomyi</u></p> <p>Gushakisha, gukora ubutabazi n'iperereza ku mpanuka cyangwa ku nkomyi bikorwa n'urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu nzira za gariyamoshi.</p> <p><u>Ingingo ya 78: Kumenyekanisha impanuka cyangwa inkomyi</u></p> <p>Iyo habaye impanuka cyangwa inkomyi mu gihe cy'ikoreshwa rya gariyamoshi, icy'iyubakwa cyangwa icy'isanwa ry'inzira zazo, kapiteni wa gariyamoshi cyangwa umuntu ushinzwe imirimo y'iyubakwa cyangwa isanwa ry'izo nzira agomba guhita amenyekanisha icyabaye ku rwego rufite mu nshingano umutekano wo mu nzira za gariyamoshi kugira ngo</p>	<p>railway safety, whenever necessary.</p> <p>(2) The screening test referred to in Paragraph (1) of this Article is performed by an authorized officer or a recognized medical doctor who issues a certificate to that effect.</p> <p><u>Article 77: Search, rescue, accident or incident investigation</u></p> <p>Search, rescue, accident or incident investigation fall under the responsibility of the entity in charge of railway safety.</p> <p><u>Article 78: Reporting of accident or incident</u></p> <p>If an accident or incident occurs during the railway operation, the construction or maintenance of its tracks, the train captain or the person in charge of works for the construction or maintenance of such tracks must immediately report the event to the entity in charge of railway safety in order for it to take appropriate action and report thereon.</p>	<p>d'autres substances interdites pouvant entraver la sécurité ferroviaire.</p> <p>(2) Le test de dépistage visé au paragraphe (1) du présent article est effectué par un agent autorisé ou par un médecin agréé qui délivre un certificat à cet effet.</p> <p><u>Article 77 : Recherche, sauvetage, enquête sur accident ou incident</u></p> <p>La recherche, le sauvetage, l'enquête sur un accident ou un incident relèvent de la responsabilité de l'entité ayant la sécurité ferroviaire dans ses attributions.</p> <p><u>Article 78 : Déclaration d'un accident ou d'un incident</u></p> <p>Si un accident ou un incident survient pendant l'exploitation ferroviaire, la construction ou l'entretien de ses voies, le capitaine de train ou une personne responsable des travaux de construction ou d'entretien de ces voies doit immédiatement notifier l'événement à l'entité ayant la sécurité ferroviaire dans ses attributions pour qu'elle prenne des mesures appropriées et faire rapport.</p>
---	--	--

<p>rufate ingamba zikwiye kandi rukore raporo.</p> <p><u>Ingingo ya 79: Raporo ku mpanuka cyangwa ku nkomyi</u></p> <p>(1) Raporo ku mpanuka cyangwa ku nkomyi ibaye mu gihe cy'ikoreshwa rya gariyamoshi, mu gihe cy'iyubakwa cyangwa cy'isanwa ry'inzira zazo igomba kugaragaza nibura ibi bikurikira :</p> <p>(a) umwirondoro wa gariyamoshi aho bishoboka;</p> <p>(b) ahantu impanuka cyangwa inkomyi yabereye;</p> <p>(c) uburyo impanuka cyangwa inkomyi yabayemo;</p> <p>(d) ibyangijwe n'impanuka cyangwa inkomyi;</p> <p>(e) impamvu ishobora kuba yateye impanuka cyangwa inkomyi;</p> <p>(f) inama yo gukosora icyuho cyagaragaye mu rwego rw'umutekano.</p>	<p><u>Article 79: Accident or incident report</u></p> <p>(1) A report on an accident or incident occurring during the railway operation, the construction or maintenance of its tracks, must indicate at least the following:</p> <p>(a) train identification, where applicable;</p> <p>(b) the place of occurrence of the accident or incident;</p> <p>(c) the circumstances of the accident or incident;</p> <p>(d) damages caused by the accident or incident;</p> <p>(e) the cause of accident or incident;</p> <p>(f) a recommendation to rectify identified safety deficiencies.</p>	<p><u>Article 79 : Rapport d'accident ou d'incident</u></p> <p>(1) Un rapport sur un accident ou un incident survenu pendant l'exploitation ferroviaire, la construction ou l'entretien de ses voies doit indiquer au moins ce qui suit :</p> <p>(a) identification du train, le cas échéant;</p> <p>(b) lieu de survenance de l'accident ou de l'incident ;</p> <p>(c) circonstances dans lesquelles l'accident ou l'incident s'est produit ;</p> <p>(d) dommages causés par l'accident ou l'incident ;</p> <p>(e) la cause de l'accident ou de l'incident;</p> <p>(f) recommandation pour corriger les lacunes identifiées en matière de sécurité.</p>
--	---	---

<p>(2) Urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu nzira za gariyamoshi rubika amakuru y'impanuka cyangwa ay'inkomyi kandi rukanaha raporo abafatanyabikorwa bireba.</p>	<p>(2) The entity in charge of railway safety keeps records of accidents or incidents and submits a report to that effect to the relevant stakeholders.</p>	<p>(2) L'entité ayant la sécurité ferroviaire dans ses attributions tient des dossiers d'accidents ou d'incidents et transmet un rapport à cet effet aux partenaires concernés.</p>
<p><u>Icyiciro cya 5: Gusana gariyamoshi</u></p>	<p><u>Section 5: Maintenance and repair of trains</u></p>	<p><u>Section 5 : Entretien et réparation de trains</u></p>
<p><u>Ingingo ya 80: Icyemezo gihabwa umuntu ushaka gukora umurimo wo gusana gariyamoshi</u></p>	<p><u>Article 80: License issued to a person wishing to maintain and repair trains</u></p>	<p><u>Article 80 : Licence délivrée à une personne désireuse de faire l'entretien et la réparation de trains</u></p>
<p>(1) Umuntu ushaka gukora umurimo wo gusana gariyamoshi agomba kubisabira icyemezo mu nyandiko urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere.</p>	<p>(1) A person who wishes to maintain or repair trains must apply in writing to the entity in charge of regulation for a license to do so.</p>	<p>(1) Une personne qui désire effectuer l'entretien ou la réparation des trains doit, demander une licence par écrit à cet effet auprès de l'entité ayant la régulation dans ses attributions.</p>
<p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p>(2) An order of Minister determines the requirements for issuance of the license provided for under Paragraph (1) of this Article.</p>	<p>(2) Un Arrêté du Ministre détermine les conditions de délivrance de la licence prévue au paragraphe (1) du présent article.</p>
<p><u>Ingingo ya 81: Ibyubahirizwa mu isanwa rya gariyamoshi</u></p>	<p><u>Article 81: Requirements for train maintenance and repair</u></p>	<p><u>Article 81 : Exigences en matière d'entretien et réparation des trains</u></p>
<p>Umuntu ukora umurimo wo gusana gariyamoshi yubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge ajyanye n'isanwa rya gariyamoshi ashwirwaho n'urwego rwa Leta rufite mu nshingano gutsura ubuziranenge.</p>	<p>A person who maintains or repairs trains complies with standards and regulations for maintenance and repair of trains established by the public entity in charge of standards.</p>	<p>Une personne qui entretient ou répare des trains se conforme aux normes et aux règlements relatives à l'entretien ou à la réparation établis par l'entité publique ayant la normalisation dans ses attributions.</p>

<p><u>Icyiciro cya 6:</u> Abakozi bo mu nzira za gariyamoshi, amahugurwa n'itangwa ry'impushya</p> <p><u>Akiciro ka mbere:</u> Abakozi bo mu nzira za gariyamoshi</p> <p><u>Ingingo ya 82:</u> Abakozi bafasha mu gukoresha no kuyobora gariyamoshi</p> <p>Abakozi bafasha mu gukoresha no kuyobora gariyamoshi barimo:</p> <p>(a) abakapiteni ba gariyamoshi;</p> <p>(b) abayobozi ba gariyamoshi;</p> <p>(c) abayobozi bungirije ba gariyamoshi;</p> <p>(d) abagenzuzi ba gariyamoshi mu nzira zayo;</p> <p>(e) abagenzuzi ba gariyamoshi muri gare;</p> <p>(f) abakozi bakora ahaparikwa gariyamoshi;</p> <p>(g) abakozi bahindura ibyerekezo by'inzira mu mahuriro y'inzira za gariyamoshi;</p>	<p><u>Section 6:</u> Railway staff, training and licensing</p> <p><u>Subsection One:</u> Railway staff</p> <p><u>Article 82:</u> Staff participating in train operation and control</p> <p>The staff participating in train operation includes:</p> <p>(a) train captains;</p> <p>(b) train drivers;</p> <p>(c) train driver assistants;</p> <p>(d) train running controllers;</p> <p>(e) direct station train controllers;</p> <p>(f) chief shunters;</p> <p>(g) switchmen;</p>	<p><u>Section 6 :</u> Personnel ferroviaire, formation et délivrance de licences</p> <p><u>Sous-section première :</u> Personnel ferroviaire</p> <p><u>Article 82 :</u> Personnel participant à l'opération et au contrôle du train</p> <p>Le personnel participant à l'opération et au contrôle du train comprend :</p> <p>(a) capitaines de train ;</p> <p>(b) conducteurs de train ;</p> <p>(c) assistants conducteurs de train ;</p> <p>(d) contrôleurs de la circulation ferroviaire ;</p> <p>(e) contrôleurs directs de trains dans la gare ;</p> <p>(f) chefs de manœuvre ;</p> <p>(g) aiguilleurs ;</p>
--	---	--

<p>(h) abakozi bashinzwe gufatanya imodoka za gariyamoshi;</p> <p>(i) abagenzuzi b'inzira za gariyamoshi;</p> <p>(j) abakozi barinda amahuriro y'inzira za gariyamoshi n'umuhanda.</p>	<p>(h) couplers;</p> <p>(i) railway patrollers;</p> <p>(j) crossroad guards.</p>	<p>(h) attelleurs;</p> <p>(i) patrouilleurs ferroviaires;</p> <p>(j) gardes de carrefours.</p>
<p><u>Ingingo ya 83: Ibisabwa umukozi ufasha mu gukoresha cyangwa kuyobora gariyamoshi</u></p>	<p><u>Article 83: Requirements for a member of staff participating in train operation and control</u></p>	<p><u>Article 83 : Conditions requises pour être un membre du personnel participant à l'opération et au contrôle de train</u></p>
<p>(1) Umukozi ufasha mu gukoresha cyangwa kuyobora gariyamoshi, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <p>(a) kuba afite impamyabushobozi yatanzwe n'ikigo cy'amahugurwa cyemewe;</p> <p>(b) kugira ubuzima bwiza bigaragazwa n'icyemezo ngarukagihe gitangwa na muganga wemewe na Leta;</p> <p>(c) kuba afite uruhushya rwo gutwara gariyamoshi ku muyobozi wa gariyamoshi;</p> <p>(d) kwambara impuzankano iriho ikirangantego cy'ikigo akorera n'ikimenyetso kigaragaza amazina</p>	<p>(1) A member of staff participating in train operation and control must satisfy the following requirements:</p> <p>(a) to possess a certificate issued by an accredited training institution;</p> <p>(b) to have good health as proven by a medical certificate issued periodically by a recognized medical doctor;</p> <p>(c) to hold a train driver's license, in the case of a train driver;</p> <p>(d) to wear, while at work, a uniform on which the logo of his or her employing entity and identification mark bearing</p>	<p>(1) Un membre du personnel participant à l'opération et au contrôle de train doit satisfaire aux conditions suivantes :</p> <p>(a) posséder un certificat délivré par un établissement de formation accrédité;</p> <p>(b) être en bonne santé tout en le prouvant par un certificat médical délivré périodiquement par un médecin agréé ;</p> <p>(c) être titulaire d'un permis de conducteur de train, dans le cas d'un conducteur de train ;</p> <p>(d) porter, lorsqu'il est au travail, l'uniforme sur laquelle sont arborés le logo de son entité employeuse et une marque</p>

<p>ye n’akazi akora mu gihe ari mu kazi.</p> <p>(2) Kugena imiterere y’impuzankano, ikirangantego cy’ikigo n’ikimenyetso kigaragaza amazina n’akazi umukozi akora bivugwa mu gaka ka (d) k’iyi ngingo, bikorwa ku bufatanye n’Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu n’umuntu ukora umurimo wo gutwara abantu n’ibintu muri gariyamoshi.</p>	<p>an indication of his or her names and title appear.</p> <p>(2) The design of the uniform, logo of the employing entity and member of staff’s identification mark provided for under Subparagraph (d) of this Article is determined in collaboration with the public entity in charge of transport development and the railway transport operator.</p>	<p>d’identification sur laquelle sont mentionnés ses noms et titre.</p> <p>(2) La détermination du modèle de l’uniforme, du logo de l’entité et de la marque d’identification du membre du personnel visé à l’alinéa (d) du présent article se fait en collaboration avec l’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions et l’opérateur de transport ferroviaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 84 : Ububasha bwa kapiteni wa gariyamoshi</u></p> <p>(1) Mu gihe cy’urugendo rwa gariyamoshi, kapiteni wa gariyamoshi afite ububasha bukurikira:</p> <p>(a) gufata no gushyikiriza inzego z’umutekano umuntu ukora ibikorwa by’ubugizi bwa nabi cyangwa uteza umutekano muke muri gariyamoshi;</p> <p>(b) gutanga amabwiriza y’umutekano ku bagenzi bari muri gariyamoshi;</p> <p>(c) kubuza gariyamoshi kugenda mu gihe atizeye umutekano wayo;</p>	<p><u>Article 84: Train captain’s powers</u></p> <p>(1) During train operation, a train captain has the following powers:</p> <p>(a) to apprehend and hand over to security organs a person committing criminal acts or disrupting the safety on board the train;</p> <p>(b) to give safety instructions to passengers on board the train;</p> <p>(c) to prevent the train from moving if he or she has doubts about its safety;</p>	<p><u>Article 84 : Pouvoirs du capitaine de train</u></p> <p>(1) Pendant la marche du train, le capitaine de train a les pouvoirs suivants :</p> <p>(a) appréhender et remettre aux organes de sécurité une personne qui commet des actes criminels ou trouble la sécurité à bord du train ;</p> <p>(b) donner des instructions de sécurité aux passagers à bord du train;</p> <p>(c) empêcher le train de rouler lorsqu’il n’est pas sûr de sa sécurité;</p>

<p>(d) kutemerera umukozi udafite ubumenyi buhagije cyangwa ubuzima bwiza gukora muri gariyamoshi;</p> <p>(e) guhagarika mu kazi by'agateganyo umukozi ukora ibikorwa binyuranyije n'amategeko mu gihe akora muri gariyamoshi;</p> <p>(f) guhagarika gariyamoshi aho bitagoranye kubera kuvuka, urupfu cyangwa gukomereka k'umuntu byabereye muri gariyamoshi.</p> <p>(2) Kapiteni wa gariyamoshi agomba guhita amenyesha inzego zibishinzwe igihe akoresheje ububasha buvugwa mu gaka ka (d), aka (e) n'aka (f) tw'iyi ngingo kugira ngo zifate umwanzuro.</p> <p><u>Ingingo ya 85: Inshingano za kapiteni wa gariyamoshi</u></p> <p>(1) Mu gihe cy'urugendo rwa gariyamoshi kapiteni wa gariyamoshi afitse inshingano zikurikira:</p>	<p>(d) to prevent a member of staff who lacks appropriate professional skills or is not in good health from attending to his or her duties on board the train;</p> <p>(e) to suspend a member of staff who engages in illegal acts when attending to his or her duties on board the train;</p> <p>(f) to stop the train at the most convenient place due to birth, death or injury of a person occurring on board the train.</p> <p>(2) The train captain must immediately inform the relevant authorities when exercising the powers referred to under Subparagraphs (d), (e) and (f) of this Article for them to decide accordingly.</p> <p><u>Article 85: Train captain's responsibilities</u></p> <p>(1) During train operation, the train captain has the following responsibilities:</p>	<p>(d) ne pas permettre à un membre du personnel n'ayant pas de compétences professionnelles adéquates ou n'étant pas en bonne santé d'assumer ses fonctions à bord du train ;</p> <p>(e) suspendre un membre du personnel qui commet des actes illégaux pendant qu'il assume ses fonctions à bord du train ;</p> <p>(f) arrêter le train à l'endroit le plus pratique en raison d'une naissance, d'un décès ou d'une blessure d'une personne survenus à bord du train.</p> <p>(2) Le capitaine de train doit informer immédiatement les entités compétentes lorsqu'il exerce les pouvoirs visés aux alinéas (d), (e) et (f) du présent Article pour qu'elles décident en conséquence.</p> <p><u>Article 85 : Responsabilités du capitaine de train</u></p> <p>(1) Pendant la marche du train, le capitaine de train a les responsabilités suivantes :</p>
--	---	---

<p>(a) kugenzura ko gariyamoshi yujuje ibisabwa n'amabwiriza y'umutekano n'ibindi bisabwa mu kubahiriza umutekano w'abantu cyangwa w'ubundi buryo bwo gutwara abantu cyangwa ibintu;</p> <p>(b) gukoresha gariyamoshi akurikije ingengabihe n'amabwiriza y'ubuyobozi bwa gariyamoshi, uburyo n'ibipimo ngenderwaho by'inzira no gukemura ibijyanye n'impanuka zibera mu nzira ya gariyamoshi;</p> <p>(c) gukora raporo n'inyandiko zijyanye n'urugendo rwa gariyamoshi akayishyikiriza ubuyobozi bubishinzwe;</p> <p>(d) gutanga raporo ku buyobozi bubishinzwe ku byerekeye kuvuka, gupfa cyangwa gukomereka k'umuntu byabereye muri gariyamoshi byemejwe n'abatangabuhamya babiri;</p> <p>(e) kumenyesha ubuyobozi bwa gariyamoshi zikorera mu cyerekezo arimo cyangwa ubuyobozi bwa gare imwegereye</p>	<p>(a) to check to ensure that the train complies with the safety rules and other requirements for the safety of people or of other means of transport of people or goods;</p> <p>(b) to operate the train in accordance with the schedule and regulations of the railway administration, railway traffic procedures and standards and handle railway accident-related issues;</p> <p>(c) to prepare reports and documents related to the train journey and submit them to the relevant entity;</p> <p>(d) to submit to the relevant entity a report on a birth, death or injury of a person having occurred on board the train with confirmation by two witnesses;</p> <p>(e) to report to the railway administration of the place of his or her itinerary or to the management of the nearest station any unanticipated safety threat;</p>	<p>(a) vérifier pour s'assurer que le train satisfait aux règles de sécurité et à d'autres exigences liées à la sécurité des personnes ou à celle d'autres moyens de transport de personnes ou de biens;</p> <p>(b) conduire le train conformément à l'horaire et aux règlements de l'administration ferroviaire, aux procédures et aux normes du trafic ferroviaire et régler des questions relatives aux accidents ferroviaires ;</p> <p>(c) élaborer des rapports et documents liés au voyage du train pour leur transmission à l'entité compétente ;</p> <p>(d) faire un rapport à l'entité compétente concernant une naissance, un décès ou une blessure d'une personne survenus à bord du train et confirmés par deux témoins ;</p> <p>(e) signaler à l'administration ferroviaire du lieu de son itinéraire ou à la direction de la gare la plus proche toute menace imprévue pour la sécurité ;</p>
--	--	---

<p>ikintu gitunguranye kibangamiye umutekano;</p> <p>(f) gukora indi nshingano yahabwa n’urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p> <p>(2) Mu gihe hari uruherekane rwa gariyamoshi rurimo abakapiteni barenze umwe, kapiteni wa gariyamoshi iheruka inyuma ni we kapiteni w’urwo ruhererekane.</p>	<p>(f) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter’s responsibilities.</p> <p>(2) In the case of a convoy of trains with several captains, the captain of the last train in the convoy serves as the convoy captain.</p>	<p>(f) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p> <p>(2) En cas d’un convoi de trains avec plusieurs capitaines, le capitaine du dernier train fait office de capitaine de ce convoi.</p>
<p><u>Ingingo ya 86: Ububasha bw’umuyobozi wa gariyamoshi</u></p> <p>Umuyobozi wa gariyamoshi ashobora kwanga gukoresha lokomoteri, igihe ifite ikibazo cyabangamira umutekano ariko agahita abimenyesha ubuyobozi bumukuriye kugira ngo bufate umwanzuro.</p>	<p><u>Article 86: Train driver’s powers</u></p> <p>The train driver may refuse to operate a locomotive, if the locomotive has a defect which may compromise the safety provided that he or she immediately informs his or her line entity thereof for decision.</p>	<p><u>Article 86 : Pouvoirs du conducteur de train</u></p> <p>Le conducteur de train peut refuser d’assurer la conduite d’une locomotive si cette dernière présente un défaut susceptible de compromettre la sécurité, sous réserve d’en informer immédiatement son entité hiérarchique pour décision.</p>
<p><u>Ingingo ya 87: Inshingano z’umuyobozi wa gariyamoshi</u></p> <p>Mu gihe umuyobozi wa gariyamoshi ari mu kazi, afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kugenzura imiterere ya tekiniki ya lokomoteri n’iya gariyamoshi;</p>	<p><u>Article 87: Train driver’s responsibilities</u></p> <p>When performing his or her duties, the train driver has the following responsibilities:</p> <p>(a) to check the technical condition of the locomotive and train;</p>	<p><u>Article 87 : Responsabilités du conducteur de train</u></p> <p>Lorsque le conducteur de train s’acquitte de ses fonctions, il assume les responsabilités suivantes :</p> <p>(a) contrôler l’état technique de la locomotive et du train ;</p>

<p>(b) kugenzura imikorere ya za feri zikoresha by'umwihariko mu gihe gariyamoshi izamuka cyangwa imanuka ahantu hahanamyeye kandi hari intera ndende;</p> <p>(c) gutwara lokomoteri ku muvuduko ukwiye kandi mu nzira ya gariyamoshi iteganyijwe ku ngengabihe ya gariyamoshi;</p> <p>(d) gukora indi nshingano yahabwa n'urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p>	<p>(b) to check the performance of the brakes used particularly when the train ascends or descends long slopes with steep grades;</p> <p>(c) to operate the locomotive train at an appropriate speed and on the railway shown on the train schedule;</p> <p>(d) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter's responsibilities.</p>	<p>(b) vérifier le fonctionnement des freins qui sont utilisés notamment lorsque le train monte ou descend de longues pentes escarpées ;</p> <p>(c) conduire la locomotive à une vitesse appropriée et sur la voie ferrée prévue à l'horaire des trains ;</p> <p>(d) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p>
<p><u>Ingingo ya 88: Inshingano z'umugenzuzi wa gariyamoshi mu nzira yayo</u></p> <p>Umugenzuzi wa gariyamoshi mu nzira yayo afite ishingano zikurikira:</p> <p>(a) kwereka umuyobozi wa gariyamoshi uburyo bwo kuyiyobora mu nzira ashinzwe kugenzura akurikije ingengabihe ya gariyamoshi;</p> <p>(b) gutanga amabwiriza yo gutegura gariyamoshi zo gutabara mu gihe</p>	<p><u>Article 88: Train running controller's responsibilities</u></p> <p>The train running controller has the following responsibilities:</p> <p>(a) to guide the train driver indicating how to operate the train on the railway under his or her control, in accordance with the train schedule;</p> <p>(b) to issue directives for the purpose of making ready rescue trains in case of</p>	<p><u>Article 88 : Responsabilités du contrôleur de circulation ferroviaire</u></p> <p>Le contrôleur de circulation ferroviaire assume les responsabilités suivantes :</p> <p>(a) guider, conformément à l'horaire des trains, le conducteur de train en lui indiquant comment faire circuler le train sur le chemin de fer relevant de son contrôle ;</p> <p>(b) émettre des directives pour apprêter des trains de secours en cas d'accident ou</p>

<p>habaye impanuka cyangwa inkomyi;</p> <p>(c) gutanga amabwiriza yo guhagarika ikoreshwa ry'igice cy'inzira ya gariyamoshi ku mpamvu z'umutekano;</p> <p>(d) gutanga amabwiriza yerekeranye n'umuvuduko wa gariyamoshi mu gihe abona ko ari ngombwa;</p> <p>(e) gutanga amabwiriza yo guhagarika gariyamoshi mu gihe bigaragara ko yateza ibyago;</p> <p>(f) indi nshingano yahabwa n'urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p>	<p>accident or incident;</p> <p>(c) to issues directives for the purpose of closing a railway section to traffic for safety reasons;</p> <p>(d) to issue instructions as to the train speed if he or she deems it necessary;</p> <p>(e) to order the suspension of operation of a train when it becomes apparent that the train may cause danger;</p> <p>(f) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter's responsibilities.</p>	<p>d'incident ;</p> <p>(c) émettre des directives pour fermer, pour des raisons de sécurité, un tronçon ferroviaire à la circulation ;</p> <p>(d) donner des instructions quant à la vitesse des trains lorsqu'il le juge nécessaire ;</p> <p>(e) ordonner la suspension de l'opération d'un train lorsqu'il apparaît que ce dernier peut causer un danger ;</p> <p>(f) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p>
<p><u>Ingingo ya 89:</u> Inshingano z'umugenzuzi wa gariyamoshi muri gare</p> <p>Umugenzuzi wa gariyamoshi muri gare afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kugenzura imiterere ya gariyamoshi ku mpamvu z'umutekano;</p>	<p><u>Article 89:</u> Responsibilities of a direct station train controller</p> <p>The direct station train controller has the following responsibilities:</p> <p>(a) to check the condition of trains for safety reasons;</p>	<p><u>Article 89 :</u> Responsabilités du contrôleur direct de train dans la gare</p> <p>Le contrôleur direct de train en gare assume les responsabilités suivantes:</p> <p>(a) vérifier l'état des trains pour des raisons de sécurité ;</p>

<p>(b) kubuza gariyamoshi kugenda igihe ifite ikibazo tekini cyateza umutekano muke ariko akabimenyesha ako kanya abagenzura gariyamoshi mu nzira yayo;</p> <p>(c) gukora indi nshingano yahabwa n'urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p>	<p>(b) to prevent a train with a technical defect which may compromise the safety from moving, provided that he or she immediately informs train running controllers thereof;</p> <p>(c) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter's responsibilities.</p>	<p>(b) empêcher la circulation d'un train présentant un défaut technique susceptible de compromettre la sécurité, sous réserve d'en informer immédiatement les contrôleurs de circulation ferroviaire;</p> <p>(c) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p>
<p><u>Ingingo ya 90: Inshingano z'umukozi uhindura icyekerezo cy'inzira mu mahuriro y'inzira za gariyamoshi</u></p> <p>Umukozi uhindura icyerekezo cy'inzira mu mahuriro y'inzira za gariyamoshi afite inshingano yo guhindura icyerekezo cy'inzira ya gariyamoshi akurikije ingengabihe y'urugendo rwa gariyamoshi.</p>	<p><u>Article 90: Switchman's responsibilities</u></p> <p>The switchman has responsibility for helping a train move from one direction to another in accordance with the train schedule.</p>	<p><u>Article 90 : Responsabilités de l'aiguilleur</u></p> <p>L'aiguilleur a pour responsabilité de changer de direction d'un train conformément à l'horaire des trains.</p>
<p><u>Ingingo ya 91: Inshingano z'umukozi ukora ahaparikwa gariyamoshi</u></p> <p>Umukozi ukora ahaparikwa gariyamoshi afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gutegura no gushyira mu bikorwa ibijyanye no kuvana gariyamoshi mu nzira yayo ayiyobora aho iparikwa no kuyivana aho iparikwa</p>	<p><u>Article 91: Shunter's responsibilities</u></p> <p>The shunter has the following responsibilities:</p> <p>(a) to organize and implement wagon-locomotive shunting activities to support organisation of train operation;</p>	<p><u>Article 91 : Responsabilités de l'agent de manœuvre</u></p> <p>L'agent de manœuvre assume les responsabilités suivantes :</p> <p>(a) organiser et mettre en œuvre les activités visant à déplacer le train depuis sa voie ferrée vers sa zone de stationnement et à déplacer le train depuis cette dernière vers</p>

<p>ijyanwa mu nzira yayo;</p> <p>(b) gukurikirana ibikorwa byo gupakira no gupakurura imizigo aho gariyamoshi ziparikwa;</p> <p>(c) gukora indi nshingano yahabwa n'urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p> <p><u>Ingingo ya 92: Inshingano z'umukozi ugenzura inzira ya gariyamoshi</u></p> <p>Umukozi ugenzura inzira ya gariyamoshi afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kugenzura ku buryo buhoraho no gukurikirana ko hari ikibazo cyangwa inzitizi mu nzira ya gariyamoshi no kugikemura;</p> <p>(b) gukora no gutanga raporo y'ibikorwa by'igenzura ku buyobozi bireba;</p> <p>(c) kugira uruhare mu gusana ibyo igenzura ryagaragaje ko byangiritse;</p> <p>(d) kurinda no guhagarika gariyamoshi mu gihe hari ikibazo cyangwa</p>	<p>(b) to make follow-up on freight loading and unloading activities in the depots;</p> <p>(c) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter's responsibilities.</p> <p><u>Article 92: Patroller's responsibilities</u></p> <p>The railway patroller has the following responsibilities:</p> <p>(a) to regularly control, check for and fix any failure or obstacle on the railway;</p> <p>(b) to produce a control activity report and submit it to relevant entity;</p> <p>(c) to participate in the repair of damages revealed by the control;</p> <p>(d) to protect and stop the train in case of any failure or obstacle compromising</p>	<p>sa voie ferrée ;</p> <p>(b) faire le suivi les activités de chargement et de déchargement du fret dans les dépôts;</p> <p>(c) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p> <p><u>Article 92 : Responsabilités du patrouilleur ferroviaire</u></p> <p>Le patrouilleur ferroviaire assume les responsabilités suivantes :</p> <p>(a) contrôler régulièrement et vérifier la présence d'une défaillance ou d'un obstacle sur le chemin de fer et y remédier;</p> <p>(b) produire un rapport d'activités de contrôle et le soumettre à l'entité compétente ;</p> <p>(c) participer à la réparation des dommages révélés par le contrôle ;</p> <p>(d) protéger et arrêter le train en cas de survenance d'une défaillance ou d'un</p>
--	--	--

<p>inzitizi bibangamiye ikoreshwa ry'inzira ya gariyamoshi;</p> <p>(e) kugira uruhare mu kurinda ibikorwaremezo bya gariyamoshi na gariyamoshi ubwazo mu gace agenzura;</p> <p>(f) gukora indi nshingano yahabwa n'urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p>	<p>railway usage;</p> <p>(e) to participate in the protection of railway infrastructure and railway traffic means in the area under his or her control;</p> <p>(f) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter's responsibilities.</p>	<p>obstacle qui compromet l'utilisation du chemin de fer ;</p> <p>(e) participer à la protection de l'infrastructure ferroviaire et la circulation ferroviaire dans la zone sous son contrôle ;</p> <p>(f) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p>
<p><u>Ingingo ya 93: Inshingano z'umukozi urinda amahuriro y'inzira ya gariyamoshi n'umuhanda</u></p>	<p><u>Article 93: Crossroads guard's responsibilities</u></p>	<p><u>Article 93 : Responsabilités du garde de carrefours</u></p>
<p>Umukozi urinda amahuriro y'inzira ya gariyamoshi n'umuhanda afite inshingano zikurikira:</p>	<p>The crossroads guard has the following responsibilities:</p>	<p>Le garde des carrefours assume les responsabilités suivantes :</p>
<p>(a) gufunga no gufungura bariyeri mu gihe gikwiye;</p> <p>(b) kubungabunga umutekano w'abantu n'uw'ibinyabiziga mu gihe gariyamoshi ica mu mahuriro y'umuhanda n'inzira yayo;</p> <p>(c) kugenzura no kubungabunga ibikoresho byo mu mahuriro y'inzira ya gariyamoshi n'umuhanda;</p>	<p>(a) to timely close and open barrier;</p> <p>(b) to ensure the safety of people and vehicles during the train passage at road-rail intersections;</p> <p>(c) to check and maintain facilities at road-rail intersections;</p>	<p>(a) fermer et ouvrir la barrière en temps opportun ;</p> <p>(b) assurer la sécurité des personnes et des véhicules lors du passage du train aux croisements de voies routières et de voies ferrées ;</p> <p>(c) contrôler et entretenir les équipements au niveau des croisements de la voie ferrée et de la voie routière ;</p>

<p>(d) gukora indi nshingano yahabwa n'urwego rumukuriye iri mu nshingano zarwo.</p> <p><u>Akiciro ka 2: Amahugurwa no gutanga impushya</u></p> <p><u>Ingingo ya 94: Amahugurwa</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena:</p> <p>(a) ibigize integanyanyigisho z'amahugurwa;</p> <p>(b) ibisabwa ibigo bihugura;</p> <p>(c) ibijyanye n'ibizamini n'uko bitangwa;</p> <p>(d) uburyo bwo gutanga, kongerasha cyangwa kwamburwa uruhushya rwo gutwara gariyamoshi;</p> <p>(e) ibindi bijyanye n'amahugurwa y'abakozi b'urusobe rw'inzira ya gariyamoshi.</p> <p><u>Icyiciro cya 7: Gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi</u></p>	<p>(d) to perform such other duty as may be assigned to him or her by his or her line entity that falls within the latter's responsibilities.</p> <p><u>Subsection 2: Training and licensing</u></p> <p><u>Article 94: Training</u></p> <p>An Order of the Minister determines:</p> <p>(a) the content of the training program;</p> <p>(b) requirements to be met by training institutions;</p> <p>(c) matters related to examinations and examination process;</p> <p>(d) modalities for granting, renewing and withdrawing train driver's license;</p> <p>(e) other matters related to the training of the railway system employees.</p> <p><u>Section 7: Public rail transport</u></p>	<p>(d) accomplir toute autre tâche que son entité hiérarchique peut lui confier et relevant des attributions de cette dernière.</p> <p><u>Sous-section 2 : Formation et octroi de licence</u></p> <p><u>Article 94 : Formation</u></p> <p>Un arrêté du Ministre détermine :</p> <p>(a) le contenu du programme de formation;</p> <p>(b) les conditions à remplir par les établissements de formation;</p> <p>(c) les questions relatives aux examens et à la procédure des examens;</p> <p>(d) les modalités d'octroi, de renouvellement et de retrait du permis de conducteur de train ;</p> <p>(e) autres questions relatives à la formation du personnel du système ferroviaire.</p> <p><u>Section 7 : Transport public ferroviaire</u></p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 95:</u> icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi</p> <p>(1) Umuntu ushaka gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi agomba kuba afite icyemezo mbere y’uko atangira uwo murimo.</p> <p>(2) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rutanga icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi rumaze gusuzuma ko usaba yujuje ibisabwa.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo kivugwa muri iyi ngingo.</p>	<p><u>Article 95:</u> License for public rail transport</p> <p>(1) A person who wishes to carry out public rail transport must first obtain a license to do so prior to starting such an activity.</p> <p>(2) The entity in charge of regulation issues a license for public rail transport after verification of whether the applicant thereof meets the requirements.</p> <p>(3) An order of the Minister determines the requirements for the issuance of the license referred to in this Article.</p>	<p><u>Article 95 :</u> Licence de transport public ferroviaire</p> <p>(1) Une personne qui désire effectuer le transport public ferroviaire doit, avant de commencer cette activité, obtenir une licence à cet effet.</p> <p>(2) L’entité ayant la régulation dans ses attributions délivre une licence de transport public ferroviaire après avoir vérifié si le demandeur remplit les conditions requises.</p> <p>(3) Un Arrêté du Ministre détermine les conditions requises pour la délivrance de la licence visée au présent article.</p>
<p><u>Ingingo ya 96:</u> Ububasha bwo guhagarika by’agateganyo cyangwa gutesha agaciro icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu muri gariyamoshi</p> <p>(1) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rushobora guhagarika by’agateganyo cyangwa gutesha agaciro icyemezo</p>	<p><u>Article 96:</u> Powers to suspend or revoke a license for public rail transport</p> <p>(1) The entity in charge of regulation may suspend or revoke a license for public rail transport in case of non-compliance with one or several</p>	<p><u>Article 96 :</u> Pouvoirs de suspension ou de révocation d’une licence de transport public ferroviaire</p> <p>(1) L’entité ayant la régulation dans ses attributions peut suspendre ou révoquer une licence de transport public ferroviaire en cas de non-respect d’une ou de plusieurs</p>

<p>cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu muri gariyamoshi iyo kimwe cyangwa byinshi bisabwa ku itangwa ry'icyemezo bitubahirijwe.</p> <p>(2) Iyo icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu muri gariyamoshi gihagaritswe by'agateganyo cyangwa giteshejwe agaciro hakurijwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rubimenyesha mu nyandiko nyiri icyemezo rumugaragariza impamvu zashingiweho kugira ngo gihagarikwe by'agateganyo cyangwa giteshwe agaciro.</p> <p>(3) Iyo impamvu yatumye icyemezo kivugwa muri iyi ngingo gihagararikwa by'agateganyo itakiriho, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere ruvanaho icyemezo cyo kugihagarika by'agateganyo.</p>	<p>requirements for its issuance.</p> <p>(2) When a license for public rail transport is suspended or revoked in accordance with the provisions of Paragraph (1) of this Article, the entity in charge of regulation informs the license holder thereof in writing, giving the reasons for suspension or revocation.</p> <p>(3) When the reason for suspension of the decision provided for under this Article no longer exists, the entity in charge of regulation cancels the suspension decision.</p>	<p>conditions de sa délivrance.</p> <p>(2) Lorsque, conformément aux dispositions du paragraphe (1) du présent article, une licence de transport public ferroviaire est suspendue ou révoquée, l'organe ayant la régulation dans ses attributions en informe le titulaire par écrit en lui indiquant les motifs de la suspension ou de la révocation.</p> <p>(3) Lorsque le motif de suspension de la décision visée au présent article n'existe plus, l'organe ayant la régulation dans ses attributions annule la décision de suspension.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 97:</u> Kugena ibiciro byo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi</p> <p>Amabwiriza y’urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere akena ibiciro byo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi.</p> <p><u>Ingingo ya 98:</u> Gushyiraho ingengabihe ya gariyamoshi</p> <p>Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu rushyiraho kandi rugatangaza amabwiriza yerekeye ingengabihe ya gariyamoshi.</p> <p><u>Ingingo ya 99:</u> Gutwara abagenzi bafite ubumuga muri gariyamoshi</p> <p>(1) Ubuyobozi bwa gariyamoshi bugomba gufasha no guha umwanya w’ibanze abagenzi bafite ubumuga mu gihe binjira cyangwa basohoka muri gariyamoshi.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu rugenzura ko gariyamoshi na gare bifasha abagenzi bafite ubumuga.</p>	<p><u>Article 97:</u> Determination of fares for public rail transport</p> <p>The regulations of the entity in charge of regulation determines fares for public rail transport.</p> <p><u>Article 98:</u> Establishment of train timetable</p> <p>The public entity in charge of transport development issues and publishes regulations related to train timetable.</p> <p><u>Article 99:</u> Transport of passengers with disabilities</p> <p>(1) The railway administration must assist and give priority to passengers with disabilities to board and alight the train.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development carries out an inspection to ensure that trains and stations facilitate accessibility thereof for passengers with disabilities.</p>	<p><u>Article 97 :</u> Détermination des tarifs de transport public ferroviaire</p> <p>Les règlements de l’entité ayant la régulation dans ses attributions déterminent les tarifs de transport public ferroviaire.</p> <p><u>Article 98 :</u> Établissement de l’horaire de trains</p> <p>L’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions édicte et publie les règlements relatifs à l’horaire des trains.</p> <p><u>Article 99 :</u> Transport de passagers handicapés</p> <p>(1) L’administration ferroviaire doit aider les passagers handicapés et leur accorder la priorité pour embarquer ou débarquer du train.</p> <p>(2) L’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions réalise une inspection pour s’assurer que les trains et les gares facilitent leur accessibilité aux passagers handicapés.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 100: Uburemere n’umubare w’abantu ntarengwa kuri gariyamoshi</u></p> <p>(1) Kapiteni wa gariyamoshi yubahiriza uburemere n’umubare w’abantu ntarengwa kuri gariyamoshi hashingiwe ku cyo ikoreshwa.</p> <p>(2) Uburemere cyangwa umubare w’abantu ntarengwa kuri buri gice cya gariyamoshi bivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo bishyirwa ahantu hagaragara kuri buri gice cya gariyamoshi.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena uburemere n’umubare w’abantu ntarengwa bivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo. Rigena kandi ibikurikizwa mu gihe ubwo buremere burenze n’ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi k’uwaburengeje.</p>	<p><u>Article 100: Maximum weight and number of passengers in a train</u></p> <p>(1) The train captain enforces the maximum weight and number of passengers in a train according to its intended use.</p> <p>(2) The maximum weight and number of passengers referred to in Paragraph (1) of this Article are prominently displayed on each wagon or coach of the train.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines the maximum weight and number of passengers referred to in Paragraph (1) of this Article. It also determines applicable procedures in case the weight limit is exceeded and related administrative sanctions.</p>	<p><u>Article 100 : Poids maximal et nombre maximal de passagers dans un train</u></p> <p>(1) Le capitaine de train respecte le poids maximal et le nombre maximal de passagers dans un train en fonction de l’usage auquel ce dernier est destiné.</p> <p>(2) Le poids maximal et le nombre maximal de passagers visés au paragraphe (1) du présent article sont affichés de manière visible sur chaque wagon ou voiture du train.</p> <p>(3) Un Arrêté du Ministre détermine le poids maximal et le nombre maximal de passagers visés au paragraphe (1) du présent article. Il détermine également les procédures applicables en cas de dépassement de ce poids et les sanctions administratives y relatives.</p>
<p><u>Ingingo ya 101: Gutwara muri gariyamoshi imizigo yihariye cyangwa iyateza ibyago</u></p> <p>(1) Umuntu ushaka gutwara muri gariyamoshi imizigo yihariye cyangwa iyateza ibyago, abisabira uruhushya mu nyandiko urwego rubifite mu nshingano.</p>	<p><u>Article 101: Transport of special loads or dangerous goods by rail</u></p> <p>(1) A person wishing to carry out transport of special loads or dangerous goods by rail applies in writing to the relevant entity for a permission to that effect.</p>	<p><u>Article 101 : Transport de charges spéciales ou de cargaisons dangereuse par voie ferrée</u></p> <p>(1) Une personne qui désire effectuer le transport de charges spéciales ou de frets dangereux par voie ferrée demande par écrit à l’entité compétente une permission à cet effet.</p>

<p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena imizigo yihariye n'iyateza ibyago n'uburyo igomba gutwarwa.</p> <p><u>Ingingo ya 102: Kugenzura ireme rya serivisi</u></p> <p>Mu rwego rwo kubungabunga ireme rya serivisi zo gutwara abantu cyangwa ibintu muri gariyamoshi, Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rukora ibi bikurikira:</p> <p>(a) gushyiraho amabwiriza ya serivisi n'ay'imyitwarire;</p> <p>(b) kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza ya serivisi zo gutwara abagenzi n'ibintu.</p> <p><u>UMUTWE WA V: GUTWARA ABANTU N'IBINTU MU MAZI NYABAGENDWA</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Kugena, gushyira mu byiciro no gucunga amazi nyabagendwa</u></p>	<p>(2) An Order of the Minister determines special loads and dangerous goods and modalities for transport thereof.</p> <p><u>Article 102 Quality of service control</u></p> <p>For the purpose of ensuring the quality of public rail transport services, the entity in charge of regulation does the following:</p> <p>(a) to establish service and ethical standards;</p> <p>(b) to monitor compliance with service standards for the transport of passengers and goods.</p> <p><u>CHAPTER V: WATERWAYS TRANSPORT</u></p> <p><u>Section One: Determination, categorization and management of waterways</u></p>	<p>(2) Un Arrêté du Ministre détermine les charges spéciales et les cargaisons dangereuses ainsi que leurs modalités de leur transport.</p> <p><u>Article 102 : Contrôle de la qualité de service</u></p> <p>Aux fins de garantir la qualité des services de transport public ferroviaire, l'entité ayant la régulation dans ses attributions fait ce qui suit :</p> <p>(a) établir des normes de service et d'éthique;</p> <p>(b) surveiller le respect des normes de service pour le transport de passagers et de biens.</p> <p><u>CHAPITRE V : TRANSPORT PAR VOIES NAVIGABLES</u></p> <p><u>Section première : Détermination, catégorisation et gestion de voies navigables</u></p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 103:</u> Kugena amazi nyabagendwa n'imbibi zayo</p> <p>(1) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gutsura ubuziranenge rushyiraho ibipimo by'ubuziranenge bigenderwaho mu kugena amazi nyabagendwa.</p> <p>(2) Umuntu akoresha ubwato mu mazi nyabagendwa gusa.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena amazi nyabagendwa n'imbibi zayo.</p>	<p><u>Article 103:</u> Determination of waterways and their right- of -way</p> <p>(1) The public entity in charge of standards determines standards for the determination of waterways.</p> <p>(2) A person sails a vessel only in waterways.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines waterways and their right-of -way.</p>	<p><u>Article 103 :</u> Détermination de voies navigables et leurs emprises</p> <p>(1) L'entité publique ayant la normalisation dans ses attributions établit des normes pour la détermination des voies navigables.</p> <p>(2) Une personne navigue un bateau uniquement dans des voies navigables.</p> <p>(3) Un Arrêté du Ministre détermine les voies navigables et leurs emprises.</p>
<p><u>Ingingo ya 104:</u> Ibyiciro by'amazi nyabagendwa</p> <p>(1) Amazi nyabagendwa ari mu byiciro bikurikira:</p> <p>(a) amazi nyabagendwa yo ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(b) amazi nyabagendwa yo ku rwego rw'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena amazi nyabagendwa yo ku rwego rw'Igihugu n' ayo ku rwego rw'akarere cyangwa Umujyi wa Kigali.</p>	<p><u>Article 104:</u> Categories of waterways</p> <p>(1) Waterways are categorized as follows:</p> <p>(a) national level waterways;</p> <p>(b) District level or City of Kigali level waterways.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines national level waterways and District or the City of Kigali level waterways.</p>	<p><u>Article 104 :</u> Catégories de voies navigables</p> <p>(1) Les voies navigables relèvent des catégories suivantes :</p> <p>(a) voies navigables de niveau national ;</p> <p>(b) voies navigables de niveau de District ou de la Ville de Kigali.</p> <p>(2) Un Arrêté du Ministre détermine les voies navigables de niveau national et de District ou de la Ville de Kigali.</p>

<p><u>Ingingo ya 105: Imicungire y'amazi nyabagendwa</u></p> <p>(1) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu ruteza imbere, rugasana kandi rugakurikirana ibikorwa byo gutwara abantu n'ibintu mu mazi nyabagendwa yo ku rwego rw'Igihugu.</p> <p>(2) Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bishinzwe guteza imbere, gusana no gukurikirana ibikorwa byo gutwara abantu n'ibintu mu mazi nyabagendwa yo ku rwego rwabyo.</p>	<p><u>Article 105: Management of waterways</u></p> <p>(1) The public entity in charge of transport development carries out the development, maintenance and monitors transport operations on national level waterways.</p> <p>(2) The City of Kigali or District is responsible for the development, maintenance and monitoring of transport operations on waterways at its respective level.</p>	<p><u>Article 105 : Gestion des voies navigables</u></p> <p>(1) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions assure le développement, l'entretien et fait le suivi des opérations de transport dans les voies navigables de niveau national.</p> <p>(2) La Ville de Kigali ou le District est responsable du développement, de l'entretien et du suivi des opérations de transport sur les voies navigables relevant de son niveau respectif.</p>
<p><u>Ingingo ya 106: Umutekano wo mu mazi nyabagendwa</u></p> <p>Urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano ni rwo rushinzwe umutekano wo mu mazi nyabagendwa.</p>	<p><u>Article 106: Waterways safety</u></p> <p>The entity in charge of waterways safety is responsible for waterways safety.</p>	<p><u>Article 106 : Sécurité des voies navigables</u></p> <p>L'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions est responsable de la sécurité des voies navigables.</p>
<p><u>Ingingo ya 107: Gusigasira amazi nyabagendwa n'imbibi zayo</u></p> <p>(1) Amazi nyabagendwa n'imbibi zayo birasigasirwa.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibikorwa</p>	<p><u>Article 107: Conservation of waterways and their right- of- way</u></p> <p>(1) Waterways and its rights-of-way are conserved.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines</p>	<p><u>Article 107 : Conservation des voies navigables et de leur emprise</u></p> <p>(1) Les voies navigables et leurs emprises sont conservées.</p> <p>(2) Un Arrêté du Ministre détermine les types</p>

<p>bishobora gukorerwa mu mazi nyabagendwa cyangwa mu mbibi zayo n'uburyo bikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 108: Imicungire y'ikoreshwa ry'amazi nyabagendwa</u></p> <p>(1) Ikoreshwa ry'amazi nyabagendwa ricungwa hifashishijwe itumanaho rikoresha ikoranabuhanga mu mazi.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushyiraho rukanacunga uburyo bw'ikoranabuhanga buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Ibyiciro, iyandikwa, ihererekanya n'iyandukurwa ry'ubwato</u></p> <p><u>Ingingo ya 109: Ibyiciro by'ubwato</u></p> <p>(1) Ubwato bukoreshwa mu mazi bushobora kuba ubwa Leta cyangwa ubw'abikorera.</p> <p>(2) Ubwato buri mu byiciro bikurikira:</p>	<p>the types of activities which may be carried out in waterways or in their right-of-way and modalities for carrying out such activities.</p> <p><u>Article 108: Management of use of waterways</u></p> <p>(1) The management of the use of waterways is done by means of the river information system.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development develops and manages the system referred to in Paragraph (1) of this Article.</p> <p><u>Section 2: Categories, registration, transfer and de-registration of vessels</u></p> <p><u>Article 109: Categories of vessels</u></p> <p>(1) Vessels that operate on water bodies may be publicly or privately owned.</p> <p>(2) Vessels fall into the following categories:</p>	<p>d'activités pouvant être réalisées dans les voies navigables ou dans leur emprise et les modalités de réalisation de ces activités.</p> <p><u>Article 108 : Gestion de l'utilisation des voies navigables</u></p> <p>(1) La gestion de l'utilisation des voies navigables se fait à l'aide du système d'information fluviale.</p> <p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions développe et gère le système visé au paragraphe (1) du présent article.</p> <p><u>Section 2 : Catégories, enregistrement, transfert et désenregistrement de bateaux</u></p> <p><u>Article 109 : Catégories de bateaux</u></p> <p>(1) Les bateaux naviguant sur des plans d'eau peuvent être de propriété publique ou privée.</p> <p>(2) Les bateaux relèvent des catégories suivantes :</p>
---	--	--

<p>(a) icyiciro A: ubwato butwara abagenzi;</p> <p>(b) icyiciro B: ubwato butwara imizigo;</p> <p>(c) icyiciro C: ubwato bukoreshwa mu burobyi;</p> <p>(d) icyiciro D: ubwato bw'umuntu ku giti cye kandi budakoreshwa mu bikorwa bigamije inyungu;</p> <p>(e) icyiciro E: ubwato bukoreshwa mu rwego rw'umutekano.</p> <p>(3) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gutsura ubuziranenge rushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge kuri buri icyiciro cy'ubwato.</p> <p>(4) Ibyerekeranye n'ubuziranenge bw'ubwato bukoreshwa mu kurinda Igihugu n'umutekano bireba inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano.</p>	<p>(a) category A: passenger vessels;</p> <p>(b) category B: cargo vessels;</p> <p>(c) category C: fishing vessels;</p> <p>(d) category D: private vessels and used for non-profit purposes;</p> <p>(e) category E: vessels used for security purposes.</p> <p>(3) The public entity in charge of standards establishes standards for each category of vessels.</p> <p>(4) Matters related to the standards for vessels used for national defence and security purposes fall under competence of national defence and security organs.</p>	<p>(a) catégorie A: bateaux à passagers ;</p> <p>(b) catégorie B: bateaux cargo ;</p> <p>(c) catégorie C: bateaux de pêche ;</p> <p>(d) catégorie D: bateaux privés et utilisés à des fins non lucratives ;</p> <p>(e) catégorie E: bateaux utilisés à des fins de sécurité.</p> <p>(3) L'entité publique ayant la normalisation dans ses attributions établit des normes pour chaque catégorie de bateaux.</p> <p>(4) Les questions relatives aux normes concernant les bateaux utilisés aux fins de la défense et de la sécurité nationales relèvent de la compétence des organes de défense et de sécurité nationales.</p>
<p><u>Ingingo ya 110: Iyandikwa ry'ubwato</u></p> <p>(1) Umuntu ushaka gukoresha ubwato mu mazi abanza kubwandikisha ku rwego</p>	<p><u>Article 110: Registration of vessels</u></p> <p>(1) A person wishing to operate a vessel on water bodies registers it with the</p>	<p><u>Article 110 : Enregistrement de bateaux</u></p> <p>(1) Une personne qui désire opérer un bateau sur des masses d'eau procède, au préalable,</p>

<p>rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu.</p> <p>(2) Ubwato bwa Leta n'ubw'inzeho z'umutekano bwandikwa n'inzeho zibucunga.</p> <p>(3) Imiterere n'ibiranga buri bwato bimenyeshwa urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu.</p> <p>(4) Ubwato bw'ubunyamahanga bwandikwa by'igihe gito bitewe n'igihe ibikorwa bukoreshwamo bizamara.</p>	<p>public entity in charge of transport development prior to its operation.</p> <p>(2) Publicly-owned vessels and those belonging to security organs are registered by organs responsible for the management thereof.</p> <p>(3) The characteristics and identification features of each vessel are notified to the public entity in charge of transport development.</p> <p>(4) A foreign vessel is temporarily registered depending on the duration of the activities for which it is used.</p>	<p>à son enregistrement auprès de l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions.</p> <p>(2) Les bateaux de propriété publique et ceux appartenant aux organes de sécurité sont enregistrés par les organes qui en assurent la gestion.</p> <p>(3) Les caractéristiques et les éléments d'identification de chaque bateau sont notifiées à l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions.</p> <p>(4) Un bateau étranger est temporairement enregistré en fonction de la durée des activités auxquelles il est affecté.</p>
<p><u>Ingingo ya 111: Ibisabwa mu iyandikwa ry'ubwato</u></p>	<p><u>Article 111: Requirements for registration of a vessel</u></p>	<p><u>Article 111 : Conditions d'enregistrement d'un bateau</u></p>
<p>(1) Umuntu ushaka kwandikisha ubwato agaragaza inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) icyemezo cy'uwakoze ubwato;</p> <p>(b) icyemezo cyerekana nyir'ubwato;</p> <p>(c) icyemezo cy'igenzura ry'imiterere n'imikorere y'ubwato;</p>	<p>(1) A person wishing to register a vessel presents the following documents:</p> <p>(a) the vessel manufacturer's certificate;</p> <p>(b) a proof of ownership of the vessel;</p> <p>(c) the vessel seaworthiness inspection certificate;</p>	<p>(1) Une personne qui désire faire enregistrer un bateau présente les documents suivants :</p> <p>(a) certificat du fabricant du bateau;</p> <p>(b) preuve de propriété du bateau;</p> <p>(c) certificat de contrôle technique du bateau;</p>

<p>(d) inyemezabwishyu y'amafaranga y'iyandikwa ry'ubwato.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu ruha icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato uwabisabye wujuje ibisabwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutanga ibimenyetso biranga ubwato n'imiterere yabyo, amafaranga y'iyandikwa ry'ubwato n'ibindi bisabwa mu kwandikisha ubwato.</p> <p><u>Ingingo ya 112: Ibisabwa kugira ngo kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato itangwe</u></p> <p>(1) Iyo icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato gitakaye cyangwa cyangiritse, kitaranzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga, kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato ihabwa uwayisabye, amaze gutanga ibi bikurikira:</p> <p>(a) icyemezo kimenyekanisha ko icyemezo cy'iyandikwa cyatakaye</p>	<p>(d) a proof of payment of vessel registration fees.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development issues a vessel registration certificate to a person who applies for it that meets requirements referred to in Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines modalities for the issuance of vessel identification markings and their characteristics, registration fees and other requirements for the registration of vessels.</p> <p><u>Article 112: Requirements for issuance of the duplicate of a vessel registration certificate</u></p> <p>(1) In case of loss or damage to a vessel registration certificate which has not been issued electronically, the duplicate of such a certificate is issued to the person who applies for it upon presentation by that same person of the following:</p> <p>(a) a statement of loss of the registration certificate issued by the competent</p>	<p>(d) preuve de paiement des frais d'enregistrement du bateau.</p> <p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions délivre un certificat d'enregistrement d'un bateau à celui qui en fait la demande qui remplit les conditions visées au paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(3) Un Arrêté du Ministre détermine les modalités de délivrance des marquages d'identification de bateaux et leurs caractéristiques, les frais d'enregistrement et d'autres conditions d'enregistrement de bateaux.</p> <p><u>Article 112 : Conditions de délivrance du duplicata d'un certificat d'enregistrement d'un bateau</u></p> <p>(1) En cas de perte ou d'endommagement d'un certificat d'enregistrement d'un bateau n'ayant pas été délivré par voie électronique, le duplicata d'un tel certificat est délivré à celui qui en fait la demande sur présentation par ce dernier de ce qui suit :</p> <p>(a) déclaration de perte du certificat d'enregistrement délivré par l'entité</p>
--	--	--

<p>gitangwa n’urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(b) kopi y’icyemezo cy’iyandikwa ry’ubwato cy’umwimerere aho bishoboka;</p> <p>(c) kopi y’icyangombwa kigaragaza nyiri ubwato;</p> <p>(d) icyemezo cy’isuzuma ry’imiterere n’imikorere y’ubwato;</p> <p>(e) inyemezabwishyu y’amafaranga yo gusaba kopi y’icyemezo cy’iyandikwa ry’ubwato.</p> <p>(2) Iyo icyemezo cy’umwimerere kibonetse haratanzwe kopi yacyo gisubizwa urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu.</p>	<p>entity;</p> <p>(b) a copy of the original of the vessel registration certificate, where applicable;</p> <p>(c) a copy of the vessel ownership certificate;</p> <p>(d) the vessel seaworthiness inspection certificate;</p> <p>(e) a proof of payment of fees for the application for a duplicate of vessel registration certificate.</p> <p>(2) When the original of the certificate is found after issuance of a duplicate thereof, it is returned to the public entity in charge of transport development.</p>	<p>compétente;</p> <p>(b) copie de l’original du certificat d’enregistrement, le cas échéant;</p> <p>(c) copie du certificat de propriété du bateau;</p> <p>(d) certificat de contrôle technique du bateau;</p> <p>(e) preuve de paiement des frais de demande de duplicata du certificat d’enregistrement d’un bateau.</p> <p>(2) Lorsque l’original du certificat est retrouvé après délivrance de son duplicata, il est remis à l’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 113:</u> Ihererekanya ry’ubwato</p> <p>(1) Umuntu usaba ihererekanya ry’ubwato ashyikiriza Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu ibi bikurikira:</p>	<p><u>Article 113: Transfer of vessels</u></p> <p>(1) A person who applies for vessel transfer submits the following to the public entity in charge of transport development:</p>	<p><u>Article 113 : Transfert d’un bateau</u></p> <p>(1) Une personne qui fait une demande de transfert d’un bateau soumet à l’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions ce qui suit :</p>

<p>(a) kopi y'icyemezo kigararagaza nyir'ubwato;</p> <p>(b) inyemezabwishyu y'amafaranga y'iherekanya;</p> <p>(c) icyemezo cy'uko nta misoro bwishyuzwa, aho bishoboka;</p> <p>(d) icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato;</p> <p>(e) icyemezo cy'uko ubwato bwakorewe igenzura.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushobora kugena ibindi bisabwa n'uburyo bwo guhererekanya ubwato.</p>	<p>(a) a copy of vessel ownership certificate;</p> <p>(b) a proof of payment of transfer fees;</p> <p>(c) a tax clearance certificate, where applicable;</p> <p>(d) the vessel registration certificate;</p> <p>(e) the vessel seaworthiness inspection certificate.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development may determine other requirements and modalities for vessel transfer.</p>	<p>(a) copie du certificat de propriété du bateau;</p> <p>(b) preuve de paiement des frais de transfert ;</p> <p>(c) attestation de non redevance fiscale, le cas échéant ;</p> <p>(d) certificat d'enregistrement du bateau;</p> <p>(e) certificat de contrôle technique du bateau.</p> <p>(2) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions peut déterminer d'autres conditions et modalités de transfert de bateaux.</p>
<p><u>Ingingo ya 114: Iyandukurwa ry'ubwato</u></p> <p>(1) Nyiri ubwato butagikoreshwa afite inshingano yo kubwandukuza. Usaba kwandukuza ubwato, ashyikiriza Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato, rukamuha icyemezo cy'iyandukurwa.</p>	<p><u>Article 114: De-registration of a vessel</u></p> <p>(1) The owner of a vessel which is no longer in use is required to cause it to be de-registered. A person who applies for vessel de-registration submits the vessel registration certificate to the public entity in charge of transport development which, in turn, issues him or her with a de-registration certificate.</p>	<p><u>Article 114 : Désenregistrement d'un bateau</u></p> <p>(1) Le propriétaire d'un bateau qui n'est plus utilisé est tenu de faire désenregistrer ce dernier. Celui qui fait une demande de désenregistrement d'un bateau soumet à l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions le certificat d'enregistrement du bateau qui, à son tour, lui remet un certificat de désenregistrement.</p>

<p>(2) Icyakora, Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushobora kwandukura ubwato iyo-</p> <p>(a) bigaragaye ko bwanditswe no mu gihugu cy'amahanga;</p> <p>(b) ubwo bwato butacyubahirije amabwiriza y'ubuziranenge agenga buri cyiciro cy'ubwato;</p> <p>(c) ubwato bwabuze cyangwa butakigira nyirabwo.</p> <p>(3) Ubwato bwo mu cyiciro cya A na B bufatwa nk'ubutagikoreshwa iyo burengeje amezi umunani, budakorerwa igenzura ry'imiterere n'imikorere yabwo.</p> <p>(4) Ubwato bwo mu cyiciro cya C na D bufatwa nk'ubutagikoreshwa iyo burengeje amezi 14, budakorerwa igenzura ry'imiterere n'imikorere yabwo.</p> <p>(5) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rwandukura by'agateganyo ubwato buvugwa mu gika cya (3) n'icya (4) by'iyi ngingo</p>	<p>(2) However, the public entity in charge of transport development may de-register a vessel if -</p> <p>(a) it appears that the vessel is also registered in a foreign country;</p> <p>(b) the vessel no longer satisfies standards applicable to its relevant category of vessels;</p> <p>(c) the vessel is lost or abandoned.</p> <p>(3) The vessels in categories A and B are considered as being no longer operational if they do not undergo a seaworthiness inspection for a period of more than eight months.</p> <p>(4) The vessels in categories C and D are considered as being no longer operational if they do not undergo a seaworthiness inspection for a period of more than 14 months.</p> <p>(5) The public entity in charge of transport development temporarily de-registers the vessels referred to in Paragraphs (3) and (4) of this Article and notifies the vessel owner thereof.</p>	<p>(2) Toutefois, l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions peut désenregistrer un bateau si -</p> <p>(a) il s'avère que le bateau est également enregistré dans un pays étranger;</p> <p>(b) le bateau ne se conforme plus aux normes applicables à la catégorie de bateaux dont il relève ;</p> <p>(c) le bateau est perdu ou abandonné.</p> <p>(3) Les bateaux relevant des catégories A et B sont considérés comme n'étant plus opérationnels lorsqu'ils ne sont pas soumis à un contrôle technique pour une période de plus de huit mois.</p> <p>(4) Les bateaux relevant des catégories C et D sont considérés comme n'étant plus opérationnels lorsqu'ils ne sont pas soumis au contrôle technique pour une période de plus de 14 mois.</p> <p>(5) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions désenregistre temporairement les bateaux visés aux paragraphes (3) et (4) du présent article et en informe le propriétaire.</p>
--	--	---

<p>rukabimenyesha nyiri ubwato.</p> <p>(6) Iyo hashize iminsi 60 nyuma y'iyandukurwa ry'agateganyo, nyir'ubwato ntagaragaze ko yakoresheje igenzura ry'imiterere n'imikorere by'ubwato, Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rwandukura burundu ubwo bwato.</p> <p>(7) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushobora kugena izindi mpamvu z'iyandukurwa ry'ubwato n'uburyo rikorwamo.</p>	<p>(6) If, from temporary de-registration, 60 days have elapsed without the owner having proven that his or her vessel has undergone a seaworthiness inspection, the public entity in charge of transport development makes definitive de-registration of the vessel.</p> <p>(7) A public entity in charge of transport development may determine other requirements and modalities for vessel de-registration.</p>	<p>(6) Lorsqu'il s'écoule 60 jours sans que, après le désenregistrement temporaire, le propriétaire prouve que son bateau a été soumis à un contrôle technique, l'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions procède au désenregistrement définitif de ce bateau.</p> <p>(7) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions peut déterminer d'autres conditions et modalités de désenregistrement de bateaux.</p>
<p><u>Icyiciro cya 3: Abakozi, amahugurwa n'itangwa ry'impamyabushobozi</u></p>	<p><u>Section 3: Staff, training and issuance of certificates of competency</u></p>	<p><u>Section 3 : Personnel, formation et délivrance de certificats de compétence</u></p>
<p><u>Ingingo ya 115 : Abakozi bakora mu bwato</u></p>	<p><u>Article 115: Staff on board the vessel</u></p>	<p><u>Article 115 : Personnel à bord du bateau</u></p>
<p>(1) Abakozi bakora mu bwato barimo abakozi b'ikipe n'umuyobozi mukuru w'ubwato.</p> <p>(2) Umukozi w'ikipe ikora mu bwato n'umuyobozi mukuru w'ubwato bagomba kuba bafite impamyabushobozi zijyanye n'inshingano zabo.</p>	<p>(1) The staff on board the vessel includes crew members and the boatmaster.</p> <p>(2) A crew member on board the vessel and the boatmaster must have certificates of competency related to their respective responsibilities.</p>	<p>(1) Le personnel à bord du bateau comprend les membres d'équipage et le capitaine de bateau.</p> <p>(2) Un membre d'équipage à bord du bateau et le capitaine de bateau doivent posséder des certificats de compétence liés à leurs responsabilités respectives.</p>

<u>Ingingo ya 116: Umuyobozi mukuru w'ubwato</u>	<u>Article 116: Boatmaster</u>	<u>Article 116 : Capitaine de bateau</u>
<p>(1) Ushinzwe ubwato ni umuyobozi mukuru wabwo. Naho umuyobozi mukuru w'itsinda ry'ubwato agenwa ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) mu gihe itsinda ry'ubwato rigizwe n'ubwato bumwe gusa bufite moteri, umuyobozi mukuru w'iryo tsinda ni umuyobozi mukuru w'ubwato bufite moteri;</p> <p>(b) mu gihe itsinda ry'ubwato rigizwe n'ubwato bwungikanyije buyobowe n'ubwato bubiri cyangwa bwinshi bufite moteri bukoze umurongo, umuyobozi mukuru w'ubwo bwato bushoreranye ni umuyobozi mukuru w'ubwato buri imbere. icyakora, iyo ubwo bwato buri imbere ari ubwato bwifashishwa mu kuyobora ubundi bwato, umuyobozi mukuru w'itsinda ry'ubwato ni umuyobozi mukuru w'ubwato bwa kabiri;</p> <p>(c) mu gihe itsinda ry'ubwato rigizwe n'ubwato bwungikanyije buyobowe n'ubwato bubiri</p>	<p>(1) The vessel command is vested in the boatmaster. But the boatmaster of a convoy of vessels is determined as follows:</p> <p>(a) in the case of a convoy with only one motorized vessel, the boatmaster of the convoy is the boatmaster of the motorized vessel;</p> <p>(b) in the case of a towed convoy led by two or more motorized vessels in line, the boatmaster of the convoy is the boatmaster of the leading vessel, unless that vessel is a temporary auxiliary tug, in which case the boatmaster of the convoy is the boatmaster of the second vessel;</p> <p>(c) in the case of a towed convoy led by two or more motorized vessels not in line, one of which provides the main traction, the</p>	<p>(1) Le commandement du bateau est confié au capitaine de ce bateau. Mais le capitaine d'un convoi de bateaux est déterminé de la manière suivante :</p> <p>(a) dans le cas d'un convoi de bateaux ne comprenant qu'un bateau motorisé, le capitaine du convoi est celui du bateau motorisé;</p> <p>(b) dans le cas d'un convoi remorqué comportant en tête des bateaux motorisés en ligne de file au nombre de deux ou davantage, le capitaine du convoi est le capitaine du premier bateau. Toutefois, si le premier bateau est un remorqueur de renfort temporaire, le capitaine du convoi est le capitaine du deuxième bateau ;</p> <p>(c) dans le cas d'un convoi remorqué comprenant en tête des bateaux motorisés au nombre de deux ou davantage ne</p>

<p>cyangwa bwinshi bufite moteri budakoze umurongo, bumwe muri bwo butanga imbaraga, umuyobozi mukuru w'iryo tsinda ni umuyobozi mukuru w'ubwato butanga imbaraga nyinshi kuruta ubundi;</p> <p>(d) mu gihe itsinda ry'ubwato rigizwe n'ubwato busunikwa buhabwa imbaraga n'ubwato bubiri cyangwa bwinshi buteganye, umuyobozi mukuru w'iryo tsinda ni umuyobozi mukuru w'ubwato butanga imbaraga nyinshi kuruta ubundi.</p> <p>(2) Mu gihe habayeho ubundi buryo butandukanye n'ubuvugwa mu gace ka (a), aka (b), aka (c) n'aka (d) tw'iyi ngingo, umuyobozi mukuru w'itsinda ry'ubwato agenwa n'urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu mazi nyabagendwa.</p> <p><u>Ingingo ya 117: Inshingano z'umuyobozi mukuru w'ubwato</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato afite inshingano zo kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko ku bwato cyangwa ku itsinda ry'ubwato ashinzwe.</p>	<p>boatmaster of the convoy is the boatmaster of the vessel providing the main traction;</p> <p>(d) in the case of a pushed convoy propelled by two or more pushers side-by-side, the boatmaster of the pusher providing the main propulsion is the boatmaster of the convoy.</p> <p>(2) For cases other than those referred to under Subparagraphs (a), (b), (c) and (d) of this Article, the master of the convoy of vessels is determined by the entity in charge of the waterways safety.</p> <p><u>Article 117: Boatmaster's responsibilities</u></p> <p>(1) The boatmaster is responsible for complying with the provisions of this Law on the vessel or convoy of which he or she has command. In particular, he or</p>	<p>naviguant pas en ligne de file et dont l'un assure la traction principale, le capitaine du convoi est le capitaine du bateau qui assure la traction principale;</p> <p>(d) dans le cas d'un convoi poussé propulsé par deux ou plusieurs pousseurs côte à côte, le capitaine du pousseur qui assure la traction principale est le capitaine du convoi.</p> <p>(2) Dans les cas autres que ceux visés aux alinéas (a), (b), (c) et (d) du présent article, le capitaine du convoi de bateaux est désigné par l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions.</p> <p><u>Article 117 : Responsabilités du capitaine de bateau</u></p> <p>(1) Le capitaine de bateau assume la responsabilité du respect des dispositions de la présente loi sur le bateau ou le convoi dont il assume le commandement. Plus</p>
---	---	---

<p>By'umwihariko, umuyobozi mukuru w'ubwato afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kubahiriza amabwiriza yo kugenda mu mazi nyabagendwa no gutsika;</p> <p>(b) kubahiriza amategeko agenga kurengera ibidukikije;</p> <p>(c) korohereza inzego z'igenzura n'iz'umutekano wo mu mazi nyabagendwa gukora inshingano zazo;</p> <p>(d) kubahiriza amabwiriza y'umuyobozi mukuru w'itsinda ry'ubwato;</p> <p>(e) gufata ingamba zikwiye no kuzishyira mu bikorwa ibijyanye no kubungabunga umutekano wo mu mazi nyabagendwa;</p> <p>(f) kuba ku bwato mu gihe buri mu rugendo cyangwa butsitse.</p> <p>(2) icyakora, ibiteganywa mu gace ka (f) k'igika cya (1) cy'iyi ngingo, ntibireba itsinda rw'ubwato burimo ubusunikwa, uretse ubwato butanga imbaraga.</p>	<p>she has the following responsibilities:</p> <p>(a) to comply with the rules of navigation on waterways and berthing;</p> <p>(b) to comply with Laws on environmental protection;</p> <p>(c) to cooperate with the organs responsible for inspection and waterways safety in the discharge of their responsibilities;</p> <p>(d) to obey the orders of the boatmaster of the convoy;</p> <p>(e) to take and implement appropriate steps related to the preservation of the waterways safety;</p> <p>(f) to remain on board whenever the vessel is under way or anchored.</p> <p>(2) However, the provisions of Subparagraph (f) of Paragraph (1) of this Article do not apply to a vessel convoy comprised of pushed vessels except vessels providing traction.</p>	<p>particulièrement, il assume les responsabilités suivantes :</p> <p>(a) respecter les règles de navigation sur les voies navigables et d'accostage;</p> <p>(b) respecter les lois régissant la protection de l'environnement;</p> <p>(c) coopérer avec les organes d'inspection et de sécurité des voies navigables dans l'exercice de leurs attributions;</p> <p>(d) se conformer aux ordres du capitaine du convoi de bateaux;</p> <p>(e) prendre et exécuter les mesures appropriées relatives à la préservation de la sécurité dans les voies navigables ;</p> <p>(f) rester à bord du bateau chaque fois que ce dernier fait route ou est à l'ancre.</p> <p>(2) Toutefois, les dispositions de l'alinéa (f) du paragraphe (1) du présent article ne s'appliquent pas au convoi de bateaux comportant des bateaux propulsés à part les bateaux qui assurent la traction.</p>
---	---	--

<p>(3) Mu gihe ubwato butsitse, umuyobozi mukuru w'ubwato adahari ashiraho umusimbura kugira ngo akore inshingano ze.</p> <p><u>Ingingo ya 118: Inshingano z'umukozi w'ikipe</u></p> <p>Buri mukozi w'ikipe uri mu kazi yubahiriza amabwiriza ahabwa n'umuyobozi mukuru w'ubwato.</p> <p><u>Ingingo ya 119: Kwigisha no gutanga impamyabushobozi ku bakazi bakora ku bwato</u></p> <p>(1) Umuntu ukoresha ubwato mu mazi nyabagendwa agomba kugira abakozi bahagije, babihuguriwe kandi babifitiye impamyabushobozi mu rwego rwo kwita ku mutekano w'abantu n'ibintu.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri ufite uburezi mu nshingano rigena uburyo inyigisho ku bifuzwa kuba abakozi bakora ku bwato zitangwa.</p>	<p>(3) When the vessel is anchored, the boatmaster delegates his or her responsibilities to another person in case of his or her absence.</p> <p><u>Article 118: Crew member's responsibilities</u></p> <p>Every crew member on duty obeys the orders issued by the boatmaster.</p> <p><u>Article 119: Training and issuance of certificates of competency to vessel staff</u></p> <p>(1) A person using a vessel on waterways must have sufficient and trained staff having certificates of competency to this effect for ensuring the safety of people and goods.</p> <p>(2) An Order of the Minister in charge of education determines modalities for the delivery of the training programme for those wishing to serve on board the vessel.</p>	<p>(3) Lorsque le bateau est à l'ancre, le capitaine de bateau délègue ses responsabilités à une autre personne en cas de son absence.</p> <p><u>Article 118 : Responsabilités d'un membre d'équipage</u></p> <p>Chaque membre d'équipage en service se conforme aux ordres donnés par le capitaine de bateau.</p> <p><u>Article 119 : Formation et délivrance de certificats de compétence au personnel du bateau</u></p> <p>(1) Une personne qui utilise un bateau sur les voies navigables doit disposer d'un personnel suffisant et formé ayant des certificats de compétence à cet effet aux fins d'assurer la sécurité des personnes et des biens.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions détermine les modalités d'application du programme de formation de ceux qui désirent servir à bord du bateau.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 120:</u> Umukozi ushinzwe ibikoresho bireremba bitimuka</p> <p>(1) Ibikoresho bireremba ku mazi bitimuka bigira umukozi ubishinzwe.</p> <p>(2) Umukozi ushinzwe ibikoresho bireremba bitimuka by'umwihariko agomba:</p> <p>(a) kubahiriza amabwiriza yo kugenda mu mazi nyabagendwa no gutsika;</p> <p>(b) kubahiriza amategeko agenga kurengera ibidukikije;</p> <p>(c) korohereza inzego z'igenzura n'iz'umutekano wo mu mazi nyabagendwa gukora inshingano zazo.</p>	<p><u>Article 120:</u> Staff member responsible for floating establishment</p> <p>(1) A floating establishment is placed under the authority of a person who is responsible for it.</p> <p>(2) In particular, the person responsible for a floating establishment must:</p> <p>(a) to comply with the rules of navigation on waterways and berthing;</p> <p>(b) to comply with Laws on environmental protection;</p> <p>(c) to cooperate with the organs responsible for inspection and waterways safety in the discharge of their responsibilities.</p>	<p><u>Article 120 :</u> Membre du personnel responsable d'un établissement flottant</p> <p>(1) Un établissement flottant est placé sous l'autorité d'une personne qui en est responsable.</p> <p>(2) La personne responsable d'un établissement flottant doit particulièrement :</p> <p>(a) respecter les règles de navigation sur les voies navigables et d'accostage ;</p> <p>(b) respecter les lois régissant la protection de l'environnement;</p> <p>(c) coopérer avec les organes d'inspection et de sécurité des voies navigables dans l'exercice de leurs attributions.</p>
<p><u>Icyiciro cya 4:</u> Kugenda mu mazi nyabagendwa n'umutekano wayo</p>	<p><u>Section 4:</u> Waterways navigation and safety</p>	<p><u>Section 4:</u> Navigation et sécurité des voies navigables</p>
<p><u>Akiciro ka mbere:</u> Kugenda mu mazi nyabagendwa n'ibimenyetso biyagaragaza</p>	<p><u>Subsection One:</u> Waterways navigation, signs and markings</p>	<p><u>Sous-section première :</u> Navigation, signes et marquages des voies navigables</p>
<p><u>Ingingo ya 121:</u> Kugenda mu mazi nyabagendwa no gutsika</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kugenda mu mazi nyabagendwa no</p>	<p><u>Article 121:</u> Waterways navigation and berthing</p> <p>An Order of the Minister determines modalities for waterways navigation and</p>	<p><u>Article 121 :</u> Navigation sur les voies navigables et accostage</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités de</p>

<p>gutsika.</p> <p><u>Ingingo ya 122:</u> Igishushanyo cy'inzira nyabagendwa mu mazi</p> <p>Urwego rwa Leta rufite mu nshingano iterambere ryo gutwara abantu n'ibintu rushyiraho igishushanyo cy'inzira nyabagendwa mu mazi kigaragaza ibice by'amazi bigendwa n'ibitagendwa kikanashyiraho ibimenyetso bigaragaza inzira nyabagendwa yo mu mazi.</p> <p><u>Ingingo ya 123:</u> Uruhushya rwihariye rwo gutwara ubwato buri mu itsinda ry'ubwato mu mazi nyabagendwa</p> <p>(1) Umuntu ushaka gutwara ubwato buri mu itsinda ry'ubwato mu mazi nyabagendwa agomba kubisabira uruhushya rwihariye mu nyandiko ku rwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano.</p> <p>(2) icyakora, uruhushya ruvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntituruba abatwara itsinda ry'ubwato bw'inzeho z'umutekano w'Igihugu n'ubutabazi.</p>	<p>berthing.</p> <p><u>Article 122:</u> Waterways navigational chart</p> <p>The public entity in charge of transport development establishes a navigational chart that indicates navigable and non-navigable zones of water bodies and place signs and markings on waterways.</p> <p><u>Article 123:</u> Special permission to sail a convoy of vessels in waterways</p> <p>(1) A person who wishes to sail vessels in a convoy on waterways applies for a special permission in writing to the entity in charge of waterways safety.</p> <p>(2) However, the permission referred to in Paragraph (1) of this Article does not apply to those moving a convoy of vessels for national security and rescue organs.</p>	<p>navigation sur les voies navigables et d'accostage.</p> <p><u>Article 122 :</u> Carte de navigation sur les voies navigables</p> <p>L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions dresse la carte de navigation qui indique les zones d'eau navigables et non navigables et procède à la signalisation et au balisage des voies navigables.</p> <p><u>Article 123 :</u> Permission spéciale pour la navigation d'un convoi de bateaux dans les voies navigables</p> <p>(1) Une personne qui désire faire la navigation des bateaux en convoi sur les voies navigables doit préalablement obtenir une permission spéciale écrite de l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions.</p> <p>(2) Toutefois, la permission visée au paragraphe (1) du présent article ne s'applique pas à ceux qui conduisent un convoi de bateaux appartenant aux organes de sécurité nationale et de sauvetage.</p>
---	---	---

<p><u>Akicro ka 2:</u> Kubahiriza ibisabwa bijyanye no gukora umurimo wo gucunga ibyambu, kubaka ubwato, kubufata neza no kubusana</p> <p><u>Ingingo ya 124:</u> Kubahiriza amabwiriza y’ubuziranenge ajyanye no gukora umurimo wo kubaka, gusana no gufata neza ubwato</p> <p>Umuntu ukora umurimo wo kubaka, gusana no gufata neza ubwato agomba kubahiriza amabwiriza y’ubuziranenge ajyanye n’iyubakwa cyangwa isanwa ry’ubwato ashwirwaho n’Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gutsura ubuziranenge.</p> <p><u>Ingingo ya 125:</u> icyemezo cy’iyubakwa ry’ubwato n’ibikigize</p> <p>(1) Umwubatsi w’ubwato atanga icyemezo cy’iyubakwa ry’ubwato kuri buri bwato yubatsa.</p> <p>(2) icyemezo cy’iyubakwa ry’ubwato kivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo kigaragaza nibura ibi bikurikira:</p> <p>(a) numero iranga ubwato;</p>	<p><u>Subsection 2:</u> Compliance with requirements for ports operation, vessel construction, maintenance and repair</p> <p><u>Article 124:</u> Compliance with standards related to manufacturing, repairing and maintaining vessels</p> <p>A person who manufactures, repairs and maintains vessels must comply with standards for vessel manufacturing or repairing vessels established by the public entity in charge of standards.</p> <p><u>Article 125:</u> Vessel manufacturer’s certificate and its components</p> <p>(1) A vessel manufacturer issues a certificate of manufacture for every manufactured vessel.</p> <p>(2) The vessel manufacturer’s certificate referred to in Paragraph (1) of this Article bears at least the following components:</p> <p>(a) hull identification number of the vessel;</p>	<p><u>Sous-section 2 :</u> Respect des exigences en matière d’exploitation de ports, de construction, d’entretien et de réparation de bateaux</p> <p><u>Article 124 :</u> Respect des normes relatives à la construction, à la réparation et à l’entretien de bateaux</p> <p>Une personne qui construit, répare et entretient des bateaux doit respecter les normes de construction ou de réparation de bateaux établis par l’entité publique ayant la normalisation dans ses attributions.</p> <p><u>Article 125 :</u> Certificat de fabrication du bateau et ses éléments</p> <p>(1) Un constructeur de bateau délivre un certificat de fabrication pour chaque bateau fabriqué.</p> <p>(2) Le certificat de fabrication visé au paragraphe (1) du présent article indique au moins les éléments suivants :</p> <p>(a) numéro d’identification de la coque du bateau;</p>
--	---	--

<p>(b) ibiranga indiba n’umurongo w’ubwikorezi by’ubwato;</p> <p>(c) umubare ntarengwa w’abantu ubwato butwara;</p> <p>(d) ibiranga intera n’uburyo byo gupakira ubwato;</p> <p>(e) ibiranga ibice by’ingenzi bigize ubwato;</p> <p>(f) igihe ubwato bwakorewe.</p> <p>(3) Numero iranga ubwato igomba kubahiriza ibipimo mpuzamahanga by’ubuziranenge ku iyubakwa ry’ubwato.</p>	<p>(b) vessel load line and vessel draft description;</p> <p>(c) maximum number of people carried by the vessel;</p> <p>(d) draft mark description and modalities of vessel loading;</p> <p>(e) vessel principal particulars;</p> <p>(f) the vessel’s manufacturing date.</p> <p>(3) The hull identification number of a vessel must comply with international standards for the manufacture of vessels.</p>	<p>(b) description de la ligne de charge et du tirant d’eau du bateau;</p> <p>(c) nombre maximum de personnes transportées par le bateau ;</p> <p>(d) description des marques de tirant d’eau et modalités de chargement du bateau;</p> <p>(e) principales caractéristiques du bateau;</p> <p>(f) date de construction du bateau.</p> <p>(3) Le numéro d’identification de la coque du bateau doit se conformer aux normes internationales de construction de bateaux.</p>
<p><u>Ingingo ya 126: icyemezo cyo gukora umurimo wo gusana no gufata neza ubwato</u></p> <p>(1) Umuntu ukora umurimo wo gusana no gufata neza ubwato agomba kubisabira icyemezo mu nyandiko ku rwego ngenzuramikorere.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu gutanga icyemezo giteganywa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo.</p>	<p><u>Article 126: License for vessel repair and maintenance</u></p> <p>(1) A person who repairs and maintains vessels must apply in writing to the entity in charge of regulation for a licence to do so.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines requirements for the issuance of the license provided for in Paragraph (1) of this Article.</p>	<p><u>Article 126 : Licence de réparation et d’entretien de bateaux</u></p> <p>(1) Une personne engagée dans la réparation et l’entretien de bateaux doit demander par écrit une licence à cet effet auprès de l’entité ayant la régulation dans ses attributions.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les conditions d’octroi de la licence prévue au paragraphe (1) du présent article.</p>

<p><u>Ingingo ya 127: icyemezo cyo gukora umurimo wo gucunga icyambu</u></p> <p>(1) Umuntu ukora umurimo wo gucunga icyambu agomba kubiharerwa icyemezo n’urwego ngenzuramikorere.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu gutanga icyemezo cyo gukora umurimo wo gucunga icyambu.</p>	<p><u>Article 127: Port operator’s license</u></p> <p>(1) A person who operates a port must obtain a license to do so from the entity in charge of regulation.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines requirements for the issuance of license for port operation.</p>	<p><u>Article 127 : Licence d’exploitation d’un port</u></p> <p>(1) Une personne qui exploite un port doit se faire délivrer une licence à cet effet auprès de l’entité ayant la régulation dans ses attributions.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les conditions d’octroi d’une licence d’exploitation d’un port.</p>
<p><u>Akiciro ka 3: Igenzura ry’imiterere n’imikorere by’ubwato</u></p>	<p><u>Subsection 3: Vessel seaworthiness inspection</u></p>	<p><u>Sous-section 3 : Contrôle technique du bateau</u></p>
<p><u>Ingingo ya 128: Igenzura ry’imiterere n’imikorere by’ubwato</u></p> <p>(1) Ubwato bukoreshwa mu mazi nyabagendwa bugomba kuba bufite icyemezo cy’igenzura gitangwa n’urwego rufite mu nshingano umutekano wo mu mazi nyabagendwa cy’uko bwakorewe igenzura ry’imiterere n’imikorere byabwo.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo</p>	<p><u>Article 128: Vessel seaworthiness inspection</u></p> <p>(1) A vessel used on waterways must have a seaworthiness certificate issued by the organ in charge of waterways safety.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines</p>	<p><u>Article 128 : Contrôle technique du bateau</u></p> <p>(1) Un bateau utilisé sur les voies navigables doit être muni d’un certificat de contrôle technique délivré par l’organe ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les</p>

<p>igenzurwa rivugwa mu gika cya (1) rikorwa.</p> <p><u>Akiciro ka 4: Amabwiriza y’umutekano ku bwato</u></p> <p><u>Ingingo ya 129: Kubahiriza amabwiriza yo kugenda mu bwato</u></p> <p>(1) Umuntu uri mu bwato yubahiriza amabwiriza ahabwa n’umuyobozi mukuru w’ubwato ku mpamvu zo kubungabunga umutekano mu mazi nyabagendwa.</p> <p>(2) Umuyobozi Mukuru w’ubwato ashobora gufata no gushyikiriza inzego z’umutekano umuntu ukora ibikorwa by’ubugizi bwa nabi cyangwa uteza umutekano muke mu bwato.</p> <p><u>Ingingo ya 130: Kuyobora ubwato</u></p> <p>(1) Igihe ubwato buri mu rugendo buyoborwa n’umuntu ubifitiye ubushobozi ufite nibura imyaka 16 y’amavuko, ari we witwa umuyobozi w’ubwato. icyakora, ubwato bwihuta bugomba kuyoborwa n’umuntu ufite nibura imyaka 18 y’amavuko</p>	<p>modalities for the conduct of the inspection referred to in Paragraph (1) of this Article.</p> <p><u>Subsection 4: Safety rules on board the vessel</u></p> <p><u>Article 129: Compliance with rules on board the vessel</u></p> <p>(1) A person on board the vessel obeys the orders given to him or her by the boatmaster for the purpose of ensuring waterways safety.</p> <p>(2) The boatmaster may arrest and hand over to security organs a person who commits criminal acts or disrupts the safety on board the vessel.</p> <p><u>Article 130: Vessel steering</u></p> <p>(1) When under way, a vessel is steered by a qualified person of not less than 16 years of age, referred to as “helmsman”. However, a high-speed vessel must be steered by a person with at 18 years of age who has a required certificate of competency,</p>	<p>modalités de réalisation du contrôle technique visé au paragraphe (1) du présent article.</p> <p><u>Sous-section 4 : Règles de sécurité à bord du bateau</u></p> <p><u>Article 129 : Respect des règles à bord du bateau</u></p> <p>(1) Une personne à bord du bateau se conforme aux ordres que lui donne le capitaine de bateau aux fins de garantir la sécurité des voies navigables.</p> <p>(2) Le capitaine de bateau peut arrêter et remettre aux organes de sécurité une personne qui commet des actes criminels ou trouble la sécurité à bord du bateau.</p> <p><u>Article 130 : Pilotage du bateau</u></p> <p>(1) Lorsqu’il fait route, le bateau est piloté par une personne qualifiée âgée d’au moins 16 ans, désignée comme « timonier ». Toutefois, les bateaux à grande vitesse doivent, à l’exception des bateaux de sport ou de plaisance, être pilotés par une personne âgée d’au moins 18 ans ayant un</p>
--	--	--

<p>ubifitiye impamyabushobozi isabwa ukuyemo ubwato bwakorewe imikino cyangwa imyidagaduro.</p> <p>(2) Umuyobozi w'ubwato yakira akanatanga amakuru n'amabwiriza mu gihe ari mu cyumba cy'umuyobozi w'ubwato mu rwego rwo kuyobora neza ubwato.</p> <p>(3) Bitewe n'imiterere y'ibihe, Umuyobozi mukuru w'ubwato ashobora gushyiraho umuntu ufasha umuyobozi w'ubwato kureba niba nta cyahungabanya umutekano w'ubwato.</p> <p>(4) Uretse igihe cyo gutsika cyangwa gutsura ubwato, mu cyumba cy'umuyobozi w'ubwato bwihuta hagomba kuba harimo undi muntu wujuje imyaka 18 y'amavuko kandi ufite impamyabushobozi yo gutwara ubwato bwihuta.</p>	<p>with the exception of vessels manufactured for sports and leisure activities.</p> <p>(2) The helmsman receives and gives information and orders reaching or proceeding from the wheelhouse, to ensure proper control of the vessel.</p> <p>(3) When particular circumstances so require, the boatmaster may designate a person to assist the helmsman in keeping a lookout for any safety hazard for the vessel.</p> <p>(4) Another person aged at least 18 years with a certificate of competency to navigate high-speed vessel, must be in the wheelhouse except during berthing or casting off.</p>	<p>certificat de compétence requis à cet effet.</p> <p>(2) Le timonier reçoit et donne des informations et des ordres qui arrivent à la timonerie ou partent de celle-ci pour assurer la bonne conduite du bateau.</p> <p>(3) Lorsque des circonstances particulières l'exigent, le capitaine de bateau peut désigner une personne pour aider le timonier à veiller pour identifier tout danger pour la sécurité du bateau.</p> <p>(4) Une autre personne âgée d'au moins 18 ans ayant un certificat de compétence dans la conduite d'un bateau à grande vitesse doit se trouver dans la timonerie, sauf pendant l'accostage ou l'appareillage.</p>
<p><u>Ingingo ya 131: Inyandiko z'ubwato</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato agomba kugenzura ko buri bwato bufite inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) icyemezo cy'iyandikwa ry'ubwato;</p>	<p><u>Article 131: Vessel documents</u></p> <p>(1) The boatmaster must ensure that every vessel has the following documents:</p> <p>(a) a vessel registration certificate;</p>	<p><u>Article 131 : Documents du bateau</u></p> <p>(1) Le capitaine de bateau doit s'assurer que chaque bateau est muni des documents suivants :</p> <p>(a) certificat d'enregistrement du bateau ;</p>

<p>(b) icyemezo cy'igenzura ry'imiterere n'imikorere by'ubwato;</p> <p>(c) icyemezo cy'iyubakwa ry'ubwato;</p> <p>(d) imfashanyigisho y'intereko y'ubwato;</p> <p>(e) urutonde rw'abakozi b'ikipe n'urw'abagenzi;</p> <p>(f) igitabo cy'ubwato;</p> <p>(g) impamyabushobozi z'abakozi b'ikipe;</p> <p>(h) igishushanyo cy'inzira nyabagendwa yo mu mazi;</p> <p>(i) icyemezo cy'ubwishingizi;</p> <p>(j) inzira y'ubutabazi.</p>	<p>(b) a vessel seaworthiness inspection certificate;</p> <p>(c) a vessel manufacturer's certificate;</p> <p>(d) a guide to vessel stability;</p> <p>(e) a list of crew members and passengers manifest;</p> <p>(f) a vessel logbook;</p> <p>(g) certificates of competency of crew members;</p> <p>(h) navigational chart;</p> <p>(i) an insurance certificate;</p> <p>(j) an emergency plan.</p>	<p>(b) certificat de contrôle technique du bateau ;</p> <p>(c) certificat de fabrication du bateau ;</p> <p>(d) guide sur la stabilité du bateau ;</p> <p>(e) liste des membres d'équipage et manifeste de passagers ;</p> <p>(f) carnet de bord du bateau ;</p> <p>(g) certificats de compétence des membres d'équipage ;</p> <p>(h) carte de navigation ;</p> <p>(i) certificat d'assurance;</p> <p>(j) plan d'urgence.</p>
<p>(2) Icyakora, inyandiko zivugwa mu duka twa (d), (e) na (f) tw'igika cya (1) cy'iyi ngingo, ntizisabwa ku bwato bwo mu byiciro bya C na D no kuri barije.</p>	<p>(2) However, the documents referred to in Subparagraphs (d), (e) and (f) of Paragraph (1) of this Article are not required for vessels in category C and D and barges.</p>	<p>(2) Toutefois, les documents visés aux alinéas (d), (e) et (f) du paragraphe (1) du présent article ne sont pas exigés pour les bateaux relevant des catégories C et D et les barges.</p>
<p>(3) Umuyobozi mukuru w'ubwato cyangwa undi muntu ubishinzwe yereka inzego z'igenzura cyangwa</p>	<p>(3) The boatmaster or any other relevant person presents to the inspection authorities or organs in charge of the</p>	<p>(3) Le capitaine de bateau ou toute autre personne concernée présente aux entités d'inspection ou aux organes ayant la sécurité des voies</p>

<p>inzego zifite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano inyandiko z'ubwato zivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo igihe cyose azisabwe.</p> <p><u>Ingingo ya 132: Gushyira ku bwato umurongo w'ubwikorezi n'ibimenyetso by'indiba</u></p> <p>(1) Ubwato bwose bugenda mu mazi nyabagendwa bugomba kuba bufite umurongo w'ubwikorezi n'ibimenyetso by'indiba bigaragara.</p> <p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato agenzura ko umurongo w'ubwikorezi n'ibimenyetso by'indiba biri ku bwato ashinzwe mu buryo buhoraho kandi ko bikurikije amakuru ari ku cyemezo cy'iyubakwa ry'ubwato.</p> <p><u>Ingingo ya 133: Kubahiriza uburemere ntarengwa bw'umuzigo mu bwato</u></p> <p>Umuyobozi mukuru w'ubwato agomba kugenzura ko ubwato ashinzwe bwikoreye umuzigo ku buryo amazi atarenga umurongo w'ubwikorezi.</p>	<p>waterways safety the vessel documents referred to in Paragraph (1) of this Article whenever required to do so.</p> <p><u>Article 132: Marking the load line and the vessel draft</u></p> <p>(1) Any vessel sailing on waterways must have visible load line and draft marks.</p> <p>(2) The boatmaster ensures that the load line and draft of a vessel are permanently marked on the vessel of which he or she has command in accordance with respective descriptions found on the vessel manufacturer's certificate.</p> <p><u>Article 133: Compliance with maximum load on a vessel</u></p> <p>A boatmaster must ensure that a vessel of which he or she has command is not loaded beyond its load line markings.</p>	<p>navigables dans leurs attributions les documents visés au paragraphe (1) du présent article chaque fois qu'ils en sont requis.</p> <p><u>Article 132 : Marquage de la ligne de charge et du tirant d'eau du bateau</u></p> <p>(1) Tout bateau naviguant sur les voies navigables doit avoir des marques visibles de la ligne de charge et du tirant d'eau.</p> <p>(2) Le capitaine de bateau veille à ce que la ligne de charge et le tirant d'eau du bateau dont il assume le commandement soient marqués de façon permanente sur son bateau conformément aux descriptions respectives figurant sur le certificat de fabrication du bateau.</p> <p><u>Article 133 : Respect de la charge maximale sur un bateau</u></p> <p>Le capitaine de bateau doit veiller à ce que le bateau dont il assume le commandement ne soit pas chargé au-delà de ses marques de ligne de charge.</p>
--	---	--

<u>Ingingo ya 134: Kugenzura uburyo ubwato bupakiye</u>	<u>Article 134: Control of a vessel loading</u>	<u>Article 134 : Contrôle du chargement du bateau</u>
<p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato agenzura ko imizigo-</p> <p>(a) ipakiwe mu bwato itarenga impande zabwo;</p> <p>(b) itabangamiye abayobora ubwato mu kureba mu ntera irenze metero 350 imbere y'ubwato;</p> <p>(c) idahungabanya intereko y'ubwato cyangwa ikabwangiza;</p> <p>(d) ipakiwe hubahirijwe ibindi byateganywa n'amabwiriza y'urwego rufite mu nshingano umutekano wo mazi nyabagendwa.</p> <p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato butwara kontineri akoresha igenzura ry'intereko y'ubwato ashinzwe mbere yo guhaguruka.</p> <p>(3) Iyo kureba inyuma no ku mpande z'ubwato bigoye ku bayobora ubwato buri mu rugendo, umuyobozi mukuru w'ubwato agomba kugenzura ko hari radari cyangwa ibindi bikoresho byabugenewe</p>	<p>(1) The boatmaster ensures that the load-</p> <p>(a) does not extend beyond the sides of the vessel;</p> <p>(b) does not restrict the direct view at a distance of more than 350 metres in front of the vessel;</p> <p>(c) does not endanger the vessel's stability or damage the vessel;</p> <p>(d) is loaded in compliance with other rules laid down by the entity in charge of waterways safety.</p> <p>(2) The boatmaster that carries containers has the stability of the vessel of which he or she has command checked before the vessel's departure.</p> <p>(3) If direct visibility astern and aside is restricted during the voyage, the boatmaster must ensure that this lack of visibility is compensated for by the use of radar apparatus or other apparatus suitable for the purpose.</p>	<p>(1) Le capitaine de bateau effectue un contrôle pour s'assurer que la charge-</p> <p>(a) ne s'étend pas au-delà des côtés du bateau ;</p> <p>(b) ne masque pas la vision directe depuis le bateau sur une longueur de plus de 350 mètres en avant du bateau ;</p> <p>(c) ne compromet pas la stabilité du bateau ou n'endommage le bateau;</p> <p>(d) est chargée dans le respect d'autres dispositions pouvant être prévues par les règles mises en place par l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions.</p> <p>(2) Le capitaine de bateau qui transporte des conteneurs fait vérifier la stabilité du bateau dont il assume le commandement avant le départ de ce dernier.</p> <p>(3) Si la vision directe vers l'arrière et sur le côté est masquée lorsque le bateau fait route, le capitaine de bateau doit s'assurer que cette insuffisance du champ de vision est compensée par l'utilisation du radar ou d'autres appareils adaptés à cette fin.</p>

<p>byunganira kurebesha amaso.</p> <p><u>Ingingo ya 135: Ikoreshwa ry'inanga y'ubwato</u></p> <p>(1) Inanga y'ubwato imanurwa mu mazi kugira ngo iburinde kuva aho buri igihe buhagaze.</p> <p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato agenzura ko inanga y'ubwato izamuye iyo idakoreshwa.</p> <p><u>Ingingo ya 136: Kumenyekanisha ikintu cyateza impanuka mu kugenda mu mazi nyabagendwa</u></p> <p>Umuyobozi mukuru w'ubwato agomba kumenyesha inzego zishinzwe umutekano wo mu mazi nyabagendwa n'umuyobozi mukuru w'ubwato buri hafi, akoresheje uburyo bw'itumanaho afite, ikintu cyatakaye mu mazi cyabangamira cyangwa cyateza impanuka mu kugenda mu nzira nyabagendwa zo mu mazi. Iyo bishoboka, ashira ikimenyetso ahantu hari ikintu cyateza impanuka.</p> <p><u>Ingingo ya 137: Ibikoresho byifashishwa mu kuyobora ubwato</u></p> <p>(1) Ubwato bugenda mu mazi</p>	<p><u>Article 135: Use of anchor</u></p> <p>(1) The anchor is thrown into the water to hold the vessel in place when berthed.</p> <p>(2) The boatmaster ensures that the anchor is in the raised position unless it is used.</p> <p><u>Article 136: Notification of a danger likely to cause a sailing accident in waterways</u></p> <p>The boatmaster must inform, by any means of communication at his or her disposal, the authorities in charge of waterways safety and the boatmaster of the vessel in the vicinity of any object lost in waterways which may cause an obstruction or accident for navigation. If possible, he or she places a marker at the spot where such an object which may cause an accident is found.</p> <p><u>Article 137: Navigation equipment on board the vessel</u></p> <p>(1) A vessel sailing on waterways must have</p>	<p><u>Article 135 : Utilisation de l'ancre</u></p> <p>(1) L'ancre est laissée descendre dans l'eau pour qu'elle serve à immobiliser le bateau lorsque ce dernier est accosté.</p> <p>(2) Le capitaine de bateau s'assure que l'ancre est en position relevée lorsqu'elle n'est pas utilisée.</p> <p><u>Article 136 : Notification d'un danger susceptible de causer un accident de navigation sur les voies navigables</u></p> <p>Le capitaine de bateau doit par tout moyen de communication à sa disposition, aviser les entités chargées de la sécurité des voies navigables et le capitaine de bateau à proximité d'un objet perdu dans les voies navigables susceptible de causer une obstruction ou un accident pour la navigation. Si possible, il peut marquer d'un repère l'endroit où se trouve cet objet susceptible de causer un accident.</p> <p><u>Article 137 : Équipement de navigation à bord du bateau</u></p> <p>(1) Un bateau naviguant sur les voies navigables</p>
---	---	---

<p>nyabagendwa bugomba kuba bufite ibikoresho byifashishwa mu kubuyobora.</p>	<p>navigation equipment.</p>	<p>doit être muni d'un équipement de navigation.</p>
<p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato bufite moteri n'uburebure kuva kuri metero eshanu kugeza kuri metero 25 agenzura ko ubwato ashinzwe bufite igikoresho cyifashishwa mu kwerekana aho buherereye.</p>	<p>(2) The master of a power-driven vessel of five to 25 metres in length carries out checks to ensure that the vessel of which he or she has command is equipped with a global positioning system.</p>	<p>(2) Le capitaine d'un bateau à moteur de cinq à 25 mètres de longueur effectue des vérifications pour s'assurer que le bateau dont il assume le commandement est équipé d'un système de positionnement global.</p>
<p>(3) Umuyobozi mukuru w'ubwato burengeje metero 25 z'uburebure agenzura ko bufite -</p>	<p>(3) The master of a power-driven vessel of more than 25 metres in length, carries out checks to ensure that the vessel is equipped with -</p>	<p>(3) Le capitaine d'un bateau à moteur de plus de 25 mètres de longueur effectue des vérifications pour s'assurer que le bateau est équipé -</p>
<p>(a) igikoresho cyifashishwa mu kwerekana aho ubwato buherereye;</p>	<p>(a) a global positioning system;</p>	<p>(a) d'un système de positionnement global;</p>
<p>(b) radari;</p>	<p>(b) a radar;</p>	<p>(b) d'un radar;</p>
<p>(c) igikoresho cyifashishwa mu kureba kure;</p>	<p>(c) binoculars;</p>	<p>(c) de jumelles;</p>
<p>(d) igikoresho gipima ubujyakuzimu bw'amazi;</p>	<p>(d) an echo sounder;</p>	<p>(d) d'un échosondeur ;</p>
<p>(e) uburyo bw'itumanaho.</p>	<p>(e) means of communication.</p>	<p>(e) de moyens de communication.</p>
<p>(4) Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gutwara abantu n'ibintu rushobora gushyiraho amabwiriza agena ibindi bikoresho byifashishwa mu kuyobora</p>	<p>(4) The public entity in charge of transport development may issue instructions determining other navigation equipment</p>	<p>(4) L'entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions peut mettre en place des instructions déterminant d'autres</p>

ubwato.	components.	éléments d'équipement de navigation.
<p>Ingingo ya 138: Ibikoresho by'umutekano byo mu bwato</p>	<p>Article 138: Safety equipment on board the vessel</p>	<p>Article 138 : Équipement de sécurité à bord du bateau</p>
<p>(1) Ubwato bugenda mu mazi nyabagendwa bugira ibikoresho by'umutekano byo mu bwato.</p>	<p>(1) A vessel sailing on waterways have safety equipment.</p>	<p>(1) Un bateau naviguant sur les voies navigables dispose d'un équipement de sécurité.</p>
<p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato agenzura ko umuntu wese uri mu bwato yambaye ikoti ry'ubwirinzi rikwiye.</p>	<p>(2) The boatmaster carries out checks to ensure that every person on board wears a standard life jacket.</p>	<p>(2) Le capitaine de bateau effectue des vérifications pour s'assurer que chaque personne à bord porte un gilet de sauvetage standard.</p>
<p>(3) Umuyobozi mukuru w'ubwato agenzura ko ubwato ashinzwe bufite ibikoresho bizimya umuriro, ibikoresho bituma ubwato butikuba ku bundi, ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze n'ibikoresho by'ubutabazi bifasha kureremba ku mazi nibura kimwe ku bantu batanu.</p>	<p>(3) The boatmaster carries out checks to ensure that the vessel of which he or she has command is equipped with fire extinguishers, fenders, first-aid kit and life buoys at a ratio of at least one for every five persons.</p>	<p>(3) Le capitaine de bateau effectue des vérifications pour s'assurer que le bateau dont il assume le commandement est équipé d'extincteurs, de pare-battage, de trousse de premiers soins et de bouées de sauvetage à un rapport d'au moins un pour cinq personnes.</p>
<p>(4) Urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano rushobora kugena ibindi bikoresho by'umutekano wo mu mazi.</p>	<p>(4) The entity in charge of waterways safety may determine other components of safety equipment on waterways.</p>	<p>(4) L'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions peut déterminer d'autres éléments d'équipement de sécurité dans les voies navigables.</p>

<p><u>Ingingo ya 139:</u> Amatara n'ibikoresho ndangururamajwi</p> <p>(1) Ubwato bugenda mu mazi nyabagendwa bugomba kugira amatara n'ibikoresho ndangururamajwi.</p> <p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato azenzura ko ubwato ashinzwe bufite amatara yabugenewe n'ibikoresho ndangururamajwi bikoreshwa mu gusaba ubufasha, ubutabazi, uburenganzira bw'inzira cyangwa kwerekana ingano y'ubwato.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'amatara n'ibikoresho ndangururamajwi bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo rikanagena n'uburyo bikoreshwa.</p>	<p><u>Article 139:</u> Light and sound emitting devices</p> <p>(1) A vessel sailing on waterways must have light and sound emitting devices.</p> <p>(2) A boatmaster carries out checks to ensure that the vessel of which he or she has command is equipped with standard light and sound emitting devices used to request for assistance, call for rescue, ask to be given a right of way or indicate the vessel dimensions.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines the characteristics of light and sound emitting devices referred to in Paragraph (1) of this Article and indicates modalities for use thereof.</p>	<p><u>Article 139 :</u> Dispositifs émetteurs de lumière et de son</p> <p>(1) Un bateau navigant sur les voies navigables doit avoir des dispositifs émetteurs de lumière et de son.</p> <p>(2) Le capitaine de bateau vérifie pour s'assurer que le bateau dont il assume le commandement est équipé de dispositifs standard émetteurs de lumière et de son utilisés pour demander assistance, appeler au sauvetage, demander le droit de passage ou indiquer les dimensions du bateau.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les caractéristiques des dispositifs émetteurs de lumière et de son visé au paragraphe (1) du présent article et indique les modalités de leur utilisation.</p>
<p><u>Ingingo ya 140:</u> Gusaba no gutanga ubutabazi ku bwato buri mu kaga</p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato buri mu kaga yohereza ikimenyetso gisaba ubufasha ku bwato buri hafi cyangwa ku rwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano rumwegereye.</p>	<p><u>Article 140:</u> Call for rescue and rescue response for a vessel in distress</p> <p>(1) The boatmaster in distress sends a distress signal to any vessel in the vicinity and to the nearest station of the entity in charge of waterways safety requesting for assistance.</p>	<p><u>Article 140 :</u> Appel au sauvetage et intervention de sauvetage pour un bateau en détresse</p> <p>(1) Le capitaine d'un bateau en détresse envoie un signal de détresse à tout bateau à proximité ou à la station la plus proche de l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions demandant de l'assistance.</p>

<p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato ubonye ikimenyetso cy'ubwato busaba ubufasha cyangwa ubutabazi, amenyeshya umuyobozi mukuru w'ubwato wamusabye ubufasha cyangwa ubutabazi ko yabonye icyo kimenyetso kandi ko agiye kumufasha.</p> <p>(3) icyakora, umuyobozi mukuru w'ubwato afite inshingano zo gutanga ubufasha ku bwato buri mu kaga adategereje ikimenyetso cy'intabaza.</p> <p>(4) Igihe umuyobozi mukuru w'ubwato adashoye gutanga ubufasha cyangwa ubutabazi bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, agaragaza impamvu mu gitabo cy'ubwato.</p>	<p>(2) The boatmaster who receives a signal that a vessel is in distress and is requesting for assistance or calling for rescue, informs boatmaster requesting for assistance or calling for rescue who needs assistance that he or she has received the signal and that he or she is going to render assistance.</p> <p>(3) However, a boatmaster has an obligation to render assistance to the vessel in distress without waiting for a distress signal.</p> <p>(4) In case a boatmaster is unable to render assistance or rescue provided for under Paragraph (2) of this Article, he or she states the reasons thereof in the vessel logbook.</p>	<p>(2) Le capitaine de bateau qui reçoit un signal indiquant qu'un bateau est en détresse et demande de l'assistance ou appelle au sauvetage, informe le capitaine de bateau qui demande l'assistance ou appelle au sauvetage qu'il a reçu le signal et qu'il va prêter assistance.</p> <p>(3) Toutefois, le capitaine de bateau a l'obligation de prêter assistance au bateau en détresse sans attendre le signal de détresse.</p> <p>(4) Si le capitaine de bateau n'est pas en mesure de prêter assistance ou sauvetage visés au paragraphe (2) du présent article, il en consigne les motifs au carnet de bord du bateau.</p>
<p><u>Ingingo ya 141: Ubwishingizi bw'ubwato</u></p> <p>(1) Ubwato butwara abantu cyangwa ibintu bugomba kuba bufite ubwishingizi.</p> <p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato agenzura ko ubwato ashinzwe bufite ubwishingizi bw'abantu cyangwa</p>	<p><u>Article 141: Vessel insurance</u></p> <p>(1) A passenger or cargo vessel must have insurance cover.</p> <p>(2) A boatmaster carries out checks to ensure that the vessel of which he or she has command has an insurance</p>	<p><u>Article 141 : Assurance bateau</u></p> <p>(1) Un bateau à passagers ou un bateau de cargaison doit avoir une couverture d'assurance.</p> <p>(2) Le capitaine de bateau effectue des vérifications pour s'assurer que le bateau dont il assume le commandement a une</p>

<p>ubw'ibintu kandi akubahiriza ibiteganywa n'amasezerano y'ubwishingizi bwabwo.</p> <p><u>Ingingo ya 142: Igipimo ntarengwa cy'alukolu mu maraso n'uburyo bwo kuyipima</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato cyangwa umukozi w'ikipe ntibemerewe gukora akazi bafite igipimo cy'alukolu kiri hejuru ya garama zero n'ibice zero muri litiro imwe y'amaraso ku bwato butwara abagenzi cyangwa imizigo, na garama zero n'ibice bine muri litiro imwe y'amaraso ku bwato bwigengwaho.</p> <p>(2) Umukozi ubifitiye ububasha ateguka umuyobozi mukuru w'ubwato cyangwa umukozi w'ikipe gupimwa alukolu mu maraso igihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe guhamya umutekano wo mu mazi nyabagendwa.</p> <p>(3) Umukozi ubifitiye ububasha apima alukolu mu maraso hifashishijwe ibikoresho byabugenewe.</p>	<p>cover for people or cargo and complies with the provisions of the insurance contract concluded to that effect.</p> <p><u>Article 142: Blood alcohol limit and testing method</u></p> <p>(1) A boatmaster or crew member is prohibited from acting in that capacity if he or she has a blood alcohol level higher than zero point zero gramme per litre of blood for a passenger vessel or cargo vessel and zero point four grammes per litre of blood for a private vessel.</p> <p>(2) An authorised officer orders a boatmaster or crew member to have a blood alcohol test whenever necessary to safeguard the waterways safety.</p> <p>(3) An authorised officer performs a blood alcohol test, using devices provided for the purpose.</p>	<p>assurance qui couvre les personnes ou les biens et se conforme aux dispositions du contrat d'assurance conclu à cet effet.</p> <p><u>Article 142 : Taux limite et méthode de contrôle d'alcoolémie</u></p> <p>(1) Il est interdit à un capitaine de bateau ou un membre d'équipage d'agir en cette qualité avec un taux d'alcoolémie supérieur à zéro virgule zéro gramme par litre de sang pour un bateau à passagers ou un bateau de cargaison et supérieur à zéro virgule quatre grammes par litre de sang pour un bateau privé.</p> <p>(2) Un agent autorisé ordonne à un capitaine de bateau ou à un membre d'équipage de se soumettre à un contrôle d'alcoolémie chaque fois que de besoin aux fins d'assurer la sécurité des voies navigables.</p> <p>(3) Un agent effectue un contrôle d'alcoolémie à l'aide des appareils prévus à cet effet.</p>
--	--	--

<p>(4) Iyo gupima alukolu mu maraso hifashishijwe ibikoresho byabugenewe bidashoboka, gupima alukolu mu maraso bikorwa na muganga wemewe na Leta kandi akabitangira icyemezo.</p> <p><u>Ingingo ya 143:</u> Gupima ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoresha nka byo n'ibindi bibujijwe ku bakozi bakora mu bwato</p> <p>(1) Umukozi ubifitiye ububasha ateguka umuyobozi mukuru w'ubwato cyangwa umukozi w'ikipe gupimwa ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoresha nka byo n'ibindi bibujijwe igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p>(2) Gupima kuvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gukorwa na muganga wemewe na Leta akabitangira icyemezo cya muganga.</p>	<p>(4) When it is impossible to perform a blood alcohol test using devices provided for the purpose, such a test is performed by a recognised medical doctor who issues a certificate to that effect.</p> <p><u>Article 143:</u> Testing for narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances for vessel personnel</p> <p>(1) An authorised officer orders a boatmaster or crew member to have a test for narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances, whenever necessary.</p> <p>(2) The test referred to under Paragraph (1) of this Article is performed by a recognised medical doctor who issues a certificate to that effect.</p>	<p>(4) En cas d'impossibilité d'effectuer un contrôle d'alcoolémie à l'aide des appareils prévus à cet effet, ce contrôle est effectué par un médecin agréé qui délivre un certificat à cet effet.</p> <p><u>Article 143 :</u> Test de dépistage de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d'autres substances interdites pour le personnel du bateau</p> <p>(1) Un agent autorisé ordonne à un capitaine de bateau ou à un membre d'équipage de se soumettre à un test de dépistage de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d'autres substances interdites, chaque fois que nécessaire.</p> <p>(2) Le test de dépistage visé au paragraphe (1) du présent article est effectué par un médecin agréé qui délivre un certificat à cet effet.</p>
<p><u>Ingingo ya 144:</u> Ihagarikwa cyangwa ifungwa ry'ubwato</p> <p>(1) Urwego rufite umutekano wo mu mazi mu nshingano rushobora guhagarika cyangwa gufunga ubwato iyo hatubahirijwe ibisabwa mu kugenda mu mazi nyabagendwa.</p>	<p><u>Article 144:</u> Immobilisation or impoundment of a vessel</p> <p>(1) The entity in charge of maritime safety may immobilise or impound a vessel for failure to comply with the requirements for waterways navigation.</p>	<p><u>Article 144 :</u> Immobilisation ou mise en fourrière d'un bateau</p> <p>(1) L'entité ayant la sécurité maritime dans ses attributions peut procéder à l'immobilisation ou à la mise en fourrière d'un bateau pour non-respect des conditions applicables à la navigation sur</p>

<p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibirebana n'ihagarikwa cyangwa ifungwa ry'ubwato.</p> <p><u>Akicro ka 5: Inkomyi cyangwa impanuka mu mazi nyabagendwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 145: Gushakisha, ubutabazi n'iperereza ku mpanuka cyangwa ku nkomyi</u></p> <p>Gushakisha, ubutabazi, iperereza ku mpanuka cyangwa ku nkomyi biri mu nshingano z'Urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 146: Kumenyekanisha inkomyi cyangwa impanuka by'ubwato</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato agomba kumenyeshya urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano inkomyi cyangwa impanuka ubwato ashinzwe bwakoze.</p> <p>(2) Icyakora, umuntu wese umenye inkomyi cyangwa impanuka y'ubwato mu mazi nyabagendwa amenyeshya urwego rufite umutekano</p>	<p>(2) An Order of the Minister determines modalities for immobilisation or impoundment of vessels.</p> <p><u>Subsection 5: Navigation incidents or accidents in waterways</u></p> <p><u>Article 145: Search, rescue and accident or incident investigation</u></p> <p>Search, rescue and accident or incident investigation falls within the competence of the entity in charge of waterways safety.</p> <p><u>Article 146: Notification of an incident or accident of a vessel</u></p> <p>(1) The boatmaster must notify the entity in charge of waterways safety of any incident or accident in which the vessel of which he or she has command has been involved.</p> <p>(2) However, any person who becomes aware of an incident or accident on waterways notifies it to the entity in charge of waterways safety or the</p>	<p>les voies navigables.</p> <p>(2) Un arrêté du ministre détermine les modalités d'immobilisation ou de mise en fourrière de bateaux.</p> <p><u>Sous-section 5 : Incidents ou accidents de navigation sur les voies navigables</u></p> <p><u>Article 145 : Recherche, sauvetage et enquête sur un accident ou un incident</u></p> <p>La recherche, le sauvetage et l'enquête sur un accident ou un incident relèvent de la compétence de l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions.</p> <p><u>Article 146 : Notification d'un incident ou d'un accident d'un bateau</u></p> <p>(1) Le capitaine de bateau doit notifier à l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions un incident ou un accident dans lequel le bateau dont il assume le commandement a été impliqué.</p> <p>(2) Toutefois, toute personne qui prend connaissance d'un incident ou accident sur les voies navigables en fait la notification à l'entité ayant la sécurité des voies</p>
---	--	---

<p>wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano cyangwa ubuyobozi bw'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bumwegereye.</p> <p>(3) Urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano rukurikirana impanuka cyangwa inkomyi rugatanga ubutabazi bukenewe kandi rukabikorera raporo.</p> <p><u>Ingingo ya 147: Raporo y'inkomyi cyangwa y'impanuka y'ubwato</u></p> <p>(1) Raporo y'inkomyi cyangwa y'impanuka y'ubwato igomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:</p> <p>(a) ibiranga ubwato;</p> <p>(b) aho impanuka cyangwa inkomyi yabereye;</p> <p>(c) uburyo impanuka cyangwa inkomyi yagenze;</p> <p>(d) ibyangijwe n'inkomyi cyangwa impanuka;</p> <p>(e) impamvu yaba yateye inkomyi cyangwa impanuka;</p>	<p>nearest authorities of decentralized administrative entities.</p> <p>(3) The entity in charge of waterways safety monitors accidents or incidents, provides necessary rescue and report thereon.</p> <p><u>Article 147: Vessel incident or accident report</u></p> <p>(1) A vessel incident or accident report must indicate at least the following:</p> <p>(a) vessel identification;</p> <p>(b) the place of occurrence of the accident or incident;</p> <p>(c) circumstances of occurrence of the accident or incident;</p> <p>(d) damages caused by the incident or accident;</p> <p>(e) probable cause of the incident or accident;</p>	<p>navigables dans ses attributions ou aux autorités des entités administratives décentralisées les plus proches.</p> <p>(3) L'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions fait le suivi des accidents ou des incidents, apporte le secours nécessaire et en fait rapport.</p> <p><u>Article 147 : Rapport d'incident ou d'accident d'un bateau</u></p> <p>(1) Le rapport d'incident ou d'accident d'un bateau doit indiquer au moins ce qui suit :</p> <p>(a) identification du bateau;</p> <p>(b) lieu d'accident ou d'incident ;</p> <p>(c) circonstances dans lesquelles l'accident ou l'incident s'est produit;</p> <p>(d) dommages causés par l'incident ou l'accident;</p> <p>(e) cause probable de l'incident ou de l'accident;</p>
--	--	--

<p>(f) inama yo gukosora ibyuhoro byagaragaye ko byateje impanuka cyangwa inkomyi.</p> <p>(2) Urwego rushinzwe umutekano wo mu mazi nyabagendwa rubika amakuru y'inkomyi cyangwa impanuka y'ubwato rugaha raporo abafatanyabikorwa bireba.</p>	<p>(f) a recommendation on how to remedy deficiencies identified as having led to the accident or incident.</p> <p>(2) The entity in charge of waterways safety keeps vessel incident or accident records and shares the report with the stakeholders concerned.</p>	<p>(f) recommandation sur la manière de rectifier les lacunes identifiées en tant que cause de l'accident ou de l'incident.</p> <p>(2) L'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions conserve les dossiers sur les incidents ou accidents du bateau et partage le rapport avec les partenaires concernés.</p>
<p><u>Ingingo ya 148: Igikorwa mu gihe ubwato cyangwa igikoresho kireremba bigize ikibazo</u></p>	<p><u>Article 148: Action taken in the case of a grounded vessel or floating equipment</u></p>	<p><u>Article 148 : Mesure prise dans le cas d'un bateau ou d'un engin flottant échoué</u></p>
<p>(1) Mu gihe ubwato cyangwa igikoresho kireremba bihamye cyangwa bigize ikindi kibazo umuyobozi mukuru w'ubwato, umukozi w'ikipe cyangwa umukozi ushinze igikoresho kireremba aguma ahabereye ikibazo iyo bishoboka cyangwa ku mwaro hafi y'ahabereye ikibazo kugeza igihe urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano rumwemereye kugenda.</p>	<p>(1) In the case of a sunken or grounded vessel or floating equipment, the boatmaster, a crew member or an officer in charge of a floating equipment remains at the scene of occurrence of such a situation, where possible, or on the shore near such a scene until the entity in charge of waterways safety authorizes him or her to leave.</p>	<p>(1) Dans le cas d'un bateau ou d'un engin flottant coulé ou échoué le capitaine de bateau, un membre d'équipage ou un agent chargé de l'engin flottant reste sur le lieu de survenance de cette situation, lorsque cela est possible, ou sur le rivage près de ce lieu jusqu'à ce que l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions l'autorise de quitter.</p>
<p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato bwagize ikibazo cyangwa bwahamye cyangwa umukozi ushinze igikoresho kireremba ku mazi cyarohamye ashira ikimenyetso mu ntera ihagije uvuye aho ubwato</p>	<p>(2) The boatmaster of a grounded or sunken vessel or an officer in charge of sunken floating equipment installs signs at a sufficient distance from the scene where the vessel or floating equipment is grounded or sunken to give timely</p>	<p>(2) Le capitaine d'un bateau échoué ou coulé ou un agent chargé d'un engin flottant ayant coulé installe une signalisation à une distance suffisante du lieu où le bateau ou l'engin flottant s'est échoué ou a coulé pour avertir à temps les bateaux approchants.</p>

<p>cyangwa icyo gikoresho byagiriye ikibazo cyangwa byarohamiye kugira ngo aburire ku gihe ubwato bwahegera.</p> <p><u>Ingingo ya 149:</u> Kuvana mu nzira nyabagendwa yo mu mazi ubwato cyangwa igikoresho kireremba byagize ikibazo</p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w’ubwato cyangwa umukozi ushinzwe igikoresho kireremba byarohamiye cyangwa byagize ikindi kibazo bagomba kubivana mu nzira nyabagendwa yo mu mazi bitarenze amasaha 72 uherye ku isaha byagiriye ikibazo.</p> <p>(2) Iyo umuyobozi mukuru w’ubwato cyangwa umukozi ushinzwe igikoresho kireremba byagize ikibazo cyangwa byarohamiye badashoboye kubivana mu nzira nyabagendwa yo mu mazi mu gihe kivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo, bashobora gusaba mu nyandiko urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano iminsi ibiri y’inyongera</p> <p>(3) Mu gihe ibiteganywa mu gika cya (1)</p>	<p>warning to approaching vessels.</p> <p><u>Article 149:</u> Clearing grounded vessel or floating equipment off the fairway</p> <p>(1) The boatmaster of a grounded or sunken vessel or an officer in charge of a grounded or sunken floating equipment must clear such a vessel or equipment off the fairway of within 72 hours of the time of the occurrence of such a situation.</p> <p>(2) If the boatmaster of a grounded or sunken vessel or an officer in charge of a grounded or sunken floating equipment fails to clear such vessel or equipment off the fairway within the period provided for in Paragraph (1) of this Article, he or she applies in writing to the entity in charge of waterways safety for an additional period of two days.</p> <p>(3) When the clearing referred to in</p>	<p><u>Article 149 :</u> Dégagement d’un bateau ou d’un engin flottant échoué sur le fairway</p> <p>(1) Le capitaine d’un bateau échoué ou coulé ou un agent chargé d’un engin flottant échoué ou coulé doit dégager le fairway de ce bateau ou engin dans les 72 heures suivant l’heure de survenance de cette situation.</p> <p>(2) Si le capitaine d’un bateau échoué ou coulé ou un agent chargé d’un engin flottant échoué ou coulé ne dégage pas ce bateau ou engin de fairway dans le délai prévu au paragraphe (1) du présent article, il peut demander par écrit à l’entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions de lui accorder un délai supplémentaire de deux jours.</p> <p>(3) Lorsque le dégagement visé aux</p>
--	--	--

<p>n'icya (2) by'iyi ngingo bidakozwe, bikorwa n'Urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano, ikiguzi cy'ibyakoze kigatangwa na nyiri ubwato cyangwa nyiri igikoresho kireremba.</p> <p><u>Icyiciro cya 5: Gutwara abantu n'ibintu mu mazi nyabagendwa mu buryo bwa rusange</u></p> <p><u>Akiciro ka mbere: Gutwara abagenzi mu mazi nyabagendwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 150: Ubwato bukoreshwa mu gutwara abagenzi mu mazi nyabagendwa</u></p> <p>Umuntu ushaka gukora umurimo wo gutwara abagenzi mu mazi nyabagendwa abikora akoresheje ubwato bufite moteri.</p> <p><u>Ingingo ya 151: Igenwa ry'ibyerekezo by'ingendo</u></p> <p>Umuntu ukora umurimo wo gutwara abagenzi mu mazi nyabagendwa abikorera mu byerekezo by'ingendo hashingiwe ku masezerano ya serivisi.</p>	<p>Paragraphs (1) and (2) of this Article is not done, the entity in charge of waterways safety carries out the clearing at the expense of the vessel or floating equipment owner.</p> <p><u>Section 5: Public transport on waterways</u></p> <p><u>Subsection One: Transport of passengers on waterways</u></p> <p><u>Article 150: Vessel used for the transport of passengers on waterways</u></p> <p>A person wishing to engage in the transport of passengers on waterways carries out such transport by use of a motorised vessel.</p> <p><u>Article 151: Routes assignment</u></p> <p>A person who engages in waterways passenger transport operates within the designated routes as stipulated in the service contract.</p>	<p>paragraphes (1) et (2) du présent article n'est pas réalisé, l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions procède à la réalisation de ce dégagement aux frais du propriétaire du bateau ou de l'engin flottant.</p> <p><u>Section 5 : Transport public par voies navigables</u></p> <p><u>Sous-section première : Transport de passagers par voies navigables</u></p> <p><u>Article 150 : Bateau affecté au transport de passagers par voies navigables</u></p> <p>Une personne qui désire effectuer le transport de passagers par voies navigables effectue ce transport au moyen d'un bateau motorisé.</p> <p><u>Article 151 : Attribution de lignes</u></p> <p>Une personne qui effectue le transport de passagers par voies navigables opère dans des lignes désignées comme stipulées dans le contrat de service.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 152: Gutwara abagenzi bafite ubumuga mu bwato</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w’ubwato agomba gufasha no guha umwanya w’ibanze abagenzi bafite ubumuga igihe binjira n’igihe basohoka mu bwato.</p> <p>(2) Urwego rwa Leta rufite iterambere ryo gutwara abantu n’ibintu mu nshingano rugenzura ko ubwato butwara abagenzi n’aho buhagarara byorohereza abafite ubumuga.</p>	<p><u>Article 152: Transport of passengers with disabilities on board a vessel</u></p> <p>(1) A boatmaster must assist and give priority to passengers with disabilities to get on and off the vessel.</p> <p>(2) The public entity in charge of transport development carries out an inspection to ensure that passenger vessels and berth facilities facilitates accessibility thereof for passengers with disabilities.</p>	<p><u>Article 152 : Transport de passagers handicapés à bord d’un bateau</u></p> <p>(1) Le capitaine de bateau doit aider les passagers handicapés et leur accorder la priorité pour embarquer et débarquer du bateau.</p> <p>(2) L’entité publique ayant le développement du transport dans ses attributions effectue une inspection pour s’assurer que les bateaux affectés au transport de passagers et les installations d’accostage facilitent leur accessibilité aux personnes handicapées.</p>
<p><u>Akicro ka 2: Gutwara ibintu mu mazi nyabagendwa</u></p>	<p><u>Subsection 2: Transport of goods on waterways</u></p>	<p><u>Sous-section 2 : Transport de biens par voies navigables</u></p>
<p><u>Ingingo ya 153: Ubwato bukoreshwa mu gutwara ibintu mu mazi nyabagendwa</u></p> <p>Umuntu ushaka gukora umurimo wo gutwara ibintu mu mazi nyabagendwa agomba gukoresha ubwato bufite moteri.</p>	<p><u>Article 153: Vessel used for the transport of goods on waterways</u></p> <p>A person wishing to engage in the transport of goods on waterways carries out such transport by use of a motorised vessel.</p>	<p><u>Article 153 : Bateau affecté au transport de biens par voies navigables</u></p> <p>Une personne qui désire effectuer le transport de biens par voies navigables effectue ce transport au moyen d’un bateau motorisé.</p>
<p><u>Ingingo ya 154: Uburyo bwo gupakira no gupakurura imizigo mu bwato</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w’ubwato butwara imizigo azenzura ko gupakira no gupakurura imizigo bikorwa</p>	<p><u>Article 154: Vessel loading and unloading</u></p> <p>(1) The boatmaster of a vessel used for cargo transport carries out an inspection to ensure that cargo loading</p>	<p><u>Article 154 : Chargement et déchargement du bateau</u></p> <p>(1) Le capitaine d’un bateau affecté au transport de cargaison effectue une inspection pour s’assurer que le</p>

<p>hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe hakurikijwe ubwoko bw'imizigo.</p> <p>(2) Umuyobozi mukuru w'ubwato butwara imizigo agenzura ko uwahawe akazi ko gupakira cyangwa gupakurura imizigo yigengesera kugira ngo atangiza iyo mizigo cyangwa ibidukikije.</p> <p><u>Ingingo ya 155: Ahantu ho gupakirira no gupakururira imizigo</u></p> <p>(1) Umuyobozi mukuru w'ubwato butwara imizigo agomba gupakirira no gupakururira imizigo ahantu hatateza impanuka.</p> <p>(2) Icyakora, iyo bibaye ngombwa ko umuyobozi mukuru w'ubwato butwara imizigo apakurura mu bihe byihutirwa, agomba kumenyesha urwego rufite umutekano wo mu mazi nyabagendwa mu nshingano cyangwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abatwaga.</p>	<p>and unloading are done using appropriate equipment depending on the type of cargo.</p> <p>(2) A boatmaster of a vessel used for cargo transport carries out an inspection to ensure that a person employed to load or unload cargo does his or her work with care to prevent damage to the cargo or environment.</p> <p><u>Article 155: Loading and unloading areas</u></p> <p>(1) The boatmaster of a vessel used for cargo transport must ensure that the cargo is loaded or unloaded in a safe place.</p> <p>(2) However, when it is necessary for the boatmaster of a vessel used for cargo transport to perform the unloading in an emergency, he or she must notify the entity in charge of waterways safety or authorities of decentralized administrative entities thereof.</p>	<p>chargement et le déchargement du bateau se font à l'aide des équipements appropriés en fonction du type de cargaison.</p> <p>(2) Le capitaine d'un bateau affecté au transport de cargaisons effectue une inspection pour s'assurer qu'une personne employée pour charger ou décharger la cargaison fait son travail avec soin pour éviter des dommages à la cargaison ou à l'environnement.</p> <p><u>Article 155 : Zones de chargement et de déchargement</u></p> <p>(1) Le capitaine d'un bateau affecté au transport de cargaisons doit faire en sorte que le chargement et le déchargement de la cargaison se fassent dans un endroit sûr.</p> <p>(2) Toutefois, lorsqu'il est nécessaire que le capitaine d'un bateau affecté au transport de cargaisons effectue le chargement dans une situation d'urgence, il doit en aviser l'entité ayant la sécurité des voies navigables dans ses attributions ou les entités administratives décentralisées.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 156:</u> Gutwara mu bwato imizigo yihariye n'iyateza ibyago</p> <p>(1) Umuntu ushaka gutwara mu bwato imizigo yihariye n'iyateza ibyago abisabira uruhushya mu nyandiko urwego rubifite mu nshingano.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena imizigo yihariye n'iyateza ibyago n'uburyo bwo kuyitwara.</p>	<p><u>Article 156:</u> Transportation of special loads and dangerous cargoes on board a vessel</p> <p>(1) A person wishing to carry out the transport of special loads and dangerous cargoes on board a vessel applies in writing to the competent entity for permission to do so.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines special loads and dangerous cargoes as well as modalities for the transport thereof.</p>	<p><u>Article 156 :</u> Transport de charges spéciales et de cargaisons dangereuses à bord d'un bateau</p> <p>(1) Une personne qui désire effectuer le transport de charges spéciales et de cargaisons dangereuses à bord d'un bateau demande par écrit une permission à cet effet auprès de l'entité compétente.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les charges spéciales et les cargaisons dangereuses ainsi que les modalités de leur transport.</p>
<p><u>Akiciro ka 3:</u> icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa n'uruhushya rw'ubwato</p>	<p><u>Subsection 3:</u> License for public transport on waterways and vessel authorization</p>	<p><u>Sous-section 3 :</u> Licence de transport public par voies navigables et autorisation de bateau</p>
<p><u>Ingingo ya 157:</u> icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa</p> <p>(1) Umuntu ushaka gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa agomba kuba afite icyemezo mbere y'uko atangira uwo umurimo.</p> <p>(2) Urwego rufite mu nshingano</p>	<p><u>Article 157:</u> Licence for public transport on waterways</p> <p>(1) Any person wishing to engage in the public transport on waterways must first obtain a licence prior to commencing such an operation.</p> <p>(2) The entity in charge of regulation</p>	<p><u>Article 157 :</u> Licence de transport public par voies navigables</p> <p>(1) Toute personne qui désire effectuer le transport public par voies navigables doit, avant de commencer cette opération, en obtenir une licence.</p> <p>(2) L'entité ayant la régulation dans ses</p>

<p>kugenzura imikorere rutanga icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa rumaze gusuzuma ko usaba yujuje ibisabwa.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu gutanga icyemezo kivugwa muri iyi ngingo.</p> <p><u>Ingingo ya 158:</u> Uruhushya rw'ubwato bukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa</p> <p>(1) Ubwato bukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa bugomba kuba bufite uruhushya.</p> <p>(2) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rutanga uruhushya rw'ubwato butwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange mu mazi nyabagendwa rumaze gusuzuma ko usaba yujuje ibisabwa.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu gutanga uruhushya ruvugwa muri iyi ngingo.</p>	<p>issues a license for public transport on waterways after checking whether the applicant meets the requirements.</p> <p>(3) An Order of Minister determines requirements for the issuance of the licence referred to in this Article.</p> <p><u>Article 158:</u> Authorization for a vessel used for public transport on waterways</p> <p>(1) A vessel used for public transport on waterways must have an authorisation to that effect.</p> <p>(2) The entity in charge of regulation issues the authorization for a vessel used for public transport on waterways after checking whether the applicant meets the requirements.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines requirements for the issuance of the authorization referred to in this Article.</p>	<p>attributions délivre une licence de transport public par voies navigables après avoir vérifié si le demandeur remplit les conditions requises.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les conditions d'octroi de la licence visée au présent article.</p> <p><u>Article 158 :</u> Autorisation pour un bateau affecté au transport public par voies navigables</p> <p>(1) Un bateau affecté au transport public par voies navigables doit disposer d'une autorisation à cet effet.</p> <p>(2) L'entité ayant la régulation dans ses attributions délivre une autorisation pour un bateau affecté au transport public après avoir vérifié si le demandeur remplit les conditions requises.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les conditions d'octroi de l'autorisation visée au présent article.</p>
--	--	--

<p>Ingingo ya 159: Ububasha bwo guhagarika by'agateganyo cyangwa gutesha agaciro icyemezo cyangwa uruhushya rw'ubwato</p> <p>(1) Urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rushobora guhagarika by'agateganyo cyangwa gutesha agaciro icyemezo cyo gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu bwato mu buryo bwa rusange cyangwa uruhushya rw'ubwato iyo kimwe cyangwa byinshi bisabwa ku itangwa ry'icyemezo cyangwa uruhushya bitubahirijwe.</p> <p>(2) Iyo icyemezo cyo gutwara abantu cyangwa ibintu mu bwato mu buryo bwa rusange cyangwa uruhushya rw'ubwato bihagaritswe by'agateganyo cyangwa biteshejwe agaciro hakurijwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, urwego rufite mu nshingano kugenzura imikorere rubimenyesha mu nyandiko nyiri icyemezo cyangwa nyiri uruhushya rumugaragariza impamvu zashingiweho kugira ngo bihagarikwe by'agateganyo cyangwa biteshe agaciro.</p>	<p>Article 159: Powers to suspend or revoke license or vessel authorization</p> <p>(1) The entity in charge of regulation may suspend or revoke a license for public transport on waterways or vessel authorization in case of non-compliance with one or several requirements for its issuance.</p> <p>(2) When a license for public transport on waterways or vessel authorization is suspended or revoked in accordance with the provisions of Paragraph (1) of this Article, the entity in charge of regulation informs the license or authorization holder thereof in writing, giving the reasons for the suspension or revocation.</p>	<p>Article 159 : Pouvoir de suspension ou de révocation d'une licence ou d'une autorisation de bateau</p> <p>(1) L'entité ayant la régulation dans ses attributions peut suspendre ou révoquer une licence de transport public par voies navigables ou une autorisation de bateau en cas de non-respect d'une ou de plusieurs conditions de sa délivrance.</p> <p>(2) Lorsque, conformément au paragraphe (1) du présent article, une licence de transport public par voies navigables ou une autorisation de bateau sont suspendus ou révoqués, l'entité ayant la régulation dans ses attributions en informe le titulaire par écrit en lui indiquant les motifs de la suspension ou de la révocation.</p>
--	---	--

<p>UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</p> <p><u>Akicro ka mbere:</u> Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi byerekeye imihanda n'ikoreshwa ryayo</p> <p><u>Ingingo ya 160:</u> Gushyira ibikorwa ku butaka bweguriwe imihanda nta ruhushya</p> <p>(1) Umuntu ushyira inyubako cyangwa ikindi gikorwa ku butaka bweguriwe imihanda atabihereye uruhushya n'urwego rubifitiye ububasha, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 250.000 FRW kandi agakuraho inyubako cyangwa ibindi bikorwa yahakoreye mu gihe kitarenze iminsi 30, uhereye ku muni yabimenyereherejwe.</p> <p>(2) Iyo atabikuyeho bivanwaho n'urwego rufite uwo muhanda mu nshingano akishyura ikiguzi kijyanye n'ibyakozwe.</p>	<p>CHAPTER VI: FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES</p> <p><u>Section One:</u> Faults and administrative sanctions</p> <p><u>Subsection One:</u> Faults and administrative sanctions related to roads and their use</p> <p><u>Article 160:</u> Carrying out developments within road reserve without authorisation</p> <p>(1) A person who installs a structure or carries out any other development within road reserve without authorisation from the competent entity, commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 250,000, and removes the structure or other works performed by him or her therein within 30 days of the day of being ordered to do so.</p> <p>(2) If he or she fails to carry out the removal thereof, such removal is performed by the entity at such a person's expense.</p>	<p>CHAPITRE VI : FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES</p> <p><u>Section 2 :</u> Fautes et sanctions administratives</p> <p><u>Sous- section première :</u> Fautes et sanctions administratives relatives aux routes et leur utilisation</p> <p><u>Article 160 :</u> Réalisation d'aménagements dans l'emprise routière sans autorisation</p> <p>(1) Une personne qui installe une structure ou réalise tout autre aménagement dans l'emprise routière sans autorisation de l'entité compétente, commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 250.000 FRW, et enlève la structure ou autres ouvrages qui y sont réalisés par lui dans les 30 jours suivant le jour où elle en a reçu l'ordre.</p> <p>(2) Si elle ne procède pas à leur enlèvement, l'entité ayant cette route dans ses attributions procède à leur enlèvement aux frais de cette personne.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 161:</u> Kurunda ibikoresho cyangwa kohereza amazi mu muhanda</p> <p>Umuntu-</p> <p>(a) urunda ibikoresho by'ubwubatsi n'ibindi bintu byose bishobora kwangiza cyangwa kubangamira imikoreshereze y'umuhanda cyangwa inzira z'amazi;</p> <p>(b) wohereza amazi ku buryo bishobora kwangiza cyangwa kubangamira imikoreshereze y'imiyoboro y'amazi cyangwa umuhanda nyir'izina;</p> <p>aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 250.000 FRW, kandi agakuraho ibyo yarunze cyangwa yohereje mu muhanda akanishyura agaciro ko gusana ahangiritse.</p>	<p><u>Article 161:</u> Depositing materials on or draining water into road</p> <p>A person-</p> <p>(a) who deposits building materials and any other materials capable of damaging or obstructing the use of a road or drainage systems;</p> <p>(b) who drains water in a manner likely to cause damage to drainage systems or to the road itself or to obstruct the use thereof;</p> <p>commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 250,000, and carries out the removal of the materials deposited on or drained into the road and bears the costs for repair of damage caused.</p>	<p><u>Article 161 :</u> Dépôt de matériaux sur la route ou évacuation des eaux sur la route</p> <p>Une personne-</p> <p>(a) qui dépose des matériaux de construction et autres matériaux susceptibles d'endommager une route ou des systèmes de drainage ou de faire obstruction à leur usage;</p> <p>(b) qui évacue des eaux de manière à endommager des systèmes de drainage ou une route elle-même ou à faire obstruction à leur usage ;</p> <p>commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 250.000 FRW et enlève les matières déposées sur la route ou évacuées vers la route et supporte les frais de réparation du dommage causé.</p>
<p><u>Ingingo ya 162:</u> Guteza impanuka cyangwa inkomyi mu gihe cyo kubaka umuhanda</p> <p>Umuntu ukora imirimo yo kubaka umuhanda uteza impanuka cyangwa inkomyi biturutse ku makosa cyangwa uburangare, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya</p>	<p><u>Article 162:</u> Causing an accident or incident during road construction works</p> <p>A person who, being involved in road construction works, causes an accident or incident as a result of his or her faults or negligence, commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW</p>	<p><u>Article 162 :</u> Causer un accident ou un incident lors des travaux de construction d'une route</p> <p>Une personne qui, étant impliquée dans les travaux de construction d'une route, cause un accident ou un incident par ses fautes ou par sa négligence commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 2.500.000 FRW et verse</p>

<p>2.500.000 FRW kandi akishyura agaciro k'ibyangijwe n'impanuka cyangwa inkomyi byabaye.</p> <p><u>Ingingo ya 163:</u> Gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange nta mpamyabushobozi y'umwuga</p> <p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga ukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange nta mpamyabushobozi y'umwuga afite, aba akoze ikosa.</p> <p>(2) Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 50.000 FRW.</p> <p><u>Ingingo ya 164:</u> Gukora umurimo wo gutwara abagenzi nta cyemezo</p> <p>Umuntu ukora umurimo wo gutwara abagenzi nta cyemezo abifitiye, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) 500.000 FRW kuri bisi;</p> <p>(b) 400.000 FRW kuri minibisi;</p> <p>(c) 200.000 FRW ku modoka nto;</p>	<p>2,500,000 and pays compensation for damage resulting from the accident or incident.</p> <p><u>Article 163:</u> Carrying out public transport operation without a professional certificate</p> <p>(1) The driver of a vehicle who carries out a public transport operation without a professional certificate commits a fault.</p> <p>(2) He or she is liable to an administrative fine of FRW 50,000.</p> <p><u>Article 164:</u> Carrying out passenger transport operation without a license</p> <p>A person who carries out a passenger transport operation without a license commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of:</p> <p>(a) FRW 500,000 for a bus;</p> <p>(b) FRW 400,000 for a minibus;</p> <p>(c) FRW 200,000 for a car;</p>	<p>réparation pour le dommage causé par l'accident ou l'incident survenus.</p> <p><u>Article 163 :</u> Réalisation d'une opération de transport public sans certificat professionnel</p> <p>(1) Le conducteur d'un véhicule qui effectue une opération de transport public sans certificat professionnel commet une faute.</p> <p>(2) Il est passible d'une amende administrative de 50.000 FRW.</p> <p><u>Article 164 :</u> Réalisation d'une opération de transport de passagers sans licence</p> <p>Une personne qui effectue une opération de transport de passagers sans licence commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de :</p> <p>(a) 500.000 FRW) pour un bus ;</p> <p>(b) 400.000 FRW pour un minibus ;</p> <p>(c) 200.000 FRW pour une voiture ;</p>
--	---	---

<p>(d) 100.000 FRW ku ipikipiki;</p> <p>(e) 800.000 FRW k'ukoresha ibinyabiziga bitandukanye.</p> <p><u>Ingingo ya 165: Gukoresha ikinyabiziga gitwara abagenzi nta ruhushya</u></p> <p>Umuntu ukoresha ikinyabiziga gitwara abagenzi nta ruhushya abifitiye, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) 300.000 FRW kuri bisi na minibisi;</p> <p>(b) 100.000 FRW ku modoka nto;</p> <p>(c) 50.000 FRW ku ipikipiki.</p>	<p>(d) FRW 100,000 for a motorcycle;</p> <p>(e) FRW 800,000 for a mixed fleet.</p> <p><u>Article 165: Use of a passenger transport vehicle without authorisation</u></p> <p>A person who uses a passenger transport vehicle without authorisation commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of:</p> <p>(a) FRW 300,000 for a bus and minibus;</p> <p>(b) FRW 100,000 for a car;</p> <p>(c) FRW 50,000 for a motorcycle.</p>	<p>(d) 100.000 FRW pour une motocyclette ;</p> <p>(e) 800.000 FRW pour une flotte mixte.</p> <p><u>Article 165 : Utilisation d'un véhicule pour transport de passagers sans autorisation</u></p> <p>Une personne qui utilise un véhicule pour le transport de passagers sans autorisation commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de :</p> <p>(a) 300.000 FRW pour un bus et un minibus ;</p> <p>(b) 100.000 FRW pour une voiture ;</p> <p>(c) 50.000 FRW pour une motocyclette.</p>
<p><u>Ingingo ya 166: Gukora umurimo wo gutwara ibintu mu buryo bwa rusange nta cyemezo</u></p> <p>Umuntu ukora umurimo wo gutwara ibintu mu buryo bwa rusange nta cyemezo, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) 50.000 FRW ku kinyabiziga gito;</p> <p>(b) 70.000 FRW ku kinyabiziga kitaremereye;</p>	<p><u>Article 166: Carrying out operation of public transport of goods without a license</u></p> <p>A person who carries out an operation of public transport of goods without a license commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of:</p> <p>(a) FRW 50,000 for a small vehicle;</p> <p>(b) FRW 70,000 for a light vehicle;</p>	<p><u>Article 166 : Réalisation d'une opération de transport public de biens sans licence</u></p> <p>Une personne qui effectue une opération de transport public de biens sans licence commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de :</p> <p>(a) 50.000 FRW pour un petit véhicule ;</p> <p>(b) 70.000 FRW pour un véhicule léger ;</p>

<p>(c) 100.000 FRW ku kinyabiziga gifite uburemere buringaniye;</p> <p>(d) 150.000 FRW ku kinyabiziga kiremereye;</p> <p>(e) 200.000 FRW ku kinyabiziga kiremereye cyane.</p> <p><u>Ingingo ya 167: Gukoresha ikinyabiziga gitwara ibintu mu buryo bwa rusange nta ruhushya</u></p> <p>Umuntu ukoresha ikinyabiziga gitwara ibintu mu buryo bwa rusange atabifitiye uruhushya, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) 20.000 FRW ku kinyabiziga gito;</p> <p>(b) 50.000 FRW ku kinyabiziga kitaremereye;</p> <p>(c) 70.000 FRW ku kinyabiziga gifite uburemere buringaniye;</p> <p>(d) 100.000 FRW ku kinyabiziga kiremereye;</p> <p>(e) 120.000 FRW ku kinyabiziga kiremereye cyane.</p>	<p>(c) FRW 100,000 for a medium-sized vehicle;</p> <p>(d) FRW 150,000 for a heavy vehicle;</p> <p>(e) FRW 200,000 for a very heavy vehicle.</p> <p><u>Article 167: Use of a vehicle for public transport of goods without authorisation</u></p> <p>A person who uses a vehicle for public transport of goods without authorisation commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of:</p> <p>(a) FRW 20,000 for a small vehicle;</p> <p>(b) FRW 50,000 for a light vehicle;</p> <p>(c) FRW 70,000 for a medium-sized vehicle;</p> <p>(d) FRW 100,000 for a heavy vehicle;</p> <p>(e) FRW 120,000 for a very heavy vehicle.</p>	<p>(c) 100.000 FRW pour un véhicule de taille moyenne ;</p> <p>(d) 150.000 FRW pour un véhicule lourd ;</p> <p>(e) 200.000 FRW pour un véhicule très lourd.</p> <p><u>Article 167 : Utilisation d'un véhicule pour transport public de biens sans autorisation</u></p> <p>Une personne qui utilise un véhicule pour transport public de biens sans autorisation commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de :</p> <p>(a) 20.000 FRW pour un petit véhicule ;</p> <p>(b) 50.000 FRW pour un véhicule léger ;</p> <p>(c) 70.000 FRW pour un véhicule de taille moyenne ;</p> <p>(d) 100.000 FRW pour un véhicule lourd ;</p> <p>(e) 120.000 FRW pour un véhicule très lourd.</p>
--	---	--

<u>Ingingo ya 168: Kutanyuza ikinyabiziga ku munzani</u>	<u>Article 168: Circumvention of a weighbridge</u>	<u>Article 168 : Contournement d'un pont-bascule</u>
<p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga gitwara abantu cyangwa ibintu utanyuza ikinyabiziga ku munzani yayoboweho, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) 100.000 FRW ku kinyabiziga gito cyangwa ikinyabiziga gitwara abantu;</p> <p>(b) 200.000 FRW ku kinyabiziga kitaremereye;</p> <p>(c) 300.000 FRW ku kinyabiziga gifite uburemere buringaniye;</p> <p>(d) 400.000 FRW ku kinyabiziga kiremereye;</p> <p>(e) 500.000 FRW ku kinyabiziga kiremereye cyane.</p> <p>(2) Ku bihano bivugwa muri iyi ngingo, hiyongeraho gukurwaho amanota abiri ku manota ngengamytwarire.</p>	<p>(1) The driver of a vehicle used for transport who circumvents a weighbridge to which he or she is directed commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of:</p> <p>(a) FRW100,000 for a small vehicle or a vehicle used for the transport of persons;</p> <p>(b) FRW 200,000 for a light vehicle;</p> <p>(c) FRW 300,000 for a medium-sized vehicle;</p> <p>(d) FRW 400,000 for a heavy vehicle;</p> <p>(e) FRW 500,000 for a very heavy vehicle.</p> <p>(2) In addition to the sanctions provided for under this Article, he or she receives two demerit points.</p>	<p>(1) Le conducteur d'un véhicule utilisé pour le transport qui contourne un pont-bascule vers lequel il est orienté commet une faute. Il est passible d'une amende administrative de :</p> <p>(a) 100.000 FRW pour un petit véhicule ou un véhicule de transport de personnes ;</p> <p>(b) 200.000 FRW pour un véhicule léger ;</p> <p>(c) 300.000 FRW pour un véhicule de taille moyenne ;</p> <p>(d) 400.000 FRW pour un véhicule lourd ;</p> <p>(e) 500.000 FRW pour un véhicule très lourd.</p> <p>(2) Outre les sanctions visées au présent article, il se voit attribuer deux points d'inaptitude.</p>

<p><u>Akicro ka 3:</u> Amakosa n'ibihano byerekeye gutwara abantu n'ibintu mu buryo bwa rusange mu nzira ya gariyamoshi</p> <p><u>Ingingo ya 169:</u> Gukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi nta cyemezo</p> <p>(1) Umuntu ukora umurimo wo gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange muri gariyamoshi nta cyemezo, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 20.000.000 FRW.</p> <p>(3) Ku gihano kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo hiyongeraho guhagarika ibikorwa bye kugeza igihe aboneye icyemezo.</p>	<p><u>Sub-section 3:</u> Faults and sanctions relating to public rail transport</p> <p><u>Article 169:</u> Carrying out an operation of public rail transport without a license</p> <p>(1) A person who carries out an operation of public rail transport without a license commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 20,000,000.</p> <p>(2) In addition to the sanction provided for under Paragraph (1) of this Article, his or her operations are suspended until he or she is granted a licence.</p>	<p><u>Sous- section 3 :</u> Fautes et sanctions relatives au transport public ferroviaire</p> <p><u>Article 169 :</u> Réalisation d'une opération de transport public ferroviaire sans licence</p> <p>(1) Une personne qui effectue une opération de transport public ferroviaire sans licence commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 20.000.000 FRW.</p> <p>(2) Outre la sanction visée au paragraphe (1) du présent article, il est procédé à la suspension de ses opérations jusqu'à ce qu'elle obtienne la licence.</p>
<p><u>Ingingo ya 170:</u> Gukora umurimo wo gusana gariyamoshi nta cyemezo</p> <p>(1) Umuntu ukora umurimo wo gusana gariyamoshi nta cyemezo aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 20.000.000 FRW.</p> <p>(2) Ku gihano kivugwa mu gika cya (1)</p>	<p><u>Article 170:</u> Carrying out train repair or maintenance without a license</p> <p>(1) A person who carries out a train repair or maintenance without a license commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 20,000,000.</p> <p>(2) In addition to the sanction provided</p>	<p><u>Article 170 :</u> Effectuer la réparation ou l'entretien d'un train sans licence</p> <p>(1) Une personne qui effectue la réparation ou l'entretien d'un train sans licence commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 20.000.000 FRW.</p> <p>(2) Outre la sanction visée au paragraphe (1)</p>

<p>cy'iyi ngingo hiyongeraho guhagarika ibikorwa bye kugeza igihe aboneye icyemezo.</p> <p><u>Ingingo ya 171:</u> Gukora imirimo muri gariyamoshi wakoresheje ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo n'ibindi bibujijwe</p> <p>Umukozi ufasha mu gukoresha no kuyobora gariyamoshi uri ku murimo yakoresheje ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo n'ibindi bibujijwe, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 2.000.000 FRW.</p> <p><u>Ingingo ya 172:</u> Kutamenyekanisha inkomyi cyangwa impanuka</p> <p>Kapiteni wa gariyamoshi utamenyekanishije impanuka cyangwa inkomyi ikozwe na gariyamoshi ayoboye, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 500.000FRW.</p>	<p>for under Paragraph (1) of this Article, his or her operations are suspended until he or she is granted a licence.</p> <p><u>Article 171:</u> Performing duties on board a train while under influence of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances</p> <p>A staff member participating in train operation and control who performs his or her duties on board a train while he or she is under the influence of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors and other prohibited substances commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 2,000,000.</p> <p><u>Article 172:</u> Failure to notify an incident or an accident</p> <p>A train captain who fails to notify an accident or incident involving his or her train commits a fault. He or she is liable to a fine of FRW 500,000.</p>	<p>du présent article, il est procédé à la suspension de ses opérations jusqu'à ce qu'elle obtienne la licence.</p> <p><u>Article 171 :</u> Exécution des tâches à bord d'un train sous l'influence de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d'autres substances interdites</p> <p>Un membre du personnel participant à l'opération et au contrôle du train en service étant sous l'influence de stupéfiants, de substances psychotropes, de précurseurs et d'autres substances interdites commet une faute. Il est passible d'une amende administrative de 2.000.000 FRW.</p> <p><u>Article 172 :</u> Défaut de notification d'un incident ou d'un accident</p> <p>Un capitaine de train qui omet de notifier un accident ou un incident impliquant son train commet une faute. Il est passible d'une amende de 500.000 FRW.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 173:</u> Gukoresha gariyamoshi idafite ubwishingizi</p> <p>Umuntu ukoresha gariyamoshi idafite ubwishingizi, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 20.000.000 FRW.</p> <p><u>Ingingo ya 174:</u> Kutubahiriza ibiteganywa n'ubwishingizi bwa gariyamoshi</p> <p>Kapiteni wa gariyamoshi utubahiriza ibiteganywa n'ubwishingizi bwa gariyamoshi, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 2.000.000 FRW.</p> <p><u>Akicro ka 4:</u> Amakosa n'ibihano byerekeye gutwara abantu n'ibintu mu mazi</p>	<p><u>Article 173:</u> Operating a train without an insurance</p> <p>A person who operates a train without insurance commits a fault. He or she is liable to a fine of FRW 20,000,000.</p> <p><u>Article 174 :</u> Non-compliance with train insurance provisions</p> <p>A train captain who fails to comply with train insurance provisions commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 2,000,000.</p> <p><u>Subsection 4:</u> Faults and sanctions relating to waterways transport</p>	<p><u>Article 173 :</u> Exploitation d'un train sans assurance</p> <p>Une personne qui exploite un train sans assurance commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 20.000.000 FRW.</p> <p><u>Article 174 :</u> Non-respect des dispositions de l'assurance pour train</p> <p>Un capitaine de train qui ne respecte pas les dispositions de l'assurance pour train commet une faute. Il est passible d'une amende administrative de 2.000.000 FRW.</p> <p><u>Sous- section 4 :</u> Fautes et sanctions relatives au transport par voies navigables</p>
<p><u>Ingingo ya 175:</u> Gukoresha ubwato butanditswe</p> <p>(1) Umuntu ukoresha mu mazi ubwato butanditswe aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi 50.000 FRW.</p> <p>(2) Ku gihano kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo hiyongeraho gufunga</p>	<p><u>Article 175:</u> Operating a non-registered vessel</p> <p>(1) A person who operates a non-registered vessel for navigation commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 50,000.</p> <p>(2) In addition to the sanction provided for under Paragraph (1) of this Article,</p>	<p><u>Article 175:</u> Exploitation d'un bateau non immatriculé</p> <p>(1) Une personne qui exploite un bateau non immatriculé pour navigation commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 50.000 FRW.</p> <p>(2) Outre la sanction visée au paragraphe (1) du présent article, il est procédé à la saisie</p>

<p>ubwato kugeza igihe yerekaniye icyemezo cy'uko yabwandikishije kandi akanishyura ikiguzi kijyanye n'ifungwa ryabwo.</p> <p><u>Ingingo ya 176:</u> Gukoresha ubwato butakorewe isuzuma ry'imiterere n'imikorere</p> <p>Umuntu ukoresha ubwato butakorewe isuzuma ry'imiterere n'imikorere, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi 100.000 FRW ku bwato bukoreshwa mu gutwara abantu cyangwa ibintu mu buryo bwa rusange na 10.000 FRW ku bwato bw'umuntu ku giti cye kandi budakoreshwa mu bikorwa bigamije inyungu.</p> <p><u>Ingingo ya 177:</u> Gutwara ubwato buri mu itsinda mu mazi nyabagendwa nta ruhushya</p> <p>Umuntu ukoresha ubwato buri mu itsinda mu mazi nyabagendwa nta ruhushya, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 100.000 FRW.</p>	<p>his or her vessel is seized until he or she proves that the vessel is registered and he or she bears seizure-related costs.</p> <p><u>Article 176:</u> Use of a vessel which has not been subjected to seaworthiness inspection</p> <p>A person who uses a vessel which has not been subjected to seaworthiness inspection commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 100,000 for a public transport vessel and a fine of FRW10,000 for a private vessel used for non-profit purposes.</p> <p><u>Article 177:</u> Navigating convoyed vessels in waterways without a permission</p> <p>Any person who navigates convoyed vessels in waterways without a permission, commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of FRW 100,000.</p>	<p>du bateau jusqu'à ce qu'elle présente un certificat d'enregistrement de ce bateau et elle supporte les coûts afférents à la saisie.</p> <p><u>Article 176 :</u> Utilisation d'un bateau n'ayant pas fait l'objet de contrôle technique</p> <p>Une personne qui exploite un bateau n'ayant pas fait l'objet de contrôle technique commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 100.000 FRW pour un bateau de transport public et d'une amende de 10.000 FRW pour un bateau privé utilisé à des fins non lucratives.</p> <p><u>Article 177 :</u> Naviguer un convoi de bateaux dans les voies navigables sans permission</p> <p>Une personne qui navigue un convoi de bateaux dans les vois navigables sans permission commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative de 100.000 FRW.</p>
---	--	---

